# *ABASIZWE BO MU GIHE CYA NYUMA*

Mwaramutse, abateraniye hano mwese. Mureke noneho tuvugane n'Umwami wacu.

2 Mana Ikomeye, Umuremyi w'amajuru n'isi, Waduhamagaye nk'Imana kuri iyi nshuro muri iki gitondo, kugira ngo tuguhimbaze. Natwe, Mwami, mu mitima yacu ubwacu twiyeguriye byimazeyo ubushake Bwawe buturutse ku Mana n'umurimo w'Umwuka Wera muri twe, kugira ngo uzane ibyo Wifuza ko tumenya. Icyifuzo cyacu ni ukuba Abakristo beza n'abaguhagarariye beza. Uze kubiduha muri iki gitondo, mu gihe tugutegereje, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

3 Mwicare. [Umuntu ati: "Nkuremo imyenda yo gusengerwa?"—Ubwanditsi.] Yego. Twishimiye cyane kongera kuba hano muri iki gitondo, mu—mu murimo w'Umwami ukomeye. Kandi tubabajwe, twebwe, nanone, ko nta cyumba cy'abantu dufite, ahubwo dufite gusa . . . Tuzaragerageza gukora ibyo dushoboye, muri ibi bihe.

4 Noneho, benshi bafite ibitambaro n'ibyifuzo birambitse hano kugira ngo bisengerwe. Kandi ndabashyira ku ruhande rumwe gusa; ntabwo ndimo kubyirengagiza, ariko ndabasengera nyuma . . . Nkunda cyane . . . kandi uyu mugoroba, ndaza kubikora muri iki gitondo, hanyuma nongere iri joro, ubwo, noneho ndaza gusenga ntegereze Umwuka w'Imana kubwo gukiza. Ubwo ni bwo nkunda gusengera i—ibitambaro n'ibindi.

5 Kandi ku byifuzo bidasanzwe, bya buri wese, Billy yarabimpaye. Hano hari ibyifuzo nka magana atatu, kandi ndi, mukanya mvuye mu cyumba. Murabona, ndimo kubakira gusa byihuse, kandi buri wese, nshobora kumugeraho. Nzihuta kugira ngo mbagereho uko nshoboye kose. Ariko sindibubashe kubageraho bose. Kugerayo gusa, ngafata umwe, nkavuga nti: "Mwami, bizaba ari *uyu*, abe n'*uyu*?" Ni nk'ibyo, kuko ari, buri wese, ukeneye, ibyifuzo by'ukuri; ikintu runaka, nta gushidikanya, ko twese hamwe tugomba kukiganiraho. Kandi njyewe . . . Buhoro buhoro, murabizi, rimwe na rimwe Umwuka Wera ushobora kuvuga ku kintu runaka nasomye, kikaguma ku mutima wanjye; Ibyo nongera kubigarukaho, nkabihigamo kugeza igihe mbiboneye. Bitabaye ibyo, nkabifata igihe bikenewe.

6 Noneho, turashaka kandi kuvuga, muri iki gitondo, no gusuhuza abari mu tundi duce tw'igihugu. Turashaka gusuhuza abantu muri iki gitondo dukoresheje uyu murongo wa telefone,

mu mujyi wa New York; Beaumont, Texas; Prescott, Arizona; Tucson, Arizona; San Jose, muri Californiya; Connecticut; Gainesville, Jeworujiya; na New Albany, muri Leta ya Indiana; mu gihugu hose. Turabasuhuje mw'Izina ry'Umwami Yesu.

7 Muri iki gitondo, muri Indiana, ni igitondo cyiza. Mw'ijoro rishize twagize imvura yaraye ikonjesheje ikirere. Kandi turi . . . Ihema ryuzuye, kandi abantu bose barategereje, bafite ibyifuzo byinshi, ku masomo yo ku Cyumweru. Kandi nizera ko imigisha itubutse cyane y'Imana iri bube kuri mwebwe ahongaho.

8 Kandi twiringiye, vuba bishoboka, gukora i—inzira dushobora gukoresha, aho dushobora guhuriza hamwe twese, birashoboka ko munsi y'ihema rinini, aho numva rwose byanze bikunze nyobowe kubwiriza ku Nzabya Zirindwi za nyuma muri Bibiliya.

9 Ubu rero, kugira ngo tutaza gutinda cyane ku masomo akomeye muri iki gitondo . . . Nashakishije Uwiteka, ntekereza nti: "Ni iki nshobora kuvuga?" mu kumenya ko aya shobora kuba amateraniro yacu ya nyuma tuzigera tugira. Ukuza k'Umwami kuregereje cyane!

10 Ndabona, nyuma y'ubwo buhanuzi bwakorewe muri Californiya, hariyo amazu, n'ahantu, hagiye kurigita ku kigero cya santimetero mirongo itatu mu isaha, imbaho ziriyasa kandi zigacikamo. Kandi ntibazi ikibitera. Turi ku musozo. Amazu y'ibihumbi amagana by'amadolari, arohama. Nabonye imitwe y'amagambo mu mpapuro, amafoto, ibyo nizeye kubizana iri joro, nk'uko nshaka kuvuga ku bintu runaka muri iri joro.

11 Noneho, iri joro dufite amasengesho yo gusabira abarwayi. Muze nyuma ya saa sita, saa kumi n'imwe, saa kumi n'ebyiri zuzuye, cyangwa igihe icyo ari cyo cyose. Tugiye gutangira kare, ngira ngo, kugira ngo abantu bashobore gutaha kare, kandi mufate amakarita yanyu yo gusengerwa. Kandi turi busengere abarwayi muri iri joro, Uwiteka nabishaka.

12 Noneho, nyuma yo gutekereza dusenga, "Ngomba gukora iki?" mu gihe nzi ko umunsi umwe ngomba gusubiza ku byo mvuga hano . . . Kandi nafashe icyemezo, cyangwa numva nyobowe n'Umwuka Wera kuvuga muri iki gitondo ku buhanuzi, kugira ngo bubitumenyeshe. Murareba? Ni ikintu twebwe . . . Niba tutabimenyeshejwe, maze ikintu cyose kikabaho gusa, tugomba kumenya kuri ibi. Umwuka Wera yarabiduhaye, kugira ngo aburire abantu ku byerekana ukuza. Murabizi, Bibiliya iravuga, ngo: "Imana ntacyo izakora Itabanje kucyereka abagaragu Bayo, ari bo bahanuzi." Kandi n'u—n'uburyo ibyo Yesu yaburiye abantu, ibigomba kuzaba; uko abahanuzi baburiye abantu, kuri ibyo bizaba. Kandi biradukwiriye ubu, mu gihe gikomeye turi kubamo, kugira ngo turebe imyaka turimo, n'ibishimishije- . . . n'ibizaba muri iki gihe. Rero imwe muri izi

ngingo zidasanzwe wenda twasomye inshuro nyinshi, byaje mu mutima wanjye ku—kuyivuganaho n'abantu muri iki gitondo.

13 Noneho reka duhindukire muri Bibiliya zacu muri Matayo igice cya 24, hanyuma dusome igice cy'Ijambo [Mwene Data Branham arakorora—Ubwanditsi.] (Mumbabarire.) nk'uburyo bwo—bwo kubona insobanuro y'inyandiko yacu n'ingingo nyamukuru.

14 Noneho, mwibuke ko tugiye kubyigisha nk'ishuri rya Bibiliya, twitonze. Mufate amakaramu yanyu n'impapuro. Mfite Ibyanditswe byinshi nanditse hano, ku—kugira ngo mubashe kubyandukura. Noneho mujye mu rugo mubyige, kuko iri ni nk'ishuri ryo ku Cyumweru, kugira ngo tubimenye, kandi tuburirwe kandi twitegure mu gihe turimo.

15 Mu gitabo cya Mutagatifu Matayo, [Mwene Data Branham arakorora—Ubwanditsi.] (Mumbabarire.) Umurongo wa 24, cyangwa, igice cya 24, ahubwo, duhere ku murongo wa 15, ndashaka gusoma igice cy'Ijambo Ryayo.

*Ariko ubwo muzabona ikizira kirimbura, cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli, gihagaze ahera, (ubisoma abyitondere)*

*Icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi,*

*N'uzaba ari hejuru y'inzu ye ntazamanuke ngo atware ku bintu byo munzu ye:*

*N'uzaba ari mu mirima ye ntazasubire imuhira ngo azane umwenda we.*

*Kandi abazaba batwite n'abonsa bazabona ishyano muri iyo minsi!*

*Namwe musengere kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu mezi cy'imbeho, cyangwa ku munsi w'isabato,*

*kuko muri iyo minsi hazabaho umubabaro mwinshi, utigeze kubaho uhereye ku kuremwa kw'isi ukageza none, kandi ntuzongera kubaho.*

*iyo minsi iyaba itagabanijweho ntihajyaga kuzarokoka n'umwe: ariko kubw'intore iyo minsi izagabanywaho.*

*Icyo gihe umuntu nababwira ati: Dore Kristo ari hano, n'undi ati ari hariya; ntimuzabyemere.*

*Nk'uko abiyita ba Kristo n'abahanuzi, b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye, n'ibitangaza; kugira ngo babone uko bayobya* n'abatoranijwe *niba bishoboka.*

*Dore mbibabwiye bitaraba.*

> *Nuko nibababwira bati, Dore ari mu butayu; ntimuzajyeyo: cyangwa bati Dore ari mu* kirambi; *ntimuzabyemere.*
>
> *Kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba, ukabonekera aho rirengera; ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba.*
>
> *Aho intumbi iri hose, ni ho inkongoro ziteranira . . .*

16 Noneho, ku nyigisho, ndashaka gufata umurongo wa 24, nshimangira kuri uyu murongo w'isomo ryacu ryo ku Cyumweru muri iki gitondo. Kandi mutege amatwi neza mu gihe nongeye gusoma ibi, na none.

> *Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza; kugira ngo babone uko bayobya* n'abatoranijwe *niba bishoboka.*

17 Noneho ku nyigisho yo muri iki gitondo, cyangwa inyandiko, ahubwo, ndashaka gufata: *Abasizwe Bo Mu Gihe Cya Nyuma.* Ngiyo ingingo nifuza kuvugaho, cyangwa inyandiko: *Abasizwe Bo Mu Gihe Cya Nyuma.*

18 Nizera ko turi mu bihe bya nyuma. Ntekereza ko abantu benshi bo . . . Umusomyi w'Ibyanditswe, cyangwa u—umwizera, azi ko ubu turi ku iherezo ry'amateka y'isi. Kubyandika ntacyo bizamara, kuko nta muntu n'umwe wo kubisoma uzaba ahari. Ni igihe cyo ku iherezo ry'igihe. Igihe gusa, simbizi. Gusa igihe bizabera, nta n'Abamalayika bo mw'Ijuru bazi uwo munota cyangwa isaha. Ariko twabwiwe n'Umwami Yesu, ko, igihe ibi bintu turi kubona ubu bizatangirira gusohora, noneho tuzubure amaso kuko igihe cyacu cyo gucungurwa kizaba kiri bugufi. Noneho, icyo "kuba bugufi" bisobanura, sinkizi. Bishobora gusobanura . . .

19 Nk'uko abahanga babivuze ejobundi, kuri televiziyo, kuvuga ku birometero ibihumbi n'ibihumbi bisaduka kw'isi bigiye kurigita. Yabajijwe ikibazo kigira kiti: "Ishobora kurigita?" Ngiyo Los Angeles, iri ku Nkombe y'Iburengerazuba. Kandi benshi mwabonye uko babikurikiranye na radari, barayizamutse . . . yasadukiye munsi ya San Jose, binyura muri Alaska, iyo mu birwa bya Aleutian, nko mu bilometero magana atatu na makumyabiri na bitatu mu nyanja, hanyuma usubire muri San Diego, uzenguruke inyuma ya Los Angeles, hanyuma uzamuke hariya, mu ruhago runini.

20 Kandi uyu mushyitsi wose twagiye tugira ni ikirunga cyibasiye iki cyuma kinini, nka, ahongaho. Sinshobora kuwita izina nk'uko ba—bawise. Ariko, iyo ibyo bihinda umushyitsi, ibyo bitanga uyu mushyitsi bimaze imyaka myinshi ku Cyambu cy'Iburengerazuba. Noneho yarasadutse ku nzira zose ziyikikije. Abahanga baravuze bati: umwe . . .

Umugabo yabwiye undi ati: "Ibyo bishobora kugwamo?"

Aravuga ati: "Oya 'ntibishoboka, 'ariko bizashoboka."

Aravuga ati: "Ariko ahari, si mu gisekuru cyacu?"

Aravuga ati: "Mu minota itanu iri imbere, cyangwa imyaka itanu iri imbere. Ntabwo tuzi ngo ni ryari."

21 Muri iki cyumweru, nohererejwe ibikubiyemo mu mpapuro, by'amazu manini y'ibihumbi ijana by'amadorari asaduka kandi agahirima, abantu barimuka. Kandi ntibazi uburyo babihagarika. Nta buryo bwo kubihagarika. Murareba, Imana ishobora gukora icyo ishaka cyose, kandi nta muntu n'umwe ushobora kuyibwira uko yabikora.

22 Mwubaka amazu, mushobora gukora ibintu by'ubuhanga, kandi Imana ni yo Rurema w'ubuhanga. Ni gute uzayihagarika? Ishobora kurimbura isi muri iki gitondo ikoresheje imbaragasa niba Ibishaka. Muzi ko, Yashoboraga kuvuga ko imbaragasa zikabaho, kandi byari kuba ibirometero mirongo ine by'ibujyakuzimu mu gihe cy'isaha n'igice, murareba, nta. . . kandi birya abantu ako kanya bikabarigitana mu butaka. Ni Imana. Ikora uko ishaka. Ni umutegetsi w'ikirenga, muri Yo ubwayo.

23 Noneho, tumaze kubona ibi byose byo gukusanya ibimenyetso, ko igihe tubayemo ubu, Ntekereza ko ari ibintu byiza gusubiramo ibi bintu no kubishushanya, kuva Ibimenyetso byafungurwa, ndetse no kumenya ukuri kw'ibi bintu, nkuko Imana yatubereye indahemuka, kubw'ubuntu bwayo, kugirango itwereke ibi bintu.

24 Ndashaka ko mubibona hano muri Matayo 24, Yesu yakoresheje ijambo rya "ba Kristo," ba K-r-i-s-t-o, "ba Kristo." Ntabwo ari Kristo, ahubwo ni "ba Kristo," mu bwinshi, ntabwo ari mu bumwe. "Kristo." Kubw'ibyo, ijambo *Kristo* risobanura "Uwasizwe." Hanyuma niba ari "abasizwe," ntihazabaho umwe gusa, ahubwo ni abasizwe benshi, "abasizwe." Murareba?

25 Bitabaye ibyo, niba We ashaka kubisenya kugira ngo turusheho kubyumva neza, Yari kuvuga ati: "Mu minsi y'imperuka hazabaho abasizwe, b'ibinyoma." Noneho, ibyo bisa nk'ibidashoboka, murareba, imvugo ngo "abasizwe." Ariko mwitegereze amagambo akurikira, "n'abahanuzi b'ibinyoma," a-b-a-h-a-n-u-z-i, mu bwinshi.

26 Noneho, *uwasizwe*, ni, "umwe ufite ubutumwa." Kandi inzira yonyine ubutumwa bushobora kunyuramo ni kubw'uwo *wasizwe*, kandi uwo aba ari umuhanuzi, uwasizwe, "hazabaho abigisha b'ibinyoma, basizwe." Umuhanuzi yigisha ubutumwa bwe icyo ari cyo. Abigisha basizwe, ariko basize abantu n'inyigisho z'ibinyoma. Abasizwe, "ba Kristo," mu bwinshi; "abahanuzi," mu bwinshi. Niba kandi hari ikintu nk'iki u—uwo Kristo, mu buke, noneho abo baba bagomba kuba ari "abasizwe," ko ubuhanuzi bwabo kubyo bigishaga bwagira itandukaniro, kuko ari bamwe basizwe, abasizwe.

27 Noneho, ni isomo ryo ku Cyumweru, turashaka—kugerageza kuzana ibi tubyerekane nyabyo, mu Byanditswe, atari ibyo undi muntu yabivuzeho, ahubwo mu ugusoma Ibyanditswe gusa.

Mushobora kuvuga muti: "Ibyo bishoboka bite? Ese abasizwe. . .? Bari he?"

"ba Kristo," ba K-r-i-s-t-o. "ba Kristo basizwe, n'abahanuzi b'ibinyoma." Abasizwe, ariko ari abahanuzi b'ibinyoma!

Yesu yavuze, ko, "Imvura igwa ku bakiranutsi n'abakiranirwa."

28 Noneho, umuntu umwe ashobora kumbwira ati: "Wizera ko ugusigwa kuri abo bantu bivuze ko ari ugusigwa Umwuka Wera?" Ni byo, mugenzi, Umwuka Wera w'Imana ku muntu, nyamara ari ibinyoma.

29 Noneho mutega amatwi neza maze murebe ibyo Yavuze. "Kandi bazerekana ibimenyetso n'ibitangaza, ku buryo byayobya n'Intore niba bishoboka." Kandi basizwe amavuta nyayo n'Umwuka Wera. Nzi ko ibi bisa nk'ubugoryi, ariko tugiye gufata umwanya tubisobanure dukoresheje Ijambo, ko mu buryo budakuka ari UKU NI KO UWITEKA AVUZE, Ukuri.

30 Noneho reka duhindukirire muri Bibiliya zacu, umunota umwe gusa, muri Matayo igice cya 5, hanyuma dutangirire ku—ku murongo wa 45, hanyuma turebe nonaha uko tugenda dusoma umwanya muto kuri ibi Byanditswe. Hanyuma, nitumara kugera hano, kubera iki, tuzaguha. . .Rero mwebwe, niba tunaniwe kubisoma byose, noneho mwebwe mufate Bibiliya zanyu; kandi—kandi nanone mushobora kubisoma tumaze kuva hano mutashye, maze—mugasoma icyo Bibiliya ibivugaho.

31 Noneho gufata umwanya, kugira ngo tubone u—ukuri shingiro, kuko ibyo ndimo kuvuga hano bitangaje. Ni gute Umwuka Wera ushobora gusiga amavuta umwigisha w'ikinyoma? Ariko ni byo Yesu yavuze ko bizabaho.

Noneho, Matayo, igice cya 5, umurongo wa 45, reka dusome nonaha. Reka tujye, dutangirire i—imbere yawo gato, uwa 44.

> *Ariko ndababwira nti: Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, mugirire neza ababanga,. . . mubasabire n'ubwo babarwanya bakanabatoteza;*
>
> *Ni bwo muzaba abana ba So wo mu ijuru: kuko ategeka izuba Rye kurasira ababi. . .n'abeza, kandi abakiranuka na. . .n'abakiranirwa abavubira imvura.* (Imvura igwira kimwe abeza n'ababi.)

32 Noneho kugira ngo dukurikirane ibi, ku bundi buhanuzi bujyanye n'ibi, reka noneho turambure mu Baheburayo igice cya 6, ku murongo ukurikira kuri uyu, aho Pawulo yibukije ikintu kimwe Yesu yavuze. Pawulo, avuga ubu. Mu gihe murimo kuhashakisha. . .Namwe abari hanze murimo gufashwa na Radio, mufate Bibiliya zanyu hafi yanyu hamwe n'impapuro,

hanyuma mushakishe ibi nonaha. Abaheburayo, igice cya 6, Pawulo yandikira Abaheburayo, abereka ibigereranyo n'ingero, abavana mu migenzo ya Kiyahudi abajyana mu Bukristo, kubereka ko burya ibintu byose bya kera byashushanyaga gusa ibizaza. Pawulo aravuga, mu Baheburayo 6.

> *Ni cyo gituma dukwiriye kuba turetse guhora mu bya mbere bya Kristo* (K-r-i-s-t-o, mu buke)*, tukigira imbere ngo tugere aho dutunganyirizwa rwose; twe kongera gushyiraho urufariro ubwa kabiri ari rwo kwihana . . . imirimo ipfuye no kwizera Imana.*

> *Bya . . . inyigisho z'umubatizo, no kurambikwaho ibiganza, n'izuka ry'abapfuye, n'urubanza rw'iteka.*

> *Icyakora Imana* nibikunda *tuzabikora.*

> *Kuko bidashoboka ko abamaze kuvirwa n'umucyo, bagasogongera impano iva mu ijuru, bakagabana ku Umwuka Wera,*

33 Ndifuzaga kubasaba kugira ibitekerezo byanyu ahantu hamwe mu munota umwe gusa. Mwabonye? Ni byo "impano biva ku Mana"; kandi ntabwo ari "impano zisanzwe mu buryo bwinshi, abasangira impano zo mw'ijuru"; ariko, "impano iva mu ijuru," ubuke; "Kristo," ubuke; "impano," ubuke.

> *. . . impano iva mu ijuru . . . bakagabana ku* Mwuka *Wera,*

> *bakanasogongera ku . . . Ijambo ryiza ry'Imana . . . (bakanasogongera ku ki?) . . . Ijambo ry'Imana n'imbaraga z'igihe kizaza,*

> *maze bakagwa bakavamo, ntibishoboka kongera kubahindura bashya ngo bihane; kuko baba bongeye kwibambira Umwana w'Imana, bakamukoreza isoni ku mugaragaro.*

> *Kuko,(*nimwumve*) dore iyo ubutaka . . . bwanyoye imvura yabuguyeho kenshi, bukameramo imyaka igirira akamaro ababuhingirwa, buhabwa n'Imana* imigisha*:*

> *ariko niba bumeramo amahwa . . . n'ibitovu buba buhinyutse, bugeze hafi yo kuvumwa; kandi amaherezo yabyo ni ugutwikwa.*

34 Noneho mugereranye ibyo na Matayo 5:24. Murareba, Yesu yavuze ko imvura n'izuba biza ku isi, ko Imana yohereje gutegura ibiryo n'ibintu ku bantu bo mw'isi. Kandi imvura yoherejwe ku biryo, ibyatsi. Ariko ingano, n'ibyatsi, biri mu murima, byakira ikintu kimwe. Imvura imwe ituma ingano zikura ni nayo ituma urumamfu rukura.

35 Ni irihe somo nk'iryo nakuyemo, ubwo nahuraga bwa mbere n'abantu b'Abapenekositi! Kandi byari isomo rikomeye

kuri njye. Nabonye abagabo babiri, umwe. . . Ntabwo yari yarigeze yumva kuvuga mu ndimi mbere. Umwe yavugaga mu ndimi, undi akazisobanura, nka gutyo. Kandi yashoboraga kuba avuga ukuri, akavuga ibyo, "Hano hari benshi bagomba kwihana iri joro. Hano hari abagore n'abagabo, bombi." Abantu bashoboraga guhaguruka bakajya ku gicaniro.

Ndibwirije nti: "Icyubahiro kibe icy'Imana!"

36 Hanyuma, hamwe n'impano nto y'Umwuka Wera, naganiriye n'abo bagabo, gusa, muzi uburyo, mu bushishozi, inzira nyayo yo kubimenya. Kandi umwe muri bo yari umukristo nyawe, yari umugaragu nyawe wa Kristo, undi yari indyarya. Uwo umwe muri bo, uwari indyarya, yabanaga n'umugore w'imisatsi yirabura, kandi na none, yagendanaga n'umugore w'umuyumbu nuko babyaranye abana. Ni byiza, byari bihari hariya mu iyerekwa; ntibishobora guhakanwa. Nanjye narabimubwiye. Yaranyitegereje, maze azenguruka inyubako.

37 Nuko ndumirwa, byanze bikunze. Natekereje ko ninjiye mu bamalayika, noneho nibaza niba ntari mu badayimoni. Ibyo bishoboka bite? Sinashoboraga kubyumva. Kandi imyaka myinshi nigijeyo ibiganza byanjye, kugeza umunsi umwe aho. . .

George Smith, umuhungu ugendana n'umukobwa wanjye, twaragiye ejo, tugera ahahoze urusyo aho njya gusengera.

38 Nyuma yo kumarayo iminsi ibiri, Umwuka Wera wangaruye kuri iki Cyanditswe kigira kiti: "Erega imvura iza ku isi ikanyagira imboga, ariko amahwa n'ibyatsi nabyo bibeshwaho n'iyo mvura, kandi iherezo ryabyo bigomba gutwikwa." Kubaho ku butunzi bumwe butanga ubuzima bw'Imana. Hanyuma numvise, ko, "Kubwa," Yesu yaravuze ati: "muzabamenyera ku mbuto zabo."

39 Noneho rero, imvura igwa ku bimera bisanzwe by'isi, ni ubwoko bw'imvura yo mu Mwuka itanga Ubugingo buhoraho, imanuka ku Itorero, kubera ko tuyita imvura ya mbere n'imvura ya nyuma. Kandi ni imvura, isuka Umwuka w'Imana, ku Itorero Ryayo.

40 Murabyumva, ni ikintu kidasanzwe hano. Murabona? Iyo imbuto zigiye mu butaka, uko zigezeyo, zari amahwa ku itangiriro. Ariko aho ingano zagiye mu butaka, n'ibimera, byari ibyatsi byo gutangiriraho. Kandi buri cyatsi kiribyara, byongeye kandi, cyerekanaga ko cyari mu ntangiriro y'umwimerere.

41 "Kandi bazayobya n'Intore niba bishoboka," 'kubera ko babona imvura imwe, umugisha umwe, berekana ibimenyetso bimwe, ibitangaza bimwe. Murareba? "Bazabeshya, cyangwa bazabeshya Intore niba bishoboka." Noneho, ihwa ntirishobora gufasha kuba ihwa, kandi nta n'ubwo ingano ishobora gufasha kuba ingano; ni icyo Umuremyi wa buri wese yagennye mu gutangira. Ngiyo Intore. Imvura imwe!

42 Izuba rirasa mu gitondo rigakwira isi yose, nk'uko ryari rimeze kuri iyi si kugeza n'iyi minsi turimo. Kandi izuba, izuba rimwe riva mu Burasirazuba ni naryo rimwe rirengera mu Burengerazuba. Kandi izuba ryoherejwe kweza ingano kw'isi, ari zo zikoze imibiri yacu.

43 Turiho kubw'ibintu byapfuye. Ni bwo buryo bwonyine dushobora kubaho. Niba kandi hari ikintu kigomba gupfa buri munsi kugira ngo ubeho, mu buryo karemano, ubwo ntabwo ari ukuri niba ibyawe—umubiri wawe ugomba kubaho kubw'ibintu byapfuye, kubw'ubuzima busanzwe, noneho ugomba kugira Ikintu runaka gipfa, mu buryo bw'umwuka, kugira ngo ukize ubuzima bwawe bw'umwuka. Kandi Imana, yambaye umubiri, umubiri, maze irapfa kugira ngo twe tubeho. Nta torero, nta kindi kintu ku isi gishobora kugukiza uretse Imana. Ni cyo kintu cyonyine kibabeshejeho.

44 Noneho tujye mu Byanditswe. Yesu ni Ijambo. "Mbere na mbere hariho Jambo. Kandi Jambo yahindutse umubiri maze atura muri twe. Mu ntangiriro hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana. Nuko Jambo ahinduka umubiri, Ni Inde wabayeho, akabana natwe." "Kandi umuntu ntashobora kubaho atunzwe n'umugati gusa," ku bigaragara "ahubwo atungwa n'Ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana." Noneho, murabona, tubeshwaho n'Ijambo, kandi iryo ni Imana.

45 Noneho izuba rirarasa kandi rikeza ingano. Noneho, ntizishobora kwerera icyarimwe. Uko rirasa, ni ko zikura, zihora zera kugeza zikomereye ku ruti.

46 Ni ko bimeze, uyu munsi, hamwe n'Itorero. Ryatangiye rikiri rito, rigaruka mu gihe cy'umwijima, aho ryari munsi y'ubutaka. Ryarakuze none rireze. Kandi dushobora kubibona, neza, uburyo iyo Mana nk'uko bisanzwe buri gihe . . .

47 Ntushobora guhungabanya kamere. Ni cyo kibazo muri iki gihe. Turimo kugurutsa ibisasu, kandi hanze hariya muri iyo nyanja, turagifungura maze tukagiturikirizamo za bombe atomike. Murimo gufungura byinshi by'umwanda igihe cyose, mukabijugunyamo. Utema ibiti; umuyaga uzagutwara. Urerembe hejuru y'uruzi; ruzasendera.

48 Mugomba gushaka inzira y'Imana yo gukora ibintu mukayigumamo. Twatandukanije abantu mu matorero n'amashyirahamwe; reba ibyo twabonye! Mugume mu nzira Imana yateganyije.

49 Ariko, murabona, "Yohereje imvura," dusubire ku ngingo yacu, "ku bakiranutsi n'abarenganya." Yesu arababwira hano, muri Matayo 24, byaba ari ikimenyetso cyo mu gihe cya nyuma.

50 Noneho, niba iki kimenyetso ari ukumenyekana gusa mu gihe cya nyuma, noneho bigomba kuzaba nyuma yo kumenwa kw'ibyo bimenyetso. Murareba? Ni ikimenyetso cy'imperuka. Ibyo byaba, mu gihe ibi bintu bibaye, bizaba mu gihe cya nyuma.

Kandi bizaba ikimenyetso, ubungubu, Intore rero ntizizitiranya na hato ibi bintu. Murabibona? Noneho, bigomba guhishurwa, no gushyirwa ahagaragara.

Mmumenye ko, ingano n'urumamfu bibeshwaho n'Ugusigwa kumwe kuva mw'Ijuru. Byombi birakwishimira.

51 Ndabyibuka, nsubiye ku byabaye hariya wa munsi kuri Mill's Green. Njyewe—njyewe nabonye iryo yerekwa riza. Kandi hariho isi nini, kandi yose yari yaragabanyijwemo. Haza habaho Umubibyi, ubanza. Ndashaka kubikomeza imbere yanyu. Mwitegereze ibigiye gusohora imbere yanyu, hanyuma n'ibizakurikiraho. Nk'uko uyu Muntu wambaye umweru yasohotse agendagenda hirya no hino ku isi, abiba imbuto, noneho inyuma ye haza umuntu, w'imyenda yijimye, asa nk'uwomboka cyane, anyerera inyuma ye, abiba urumamfu. Kandi nk'uko ibi byabaye, noneho mbona ibihingwa byombi bizamuka. Kandi uko byazamutse, kimwe cyari ingano ikindi ari icyatsi.

52 Haza amapfa, biraraba, kandi, ni bwo byamenye ko byombi byunamishije imitwe bitaka imvura gusa. Nuko haza igicu cyiza kinini itwikiriye isi, nyuma rero imvura iragwa. Ingano zirahaguruka ziti: "Uwiteka ahimbazwe! Uwiteka ahimbazwe!" Kandi n'urumamfu rwarazamutse maze rurazunguruka ruti: "Uwiteka ahimbazwe! Uwiteka ahimbazwe!" Ibisubizo bimwe. Byombi byari ibyo kurimbuka, byombi biragenda. Noneho ingano iraza igira inyota. Kandi kuko byari mu murima umwe, ubusitani bumwe, ahantu hamwe, bihuje aho bikura amazi, haza ingano maze haza n'urumamfu bibeshwaho n'ikintu kimwe. Mumenye ko, ya mazi amwe yo gusiga akuza ingano, akuza n'urumamfu.

53 Umwuka Wera umwe usiga Itorero, ni wo utanga icyifuzo cyo gukiza ubugingo, ubaha imbaraga zo gukora ibitangaza, Ugwira abakiranutsi n'abakiranirwa. Umwuka umwe! Noneho, ntimushobora kubikora mu bundi buryo ngo musobanukirwe Matayo 24:24. Yaravuze ati: "Hazaduka ba Kristo b'ibinyoma," abasizwe, b'ibinyoma. Gusigwa Ikintu cy'ukuri, ariko bakaba abahanuzi b'ibinyoma, abigisha b'ibinyoma.

54 Ni iki cyatuma umuntu ashaka kuba umwigisha w'ibinyoma w'ikintu cy'Ukuri? Noneho turaza kuvuga ku kimenyetso cy'inyamanswa mu minota mike, turaza kubona ko ari amadini. Murabyumva? Abigisha b'ibinyoma; abasizwe ibinyoma. ba Kristo basizwe, ariko abigisha b'ibinyoma. Ni bwo buryo bwonyine mushobora kubibonamo.

55 Nk'uko hano hashize igihe, mbivuze. Nshobora kubisubiramo kuko twahujwe mu gihugu cyose. Umunsi umwe, navuganaga n'inshuti yanjye, aho ibi biri buze muri iki gitondo, muri Arizona. Kandi yari afite u—umurima w'imbuto. Yari afite igiti ahongaho cy'amacunga cyera imbuto nziza,

n'indimu, tangerine, tangelosi. Nibagiwe umubare w'imbuto zitandukanye zari kuri kiriya giti kimwe. Nuko mbwira wa—wa—wa mugabo, ndavuga nti: "Bimeze bite? Iki giti ni ikihe?"

Aravuga ati: "Igiti ubwacyo ni igiti icy'amacunga."

Ndavuga nti: "Ni iki cyeze imbuto z'inzabibu? Kubera iki cyezeho indimu?"

Aravuga ati: "Cyarabanguriwe."

56 Naravuze nti: "Ndabibona. Noneho, ubu," Ndavuga nti: "noneho, umwaka utaha iyo icyo giti kizanye irindi shami ry'imbuto," izo zose zikerera hafi mu gihe kimwe, ndavuga nti: "ubwo byombi bizazana amacunga. Niba ari igiti cy'icunga rya oranje, kizazana amacunga ya oranje avanze, si byo, mugenzi?"

Aravuga ati: "Oya, mugenzi. Buri shami ryashyizweho rizazana ubwoko bwaryo."

Ndavuga nti: "Ushatse kuvuga ko igiti cy'indimu kizavamo indimu muri kiriya giti cy'icunga?"

Aravuga ati: "Yego, mugenzi."

"Pampulemusi izera pampulemusi kuri kiriya giti cy'icunga?"

Aravuga ati: "Yego mugenzi. Ngiyo imiterere y'ishami ryashyizwemo."

Ndavuga nti: "Icyubahiro kibe icy'Imana!"

Aravuga ati: "Ushatse kuvuga iki?"

Ndavuga nti: "Ikindi kibazo. Noneho, birashoboka ko kiriya giti cy'icunga kizongera kwera amacunga?"

57 Aravuga ati: "Iyo kizanye irindi shami." Iyo *igiti* kizanye irindi shami, atari iryateweho. Ariko, zose ni imbuto z'indimu, kandi zibaho mu buzima bw'indimu buri mu giti cy'indimu.

58 Ndavuga nti: "Wabimenye! Umumetodisite azazana Abametodisite, buri gihe. Umubatisita azazana Ababatisita, igihe cyose. Umunyagatolika azazana Abanyagatolika, igihe cyose. Ariko Itorero ry'Imana nzima ryizera Kristo uvuye mu gishyitsi, Ijambo buri gihe, niba ryarigeze gutanga undi muzabibu Waryo ubwaryo."

59 Noneho, mushobora kurigemeka hariya, murabona. Imizabibu yose, indimu, tangelo, tangerine, imbuto izo ari zo zose z'indimu, buri yose muri zo ishobora kubaho muri kiriya giti; ariko ikagaragaza gihamya y'ibinyoma y'icyo giti, ibaho kubw'igiti. Murabyumvise? Bibaho kandi bigakura mu buzima nyabwo buri muri kiriya giti.

60 Noneho, hariho Matayo 24:24, ubaho mu Buzima bumwe, ariko ntabwo bari mu kuri, mw'itangiriro. Barimo guhamya ibinyoma kuri kiriya Giti! Ni igiti cy'icunga, nyamara ni igiti cy'indimu. Baravuga bati: "Iri torero, iri dini riri guhamya

Kristo." Kandi rifite umubatizo w'ikinyoma, umuhamya w'ikinyoma w'Ijambo, ugerageza kuvuga ko imbaraga z'Imana zari iz'intumwa gusa?

61 Yesu ubwe, yaravuze ati: "Nimugende mu isi yose mwamamaze Ubutumwa bwiza kuri buri shami rizigera rye. . .igiti kizera, buri shami ryose rizamera ku giti. Kandi ibi bimenyetso bizagumana n'amashami y'ukuri." Hehe? Igihe cyose ari Igiti, mu gihe cyose gitanga amashami, kugeza imperuka y'isi. "Mu Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni; bazavuga n'indimi nshya; bazafata inzoka; bazanywa ibintu byica; bazarambika ibiganza ku barwayi bazakira." Murabona igihe turimo? Murabona ibyo Yesu yavuze?

Mwibuke, ibi byari mu gihe cya nyuma, ntabwo byagarutse mu minsi ya Wesley ngo bigaruke na hariya. Noneho, mu gihe cya nyuma, ibi byagombaga kubaho.

62 Noneho murebe Ibyanditswe; reka Batange ubuhamya. Yesu yaravuze ati: "Mushakisha Ibyanditswe, kuko mutekerereza, cyangwa mwizerera muri Byo, ko mufite ubugingo bw'iteka, kandi ni Byo bimpamya." Mu yandi magambo, niba iki giti cyarigeze kuzana ishami. . . "Ndi Umuzabibu, Igiti; mwe muri amashami. Unyizera, imirimo Nkora azayikora," Mutagatifu Yohani 14:12.

Noneho, "Uguma muri Njye, ni we. . .uwari mu mizi Yanjye mu ntangiriro."

63 Ni nayo mpamvu Yesu yari Igishyitsi akaba n'urubyaro rwa Dawidi. Yari imbere ya Dawidi, muri Dawidi, na nyuma ya Dawidi, Igishyitsi n'urubyaro rwa Dawidi; Inyenyeri yo mu ruturuturu, Rurabo rwa Sharona, Rebe ryo mu Gishanga, Alufa na Omega; Data, Mwana, n'Umwuka Wera. "Muri We harimo umwuzuro w'Ubumana ku mubiri." Igishyitsi n'urubyaro rwa Dawidi!

64 "Uwo Ubuzima bwatoranijwe, Ubugingo bwatoranijwe mbere, buri muri Njye," kandi ni Jambo, "kuva mu ntangiriro; naza, azera imbuto Zanjye." Mutagatifu Yohani 14:12.

Ariko abandi bazabeshwaho n'ibintu bimwe, biyita Abakristo n'abizera. "Ntabwo ari bose bavuga ngo: 'Mwami, Mwami, 'bazinjiramo."

Noneho, ibi bigomba kubaho kandi bikagaragara mu minsi ya nyuma, "igihe amabanga y'Imana agomba kurangira," nk'uko tuza kubigeraho nyuma gato.

65 Ibi biti, umuzabibu w'ukuri n'umuzabibu w'ikinyoma! Mwanyumvise mbwiriza kuri ibyo, kuva mu myaka yashize, ukuntu byakuriye hamwe. Nabizanye ku bantu maze mbyerekana, uhereye kuri Kayini na Abeli, imizabibu ibiri yahuriye ku gicaniro; bombi basenga, bombi basizwe, bombi

bifuza ubugingo, kandi basenga Imana imwe. Umwe yaranzwe undi arakirwa.

66 Kandi inzira yonyine uwo yakiriwemo yashoboraga gukora ikintu gitandukanye n'icya mukuru we: yarabihishuriwe. Kubera ko Bibiliya yavuze iti: "Kubwo kwizera..." Abaheburayo, igice cya 11, "Kubwo kwizera Abeli yatambiye Imana igitambo cyiza kuruta icya Kayini, icyo Imana yamuhamirije ko yari umukiranutsi."

Yesu, yaravuze, ihishurwa ryo mu mwuka ryerekana Uwo Yari we! "Abantu bavuga ko Jyewe Umwana w'umuntu ndi inde?"

Niko yavuze, Petero aravuga ati: "Uri Kristo, Umwana w'Imana nzima."

67 "Urahirwa, Simoni—Simoni mwene Yona; inyama n'amaraso ntabwo ari byo byaguhishuriye ibi. Data uri mu Ijuru ni we wabiguhishuriye. Kuri uru rutare nzubakaho Itorero Ryanjye," (iki?) ihishurirwa ry'ukuri kw'Ijambo. Haracyariho Umuzabibu w'ukuri. "Abeli, kubwo kwizera!"

Mwavuze muti: "Ntabwo byari ihishurirwa."

68 Kwizera ni iki? Kwizera ni ikintu cyaguhishuriwe; ibyo ntibiragera, ariko wizera ko bizaba. Kwizera ni uguhishurirwa ubushake bw'Imana. Rero, kubwo guhishurirwa!

69 Kandi amatorero uyu munsi nta nubwo yizera uguhishurirwa kw'umwuka. Bizera inyigisho z'imigenzo y'imikorere runaka. "Kubwo guhishurirwa Abeli yatambiye Imana igitambo cyiza kuruta icya Kayini, Imana yahamije ko yari umukiranutsi." Amina. Nizere ko mubibona. murareba aho tugeze? Murabona aho isaha igeze?

Nari ndimo kuganiriza u—umunyacyubahiro nta gihe kirekire gishize, intiti y'Umukristu n'umunyacyubahiro. Aravuga ati: "Bwana Branham, twihakanye uguhishurirwa kose."

Ndavuga nti: "Noneho mugomba kwihakana Yesu Kristo, kuko ari We guhishurwa kw'Imana, Imana yahishuriye mu mubiri w'abantu." Keretse niba mutabibona, mwaratakaye.

70 Yesu yaravuze ati: "Cyeretse nimwemera ko ndi We, naho ubundi muzapfira mu byaha byanyu." Ni We guhishurirwa kw'Imana, Umwuka w'Imana wihishuriye mu buryo bw'abantu. Utabashije kubyizera, uba wazimiye. Mumugira umuntu wa gatatu, umuntu wa kabiri, cyangwa undi muntu uwo ari we wese utari Imana, mwarazimiye. "Nimutizera ko ndi We, muzapfira mu byaha byanyu." Uguhishurirwa!

71 Ntibitangaje kubona badashobora kumubona. "Nta muntu ushobora kuza aho Ndi keretse Data amukuruye. Kandi abo Data yampawe," mu mizi, "bazaza aho ndi." murareba? Murabibona? Yoo, mbega uko dukwiye kumukunda,

kumuramya, kumuhimbaza; kubona imbuto z'Umwuka mu minsi y'imperuka, n'Igiti cy'umugeni cyera ku musozo w'ibihe!

72 Umuzabibu w'ukuri n'umuzabibu w'ibinyoma, yombi yari ifite ugusigwa kumwe. Amazi yayigezeho yombi. Ntibitangaje ko yatuburiye, "Byayobya n'Intore niba bishoboka."

Mumenye, barasa. Basizwe amavuta kimwe. Ariko, "Ku mbuto zabo . . . " muzabamenya mute?

73 Ni gute mushobora kumenya ko atari icunga? Kubera ko cyera igicungandimu. Uwo muzabibu ni mwiza, uba mu giti, ariko wera igicungandimu. Ntabwo ari nko nk'iyambere.

74 Niba kandi itorero rivuga riti: "bizeye ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ko ari ko azahora n'iteka ryose," maze bagahakana imbaraga Ze, bagahakana imirimo Ye, bagahakana Ijambo Rye; niba—niba . . . koko Itorero ryizera Yesu Kristo, rizakora imirimo ya Yesu Kristo, rizagira Ubuzima bwa Yesu Kristo. Niba kandi atari byo, nta kibazo niba Ubugingo burimo kuryisukamo, niba bitarateganijwe mbere, uhereye ku muzi, kwizera imbuto z'imizabibu igihe cyose, cyangwa ikindi kintu gitandukanye.' Ariko niba ari Ubuzima bwamenywe mbere, mu mizi, buzera Yesu Kristo uko udahinduka ejo hashize, uyu munsi, n'iteka ryose, niba ari Ijambo riza rinyuze mu mizi. Ni inde, Ni We Muzi, intangiriro y'igihe.

75 Mubimenye, ariko n'ibyo batanga bibabwira itandukaniro. "Ku mbuto zabo," Yesu yaravuze ati: "Ni ho muzabamenyera." "Umuntu ntaterana imizabibu n'igiti cy'amahwa," habe n'ubwo igiti cy'amahwa cyaba kiberanye n'imizabibu. Ibyo birashoboka, ariko imbuto zizabyerekana.

76 Imbuto ni izihe? Ijambo, kuri s- . . . imbuto ku gihe. Ni ibyo, inyigisho zabo. Inyigisho z'iki? Inyigisho z'igihe, ni gihe ki. Inyigisho y'umuntu, inyigisho y'idini, nyamara, cyangwa Ijambo ry'Imana ry'igihe?

77 Noneho, igihe kirahita vuba, ku buryo dushobora kubihuza mu mwanya munini. Ariko nzi neza ko mwebwe abari hano, nzi neza ko mu gihugu cyose, mushobora kubona ibyo ngerageza kubabwira, kubera ko tudafite igihe kinini cyane cyo kuyigumaho.

78 Ariko mushobora kubona ko Gusigwa kugera no ku bakiranirwa, abigisha b'ibinyoma, kukabatera gukora neza ibyo Imana yababwiye kudakora; ariko bakabikora, uko biri kose. Kubera iki? Ntibashobora gufasha. Ni gute igiti cy'amahwa gishobora kuba ikindi kintu kitari igiti cy'amahwa? N'ubwo imvura nziza yaba iminjagiye kuri cyo, kigomba kuba igiti cy'amahwa. Ni yo mpamvu Yesu yavuze ati: "Bazaba hafi cyane bayobye n'Intore," ari byo biri mu mizi, "niba bishoboka," ariko ntibishoboka. Ingano nta kindi ishobora gukora uretse kwera ingano; ni cyo cyonyine kwera.

79 Mwitegereze. Mwibuke, Imana ntabwo ari yo yaremye ishyirahamwe. Satani ni we nkomoko y'ishyirahamwe. Narabyerekanye kubw'Ijambo, mu buryo ubwo ari bwo bwose, kandi kenshi na kenshi; sinari gukenera kubijyamo muri iki gitondo. Tuzi ko Imana itigeze ihuriza abantu hamwe gutyo, gukora ishyirahamwe. Imyaka amagana nyuma y'urupfu rw'intumwa ya nyuma, 'mbere y'uko bagira ishyirahamwe rya mbere. Buri gihe byateganyijе kuneshwa. Niba atari byo, kuki tutari kumwe mu rukundo uyu munsi, Umumetodisite, Umubatisita, Umuperesibiteriyeni, Umunyagatolika n'abandi bose? Ni kuki noneho imirimo y'Imana itadukurikira, buri torero ku kintu kimwe, Ijambo? Ibyo bintu bitandukanya abantu, ubuvandimwe . . . Turi kure y'Imana kuruta uko byigeze bibaho, amatorero, niyo mvuga.

80 Noneho, tubwirwa ko, "Ibintu byose bishaje byabaye nk'akarorero, kubw'inyigisho zacu, gucyahwa, guhanurwa." Ibyo byose ni ibintu bya kera byo mu Isezerano rya Kera byabaye, bishushanya, kugirango tumenye ibigomba kubaho mu Isezerano Rishya, mu gihe cyacu.

81 Nk'aho niba utarigeze ubona ikiganza cyawe, wareba hejuru ukabona igicucu ku rukuta, uko ikiganza cyanjye cyaba gisa ndebeye mu mucyo. Niba gifite intoki eshanu hano ku gicucu (ari byo bigaragara), nuko ukazamura iiganza byawe ubyerekeza (kuba ibyiza), ku—kubyerekeza ku bibi, bigomba kuza ku ntoki eshanu.

82 Nk'uko Bibiliya itubwira, ngo: "Isezerano rya Kera ni igicucu, ubwoko bw'ibintu bishya, cyangwa se ibintu byagombaga kuza; atari ibyo bintu nyir'izina, ahubwo ni igicucu, igishushanyo cy'ibintu bizaza."

83 Reka dusubire inyuma turebe niba iki kintu cyarigeze kubaho mu bindi bihe. Murabishaka? [Itorero rivuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Tuzabimenya rero, kugira ngo tubyemeze, inyuma n'ahandi, n'Ijambo; ntabwo ari kubw'ibitekerezo by'abantu bamwe, ibitekerezo bimwe.

84 Sinitaye uwo yaba ari we; umuntu uwo ari we wese, njye ubwanjye cyangwa undi wese, "Niba atavuze akurikije amategeko n'abahanuzi, nta mucyo uba umurimo." Murareba? Ni byo Bibiliya ivuga. "Reka ijambo rya buri muntu ribe ikinyoma, maze Ibyanjye ribe impamo," utitaye ku cyo riri cyo.

Noneho reka dusubire inyuma tumenye niba ibi byarigeze kubaho, kugira ngo bitwereke urugero.

85 Dushobora gusubira inyuma noneho mu gitabo cyo Kuva, tukavuga ku muntu y'uwitwa Mose, wari umuhanuzi usizwe aturutse n'Imana, afite Ijambo ry'Imana n'ubushake bw'Imana ku gisekuru cye. Nk'uko Ijambo ry'Imana rihora rririuka rigakomeza, Yaravuze ati: "Ntacyo Ikora itabanje kubihishurira abahanuzi Bayo." Hanyuma Irabikora. Uh-huh.

Noneho, Ntishobora kubeshya. Ntishobora kubeshya ngo ibe Imana. Oya, mugenzi. Igomba gukomeza kuba inyakuri. Nta kinyoma kiba muri Yo. Ni . . .

86 Kandi ntishobora kubihindura. Ibaye Ibikoze, ntabwo yaba ari Imana; Yaba ikoze ikosa. Igomba kuba itagira iherezo. Kandi itagira ingano ntishobora gukora amakosa. Murareba? Ibyo rero Imana yigeze kuvuga, ni ukuri Iteka ryose. Murareba? Kandi yarabisezeranije. Rero, nimwitegereze, nta hantu na hamwe muri Bibiliya bakurikiza uruhererekane kugeza ku ndunduro.

87 Noneho, Imana yari yarasezeranije Aburahamu ko urubyaro rwe ruzaba mu mahanga mu—mu gihugu cy'amahanga imyaka magana ane, hanyuma ikamuzana ikoresheje ukuboko gukomeye kw'imbaraga, yerekana ibimenyetso Byayo n'ibitangaza mu bantu babanaga. Igihe cy'isezerano cyaregereje. Abantu bari barabyibagiwe. Bari bafite Abafarisayo n'Abasadukayo, n'abandi, amadini. Ariko, mu buryo butunguranye, haza Imana yonyine maze ibakuramo, hanze, kure ya buri wese muri bo.

88 Imana ntiyigeze, umunsi uwo ari wo wose cyangwa igihe icyo ari cyo cyose, ihamagara umuhanuzi uturutse mu idini. Oya, mugenzi. Yarabihakanye cyane, ntishobora kubikora; yagombaga kuguma muri iyo myemerere.

89 Mose, umuntu woherejwe n'Imana, afite Ijambo ry'Imana, kandi mu rugendo rwe ajyana Isiraheli mu gihugu cyasezeranijwe, nta kunyeganyaga ku itegeko ry'Imana, yahuye n'undi muhanuzi, undi wasizwe amavuta wasizwe wari ufite gusigwa nyakuri kumwe n'uk'Umwuka Wera wari kuri Mose. Ni byo. Yari umuhanuzi. Umwuka Wera wari kuri uyu mugabo. Witwa Balamu. Twese turamuzi. Ni byiza, ibintu nyine, bimwe, ibintu—ibintu umugabo yavuze, biracyabaho, hashize hafi imyaka makumyabiri n'umunani. "Wowe umeze nk'indogobe ya kera, yewe Isiraheli we. Uzaguhesha umugisha, azahabwa umugisha. Uzakuvuma nawe azavumwa. Imbaraga zawe, zikomeye, mbega gukiranuka kw'amahema yawe, Yewe Yakobo!" Murareba, ntabwo yashoboraga kwifasha wenyine. Yaje aho agambiriye mu mutima we kuvuma abantu.

90 Yemwe, mwa bigisha b'ibinyoma mwe mwumva kaseti muri iyi myaka yose, kandi mukabona Imana yemeza neza ibyo Yavuze, kandi mukicara mukabyiga ndetse mukabona ko ari Ukuri; kandi kubera ukudahuza kw'amadini yanyu, murabikerensa kandi mukabwira abantu banyu ko atari ukuri. Muzabona ishyano! Igihe cyanyu kiregereje.

91 Balamu, wasizwe n'Umwuka umwe wari kuri Mose. Bari batandukaniye he? Inyigisho ya Mose yari itunganye. Bibiliya yaravuze hano muri Petero wa kabiri, ko yari "inyigisho ya Balamu" Isiraheli yakiriye, bigatuma Imana itababarira. Icyaha kitababarirwa! Nta n'umwe muri bo warokotse, n'ubwo bari basohotse munsi y'imigisha y'Imana, kandi barabonye

ukuboko kw'Imana kugendana n'uyu muhanuzi ukomeye, ndetse bakabibona bihamirizwa n'Imana by'ukuri. Kandi, kubera ko, undi muhanuzi yaje azanye inyigisho, zinyuranye, maze akanyuranya na Mose, kandi akagerageza kwereka abantu ko Mose atari mu kuri. Datani, Kora na benshi muri bo, baramwemera maze yigisha abana ba Isiraheli gusambana, kujya mu idini rye, ko, "Twese turi bamwe."

"Twaba turi Abametodisite, Ababatisita, Abaperesibiteriyeni, cyangwa Abapenekositi, n'abandi-benshi, twese turi bamwe."

92 Ntabwo turi bamwe! Muri ubwoko butandukanye, bwera ku Mwami, mwiyeguriye Ijambo n'Umwuka w'Imana, kugira ngo mwere imbuto z'amasezerano Yayo y'uyu munsi. Kandi ntimuri umwe muri bo! Nzi ko ibyo bikomeye bidashimishije, ariko Ukuri ni kwakundi. Yeguriwe umurimo muri iyi minsi ya nyuma! "Musohoke muve hagati muri yo."

93 Noneho, "inyigisho za Balamu," zitari ubuhanuzi bwa Balamu. Zose zari nziza. Iyo yari Imana. Ni bangahe babyizera? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ubuhanuzi bwa Balamu bwari bwiza rwose, 'kubera ko nta kindi yashoboraga kuvuga. Gusigwa kw'Imana nta kindi kwari kuvuga, kandi Imana yarakwemeje yerekana ko ari Ukuri. Ariko byari "inyigisho ya Balamu."

Noneho mugereranye ibyo na Matayo 24:24. Abasizwe, ariko inyigisho zabo ni ibinyoma. Ubutatu, n'ibintu byose nk'ibyo; ikinyoma, antikristo!

94 Nizere ko ibyiyumvo byanyu bitababara. Kandi ntimuzifungure, mufunge telefone zanyu. Kandi ntimuhaguruke ngo musohoke. Muceceke gusa, hanyuma turebe niba Umwuka Wera ataza kubiduhishurira, akabitwereka. Mwavuga muti: "Ariko ibyo . . . " Ibyo mwizera byose, mwicare mutuje maze mwumve gusa. Kandi musabe Imana ngo ikingure umutima wanyu, noneho muzamenya niba muri inzitizi, cyangwa ikivugirizo, cyangwa aho muhagaze hose. Murareba?

95 Noneho, ndetse na Yuda, "byateganijwe mbere ko yari uwo gucirwaho iteka," yahagaze imbere ya Yesu. Maze Yesu aramubwira ati: "Ni wowe. Ibyo ugiye gukora byose, ndetse n'ibyo ugomba gukora byose, genda ubikore vuba." Azi neza ibyo ari gukora, nyamara, kubera ibice mirongo itatu by'ifeza, ndetse no kwamamara, yagurishije Umwami Yesu Kristo. Umwe mu bigishwa Be, umubitsi w'itorero, Yesu yamwise "inshuti Ye." Murareba? Bibiliya iravuga iti: "Yavutse ari umwana wo kurimbuka," kimwe n'uko Yesu nawe yavutse ari Umwana w'Imana. "Kuyobya n'Intore niba bishoboka."

96 Mwitegereze neza mu gihe turi kubyiga. Turafata urundi rugero, aha mu Gitabo cy'Abami. Hariho u—umuhanuzi,

witwaga Mikaya. Yari umuhungu wa Imula, kandi yari umuhanuzi. Yari we.

97 Kandi hariho undi muhanuzi, umuyobozi w'ihuriro ry'abahanuzi, abasizwe. Bibiliya ivuga ko bari "abahanuzi," gusa nk'uko ibivuga Balamu yari umuhanuzi, abasizwe.

Kandi hariho umwe muri bo witwaga Mikaya, wasizwe n'Imana kandi woherejwe n'Imana, hamwe n'Ijambo ry'Imana.

98 Hariho umwe, Zedekiya, wibwiraga ko yoherejwe n'Imana. Yari uwasizwe w'Imana, ariko inyigisho ze zari zinyuranye n'Ijambo ry'Imana. "Hazaduka, ba Kristo b'ibinyoma, berekane ibimenyetso bikomeye, bazayobya n'Intore niba bishoboka."

99 Mumenye ko, bombi, basizwe. None, ni gute washoboraga kumenya uw'ukuri, n'uw'ikinyoma? Ni ukumenya icyo Ijambo ryasezeranije Ahabu. Umuhanuzi wabanje mbere ye, ari we Eliya, umwe mu bahanuzi bakomeye b'icyo gihe, yari umuhanuzi wemejwe. Uwo muhanuzi wemejwe yaravuze, ngo, "Kubera ko Ahabu yari yarakoze ikibi, imbwa zizarigata amaraso ye; kwambura Naboti ubuzima. Kandi ko imbwa zari kurya Yezebeli, kandi ko . . . umubiri we wari kujugunywa ku gasozi." None, ni gute mushobora guha umugisha ibyo Imana yavumye? Cyangwa mushobora mute kuvuma, nk'uko Balamu yabivuze, ibyo Imana yahaye umugisha? Murareba?

100 Ariko aba bahanuzi bari abanyakuri. Nta gushidikanya ko bari abagabo beza, abagabo b'indakemwa. Kubera ko, kuba umuhanuzi muri Isiraheli, ugomba kuba ufite icyubahiro, cyangwa se kuba Umwisiraheli. Bitabaye ibyo, waterwa amabuye. Bari abantu bubahwa. Bari abanyabwenge. Bari abagabo bize. Ni bo batoranijwe na Ahabu, abo mu gihugu. (Byitegereze, Mushiki wacu Wright?) Abatoranijwe mu gihugu, babereye par- . . .

Noneho, igihe Mikaya yabonye iyerekwa rye, yari azi mu mutima we icyo Ijambo ryavuze, ariko yashakaga kureba icyo Umwuka wari muri we wavuga.

101 Rero baramubwiye, baravuga bati: "Uze kuvuga ikintu kimwe nk'icyo abandi bahanuzi bavuze. Kandi nubikora, noneho, uraba, turakugarura mu busabane na none, nta gushidikanya. Murabona? Turakugira umwe muri twe. Turagusubiza mu idini ryacu. Uri . . . Turabizi ko uri umuhanuzi, ariko buri gihe uvuga ibintu bivuma. Uhora utuka Ahabu. Noneho, Sedekiya, umutware mukuru, papa, cyangwa u . . . " icyo yari cyo cyose. "Dore yahaye Ahabu umugisha, maze aramubwira ati: 'Genda ubikore.' Rero nawe uvuge nk'ibyo, Imula. Noneho, uri umusore w'imbabare gusa. Nta teraniro na rimwe ubarizwamo. Kandi aba bagabo bafite amamiliyoni. Igihugu cyose kirabashyigikiye. Wowe gusa uvuge kimwe nk'abo, urebe uko bikugendekera, ura—uraryoherwa n'ibyiza mu gihugu." Arimo kuvugana n'umugabo mubi ahongaho!

Byari kugenda iyo babaza bati: “Ese hari icyo ushinja Zedekiya, Mikaya we?”

“Oya.”

“Wigeze umufatira mu cyaha?”

“Oya pe.”

“Wigeze wumva hari uwo atonganya?”

“Oya pe.”

“Wigeze umufata yasinze?”

“Oya pe.”

“Urashidikanya ku mashuri ye?”

“Oya pe.”

“Wizera ko impamyabumenyi ye y’ikirenga itari iy’ukuri?”

“Oya pe.”

“Wizera ko ntakibazo kuba afite i—impamyabumenyi y’ikirenga?”

“Ni byo. Njyanama ya Sanhedrin, ndakeka ko byose... inama, ndakeka ko byose ari byiza.”

“Noneho se, kuki utamwisunga?”

“Kubera ko yavuye ku Ijambo!”

102 Noneho, turabona uko byarangiye, rero, nka Eliya umuhanuzi mbere ye. Kandi niba uri umwana w’Imana, uzagumana n’umuhanuzi w’iyi Bibiliya. Ni Ijambo. Mwitegereze isaha, igihe.

Byagenda bite se niba Zedekiya avuga ati: “Yewe, nzi ko umuhanuzi yavuze atyo, ariko ibyo ni mu bisekuruza bizaza. Ibyo bizaba mu gihe kirekire kiri imbere”?

Yaravuze ati: “Tegereza kugeza mbonye iyerekwa riva ku Mana, hanyuma ndaza kukubwira.”

Aravuga ati: “Noneho uravuga ikintu kimwe n’abandi?”

Aravuga ati: “Ndavuga icyo Imana imbwira; nta kindi, ntacyo ndenzaho. Sinshobora kongera ijambo na rimwe kuri Cyo, cyangwa gukura Ijambo na rimwe muri Cyo.”

Hanyuma iryo joro, ari gusenga, Uwiteka amusanga mu iyerekwa. Bukeye aragenda, avuga...

Hariho abahanuzi babiri!

103 Umuntu ukomeye mu gihugu, mu gisirikare no muri rubanda, yari Zedekiya. Yari umuhanuzi mukuru, yarabigizwe n’umwami. Yari umutware w’abandi bahanuzi bose, kubwa gahunda. Yabaye umuyobozi w’abo bose, abigizwe n’idini rye; birashoboka ko yari azi gusoma neza, yarize neza, yakwemererwa akazi. Kandi yari yarasizwe n’Umwuka Wera,

kuko yitwaga u “umuhanuzi.” Ni byo, atari umuhanuzi usanzwe gusa, yari umuhanuzi w’Umuheburayo. Noneho mumwitegereze.

104 Zedekiya yaravuze ati: “Uhoraho arambwiye ngo: ‘Ungire aya mahembe abiri y’icyuma, ’ikimenyetso.” Umuhanuzi ubusanzwe atanga ingero. “Yambwiye ati: ‘Cura aya mahembe y’icyuma.’ Umwuka Wera yavuganye nanjye ati: ‘Fata ibi, ’Gusigwa kwampaye umugisha.” Ntutekereze ko ari igitambo, ahubwo ni ukugira ngo ugere ku ngingo. “Umwuka Wera uvuga mu ndimi anyuriye muri njye, wa wundi Umwe wampamirije, Yambwiye ati: ‘Fata aya mahembe, kandi, kubw’aya, ubwire umwami ko azirukana Siriya mu gihugu. Kandi nzamusubiza igihugu gikwiye neza Isiraheli, itorero.’”

105 Mwenedata, ibyo ni Ibyanditswe, neza nk’uko Balamu nawe yari ameze aha ngaha. Balamu mu Byanditswe yari ameze neza nka Mose. Mose. . . Umubare nyawo w’Imana ni karindwi. Balamu ati: “Nyubakira ibicaniro birindwi; ibitambo birindwi bisukuye, ibimasa, n’intama zirindwi.” Ibyo bivuze kuza k’Umwana w’Imana. Icy’ibanze, yari afite ukuri nk’abandi bose.

106 Kandi hano ni Zedekiya, nk’uko mbere na mbere byari ukuri, “Erega iki gihugu ni icyacu. Kubera iki, Abanyasiriya bo n’Abafilisitiya hariya buzuza inda zabo, z’abana babo n’abandi, umwanzi wacu, hamwe n’ibiryo abana bacu badafite! Igihe, Imana yaduhaga iki gihugu!”

107 Mwene Data, iyo ni ingingo nziza. Nkeka yashoboraga kubivuga n’ijwi rirenga imbere ya Isirayeli, kandi nabo bashoboraga gusakuza uko bashoboye. Noneho, ndi kuvuga ku byerekeye icyo gihe. Nizeye ko muri kunkurikira. Ugasakuza kose, induru!

108 Muribuka Dawidi ku Cyumweru gishize? Murabona? Wowe uri hanze uri kumvira kuri radio, cyangwa kuri iyi telefone yahujwe; ntabwo wabonye Ubutumwa bwo ku Cyumweru gishize, menya neza ko wayibonye. *Kugerageza Gukorera Imana Umurimo Utategetswe Kuwukora,* n’iyo byaba bivuye ku mutima, ari byiza, ntabwo rwose byakiriwe n’Imana. Murareba?

Noneho, hano hari Zedekiya, yibwira ko afite ukuri.

Mikaya ati: “Mureke mbaze Imana.” Hanyuma bukeye bwaho aza afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Yagenzuye iyerekwa rye agendeye ku Ijambo.

Noneho iyo aza kuba yarabwiye Zedekiya ati: “Waba uzi icyo umuhanuzi wa Bibiliya hano yavuze ku byerekeye uko byari kugendekera uyu musore?”

109 “Ariko ntabwo ari iki gihe, kuko uyu mugabo ni umuntu w’icyubahiro. Arimo kugerageza.” Ibi ntibibaceho. “Ari kugerageza gusubiza itorero ibintu by’itorero byaryo. Ari kugerageza kurisubiza umutungo waryo,” ntabwo ari ibintu

by'Umwuka; biramutse bibaye byo, yari kunyeganyeza ishyanga ryose nk'uko Eliya yabigenje. Ariko, arimo kugerageza kubaha ibintu bifatika, "Dufite umutungo. Turi ishyirahamwe rikomeye. Turi abaryo. Twese, abantu mwese, mwebwe Abaprotestanti, mwese mukwiye kwifatanya natwe." Uh-huh.

110 Turaza kubigeraho muri make. "Mwese muri bene Data na bashiki bacu, uko byagenda kose." Ntabwo ari byo! Ntibyigeze ndetse ntibizanigera biba bityo, ku Itorero nyaryo ry'Imana. Ntibishoboka!

111 Murebe, yabonye iyerekwa. Nuko aravuga ati: "Imana yavuganye nanjye." Noneho, mwitegereze, umugabo yavugishaga ukuri. Aravuga ati: "Aravuga ati: 'Kora kuri ayo mahembe, uzamuke hariya imbere y'umwami hanyuma usunikire ahagana iburengerazuba,'" cyangwa aho igihugu kigera hose uhereye aho bahagaze. "'Sunika, kandi ibyo biraba ari UKU NI KO UWITEKA AVUZE, ko agiye gutsinda intsinzi akagaruka, intsinzi y'itorero.' Kujya kubirukana!" Ibyo biregeranye rwose, si byo? Ikibazo cyari ikihe?

Hano Mikaya aramanuka. Iravuga iti: "Noneho tanga ubuhanuzi bwawe."

"Jyayo! Gusa nabonye Isirayeli imeze nk'intama, zatatanye, zidafite umwungeri." Uuh! Ibinyuranye neza neza.

112 Noneho, muri iteraniro. None ni inde ufite ukuri? Bombi ni abahanuzi. Uburyo bwonyine wamenyamo itandukaniro rya bo, ni, ukubigenzura ukoresheje Ijambo.

Baravuga bati: "Wabikuye he?"

Aravuga ati: "Nabonye Imana yicaye ku Ntebe y'Ubwami." Ati: "Nabonye inteko yose iyikikije."

113 Noneho mwibuke, Zedekiya yavuze gusa ko yabonye Imana, mu Mwuka umwe. "Nabonye Imana. Yambwiye gucura aya mahembe mu—mu cyuma. Sohoka ugende, wirukane amahanga ahangaha, kuko aha ari ahacu. Abandi ntibahaherewe uburenganzira." Bari kubishobora iyo bagumana neza n'Imana. Bari kubigeraho, ariko bagiye kure y'Imana.

114 Ni ko ishyirahamwe rimeze, itorero. Rifite uburenganzira kuri ibi bintu, ariko ryarashutswe, kubera ko ryavuye mu Ijambo ry'Imana n'Umwuka w'Imana, gusigwa, kugira ngo ryemeze Ijambo ry'igihe. Ntimunanirwe kumva ubu Butumwa.

115 Nimurebe ibyababaye ubu. Yaravuze ati: "Nabonye Imana," Mikaya yarayibonye, "yicaye ku Ntebe y'Ubwami mu Ijuru. Inteko Yayo yari iteraniye iruhande Rwayo. Iravuga iti: 'Ni inde dushobora gutuma ngo amanuke ajye kuvuguruza Ahabu, kugira ngo amagambo ya Eliya abe impamo, umuhanuzi Wanjye warenganijwe. Navuze ko azaza. Kandi Eliya yari afite Ijambo Ryanjye. Kandi amajuru n'isi bizashira, ariko Ijambo Ryanjye

ntirizaneshwa. Ntabwo nitaye ku buryo bugezweho, cyangwa uko babibona, cyangwa uko bize, cyangwa uko ari banini, Amagambo Yanjye ntazigera aneshwa.'

116 "Umwuka w'ikinyoma uva ikuzimu, wikubita hasi, uravuga uti: 'Niba wanyemereraga gusa, Nshobora kubaha gusigwa kwanjye, bigatuma bakora ikimenyetso icyo ari cyo cyose cyangwa igitangaza, mu gihe cyose mbakuye ku Ijambo. Ntazamenya ko Iryo ari ryo Jambo Ryawe. Azabyirengagiza, kugira ngo akundwe.'" Mwenedata, ibihe ntabwo byahindutse. Mwenedata Neville, ni ukuri. Mwibuke, uko ni ukuri. "'Nzamusanga, mutere gukora ibintu nk'ibyo abandi bakora. Nzatuma guhanura, maze avuge ikinyoma.'" Ni gute bishobora kuba ikinyoma? Ni ukubera ko byari binyuranye n'Ijambo.

117 Ufata kimwe muri uwo mubatizo w'ibinyoma, ibinyoma-*n'ibindi-n'ibindi-n'ibindi-nk'ibyo,* sinitaye ku buryo byumvikana, uko bagerageza kwigana, ni ibinyoma gusa niba binyuranye n'Ijambo ry'Imana ry'iki gihe. Ni byo rwose.

Muravuga muti: "Rero, ibyacu, rero, twakoze *ibi,* kandi dukora n' *ibi*, kandi itorero ryacu rimeze *gutya* na *kuriya*."

118 Sinzi icyo ari cyo. Niba binyuranye n'Ijambo ryanditswe ry'iki gihe, ni ikinyoma. Imana ntacyo izakorana nabyo, n'iyo byaba bivuye ku mutima, uko birimo ubwenge, uko bitunganye, uko byumvikana ko ari ukuri, uko byumvikana ko byatekerejweho, niba binyuranye n'Ijambo ry'iki gihe. Turaza kwinjira muri ibyo byimbitse gato mu minota mike, igihe nikibitwemerera. Niba tutabikoze nonaha, turaza kubigarukaho muri iri joro.

119 Mumenye ko, yari umuntu utaryarya, mwiza, nta gushidikanya. Nuko aravuga ngo . . . Noneho, bitabaye ibyo, Mikaya aramubwira, atamureba mu mu maso, ahubwo ni andi magambo ati: "Wasizwe n'umwuka wo kubeshya." Icyo si ikintu gikwiriye kuba cyabwirwa musenyeri? Ariko yarabikoze.

120 Nuko rero umwepiskopi aragenda, maze aravuga ati: "Ntuzongera guterana ukundi," amukubita urushyi mu maso. Ati: "Urabizi ko ndi umuntu uhamirijwe. Itorero ryanjye ryangize umuyobozi waryo, iki kintu. Amajwi menshi y'amatora y'ubwoko bw'Imana ni yo yangize uwo ndi we. Ishyirahamwe ryanje ryarantumye. Kandi Imana yaduhaye iki gihugu, kandi ishaka ko kiba icyacu. Kandi mfite UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Amukubita, avuga ati: "Ni gute Umwuka w'Imana wagiye igihe yamvagaho?"

121 Mikaya ati: "Uzabimenya, umwe muri iyi minsi," iyo Californiya iri munsi y'inyanja hanze aho, kandi, cyangwa, Los Angeles, "uzabona uburyo Wagiye mu gihe uzaba wicaye muri gereza y'imbere."

122 Noneho Ahabu, ugiye kuvuga iki? "Nizera umuhanuzi wanjye," ni ko yavuze. Byagenda bite aramutse ashakishije

Ijambo? Murareba, ntiyashakaga kubona we ubwe avumwa. Munyumve! Ntiyashakaga kwibona avumwa. Nta muntu ushaka kwibona avumwa.

123 Kandi mwene Data wanjye uri mu idini, icyo ni kibazo cyawe. Ushaka kwibwira ko uri mu kuri, mu gihe, uzi mu mutima wawe, igihe mubatiza mukoresheje izina rya "Data, Umwana, Umwuka Wera," muba mubeshya. Muzi ko iyo muvuze ibyo bintu mukora, kandi mugafata ibimenyetso by'ibanze, ni ibintu byose nk'ibyo, muri mu makosa. Ni gute ibimenyetso bya mbere byaba kuvuga mu ndimi, hanyuma bikavuga ibinyuranye n'isezerano ry'Imana muri iki gihe? Bishoboka bite? Ntushaka umuvumo, urawushaka? Ariko *Hano* biranditswe, ubwo rero ni ko bizagenda. Ni cyo kimenyetso cy'inyamaswa, birasa cyane rero ngo byashuka n'Intore niba bishoboka.

124 Ikimenyetso cyose, igitangaza cyose, umuntu wasizwe, ubuhanuzi, ibintu by'ubwoko byose bigenda imbere, ubwoko bwose bw'ibimenyetso, ubwoko bwose bw'ibitangaza, ni gute muzavuga ko hari itandukaniro? Nimwitegereze Ijambo muri iki gihe. N'uburyo mufata . . .

Nimwitegereze Mose, uko yashoboraga kubwira Balamu. Nimwitegereze Mikaya hano, twabwirwa n'iki ko yari afite ukuri? Ijambo, imbere ye, ryahanuye ibyo kuri Ahabu.

125 Kandi Ijambo, imbere yacu, ryahanuye kuli ayo mashyirahamwe y'uyu munsi, n'ukuntu n'umuvumo uri kuri bo. Kandi ibintu bizabaho n'itorero rye ryarasizwe rwose, bizagira Ijambo, Umugeni Jambo. Ni ho turi. Ngiri hano, uyu munsi, nk'uko byari bimeze icyo gihe.

126 Bibiliya Iravuga iti: "Mu kanwa k'abatangabuhamya babiri cyangwa batatu reka ijambo ryose ribe impamo." Navuze kuri Balamu, navuze kuri Balamu na Mose, kandi navuze kuri Mikaya na Sedekiya, ubu ngiye gutanga undi, ari byo, hari amagana, ariko undi umwe, kugira ngo hatangwe nk'abatangabuhamya batatu. Nabonye umurongo wose ivuga kuli bo byanditswe hano, ariko ni kubwo gucunguza uburyo umwete.

127 Yeremiya wari wahamirijwe n'Imana, yarirukanwe, ariko yari umuhanuzi w'Imana wemejwe. Banze uwo mugabo, bamutera imbuto zihishije zirenze urugero, n'ibindi byose, ariko abashyiraho umuvumo. Kandi ibyo yakoze, abishyira aho ku ruhande rwe, n'ibindi, kandi atanga ibimenyetso byerekana ko Isiraheli yibeshye.

128 Umuhanuzi wese, umuhanuzi w'ukuri wigeze guhagarara kw'isi, yavumye ayo mashyirahamwe y'itorero. Ni gute rishobora guhinduka, kubw'Imana idahinduka?

129 Umwuka Wera ni Umuhanuzi w'iki gihe, Yemeza Ijambo rye, arabigaragaza, Umwuka Wera yari Umuhanuzi w'igihe cya Mose, Umwuka Wera yari Umuhanuzi w'igihe cya Mikaya. Umwuka Wera wanditse Ijambo, uraza miriza Ijambo.

Noneho byagenze bite mu gihe cya Mikaya? Ahabu yarishwe, imbwa zirigata amaraso ye, nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga.

130 Mwa bigisha mwese b'ibinyoma mwe, NI KO IMANA IVUGA: Umunsi umwe muzasarura ibyo mubiba, mwa bayobozi b'impumyi mwe muyoboye impumyi! Ntabwo ndakaye, ndababwiza ukuri gusa. Kandi ntabwo nigeze mvuga ibi, niba, hejuru hano, muri icyi cyumba niba Umwuka Wera utavuze uti: "Vuga muri ubwo buryo." Hari ubwo nigeze mbabwira ikintu kibi hanyuma Imana ikerekana ko ari cyiza? Mukanguke, bakundwa, igihe kiragiye!

131 Ariko reka mvuge ibi. Ni gute amahwa yahinduka akaba igihuru, mu gihe byari byarateganijwe mbere? Ni gute Intore zashobora kwirinda kubibona? Kubera ko, mwatorewe kubibona. "Abo Data yampaye bose bazaza," Yesu ni ko yavuze, "ariko nta n'umwe muri bo ushobora kuza keretse niba yarampawe mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, igihe amazina yabo yashyizwe mu gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama," ntabwo ari umuyobozi w'itorero, ahubwo ni Igitabo, Igitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama.

Murareba, Yeremiya yarahagurutse, arenganurwa imbere y'abantu, ariko baramwanga.

132 Nuko barasohoka bakora ingogo y'igiti, barabikora, bayimushyira ku ijosi, bamujyana imbere y'abantu. Baravuga bati: "Yoo, turi ubwoko bukomeye bw'Imana. Kubera iki, turi Isiraheli. Turi inyangamugayo ku isinagogi yacu! Twitabira buri Cyumweru, twebwe, dutamba ibitambo, kandi twishyura amafaranga. Ni gute Nebukadinezari ashobora gufata ibintu byera by'Imana?" Huh! Ibyaha byawe byari byarabikoze.

133 Imana yaravuze iti: "Niba uzakurikiza amategeko Yanjye, ntabwo nzabikora. Ariko, niba utayakurikije, biraza kuri wowe." Ni byo rwose. Biracyari bimwe. Mukomeze amategeko Yayo, Ijambo Ryayo ry'igihe, ibyo yasezeranije.

134 Noneho mwitegereze. Noneho, Yeremiya, ku bushake bw'Imana, yemejwe nk'umuhanuzi, n'ubwo yanzwe. . .Buri wese muri bo yaranzwe mu gihe cye. Bakoze ibintu bidasanzwe binyuranye n'itorero ry'icyo gihe, umuntu wese yaramwangaga, ndetse n'abami n'ibindi byose. Yashyizeho rero i—ingogo y'igiti ku ijosi, ati: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Bagiye kuba hariya bahamare imyaka mirongo irindwi," kubera ko yari afite Ijambo ry'Imana. "Imyaka mirongo irindwi!"

135 Noneho Hananiya, Hananiya, ndakeka ko ariko bivugwa, H-a-n-a-n-i-y-a. Hananiya, umuhanuzi mu bantu, araza, akura ya ngogo y'igiti ku ijosi rya Yeremiya, arayisatura. Mazee aravuga ati: ube igisasu kinini mu bantu, murareba, igihe yavugaga ibinyuranye n'Ijambo ry'Imana. Na we ati: "Imyaka ibiri bazagaruka. UKU NI KO UWITEKA AVUZE."

Abahanuzi babiri basizwe. Itandukaniro ryari muri bo ryari? Umwe yari afite kuvuga Ijambo, undi we ntabyo yari afite. Yeremiya yaravuze ati: "Amina."

136 Imbere y'abakuru bose n'itorero, Isiraheli yose, murareba, yashakaga kwerekana ko ashobora kuba mukuru nka Yeremiya. "Uzi ko batagukunda, uko byagenda kose. Ndi umuhanuzi rero, kandi. Ndi umuhanuzi kukurusha, kuko uhanura ikinyoma. Murambwira ngo ubwoko bw'Imana bukwiye kuba munsi y'ikintu-*nk'iki?"*

137 Ni byo bavuga uyu munsi, ariko uzaba uhari kimwe, nk'itorero. Uhamwe n'umuvumo. Mwa matorero yose mwe, amadini akurikiza imigenzo yabo ya kimuntu aho kuba Ijambo ry'Imana, muvumwe n'Imana.

138 Noneho murebe, hano araje. Hananiya yamukuyeho uyu mugogo y'igiti mu ijosi, ikimenyetso cy'Imana, aragisatura, maze aravuga ati: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Imyaka ibiri bazagaruka." Gusa kugira ngo yerekane, "*Ndi Uyu-n'-uyu.*" Kubera ko yari ahagaze, yari umuhanuzi w'ishyirahamwe.

Yeremiya yari umuntu wo mu butayu wabayeho wenyine. Yahanuye ibibi kuri bo igihe cyose, 'kuko bari babi.

139 Uyu mugabo arababwira ati: "Yemwe, muri mu kuri ko mu gihe murimo. Igihe cyose muri Isiraheli, ibyo byose birakenewe. Murebe, mwebwe, twebwe. . . Imana ntabwo igiye gukora ibyo. Nzi ko hano hari akantu gato kabaye, ariko ntimuhangayike, ntimutinye."

140 Yoo, mwene Data, baracyariho n'uyu munsi. "Ntimugire ikibazo, byose ni byiza. Twabonye ibintu byose. Turi Itorero." Ntimubitekerezeho. Yego.

141 Nuko aravuga ati: "Byose ni byiza. Bazagaruka mu myaka ibiri. Ni cyo kintu gito cyabaye. Nta kintu kidasanzwe. Ibyo turabifite. Gusa wowe Nebukadinezari uze hano, ariko Imana yacu izita kuri ibyo byose."

142 Ariko Ijambo ryavuze ko bazabayo imyaka mirongo irindwi; kugeza ubwo icyo gisekuru cyari cyashize, hakaza ikindi gisekuru. Imyaka mirongo ine ni igisekuru. "Ni ibisekuru hafi bibiri ugiye umanuka nk'uko." Kandi Yeremiya yabivuze akurikije Ijambo ry'Imana.

Hananiya yarabimennye! Yeremiya yaravuze ati: "Ni byo. Amina. Ariko, Hananiya, reka twibuke ibi, twembi turi abahanuzi. Turi abakozi."

143 Ndabibabwiye, muvandimwe wanjye. Twibuke ko hariho abahanuzi mbere yacu, kandi bahanuye ubwami, kandi bahanura ibintu bimwe na bimwe. Ariko, mwibuke, igihe umuhanuzi yagize icyo avuga, agomba guhanura akurikije Ijambo. Kimwe na Mikaya, na Mose, n'abandi bose. Bigomba

kuba bikurikije Ijambo. Niba atari byo, noneho mwibuke uko byagenze.

144 Hanyuma, Hananiya, uburakari bwe bukiranuka burahaguruka. “Ndi Hananiya” (nta gushidikanya), “umuhanuzi w’Uwiteka, ndavuze ngo: ‘Imyaka ibiri.’” Mu yandi magambo, “Sinzi icyo Ijambo rivuga.” Ugusigwa kwe, “Ndavuze ngo: ‘Mu myaka ibiri, bazagaruka.’”

145 Yeremiya ajya imbere ye, aragenda, aravuga ati: “Mwami, sinitaye kubyo yavuze, Ndacyizera kandi nzi ko iryo Jambo ari byo ribivuga. Nzakomeza kuba inyangamugayo. Ntabwo nzashukwa na we.”

146 Imana Iravuga iti: “Genda ubwire Hananiya, ‘Nzabikora mu cyuma, ingogo y’igiti ikurikira.’” Kubera ko yabikoze, yakuwe ku isi, Hananiya, muri uwo mwaka.

Hariho ingero zacu, abahanuzi bombi. Ibindi byinshi rero bishobora kuvugwa no kuvugwaho muri iki gihe.

147 Ariko murebe. Yesu yavuze, ko, muri iki gihe cya nyuma, na none, imyuka yombi izaba yongeye kwenda gusa. Ni byo? [Itorero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Bizaba byenda gusa. Kuruta uko byari bimeze. Iki ni cyo gihe cya nyuma. Yemwe bana! Imana itugirire impuhwe! Kugeza igihe, “Ndetse byaba ari ukuri kugeza igihe byayobya n’Intore cyane niba bishoboka.” Noneho mugenda mute . . . twabibabwiye dute mu minsi yabo? Ni gute muza kubivuga uyu munsi? Inzira imwe yonyine, gumana n’Ijambo, “Yesu Kristo uko yari ari ejo, n’uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose.”

148 Noneho mwitondere ubu Butumwa bwose. Kandi iyo mwunvise kaseti, n’ubwo wenda nzagenda umunsi umwe ubwo Umwami azaba arangizanyije nanjye hano kw’isi, muzayifashisha. Mwumve ijwi ryanjye, ibyo mbabwira. Niba Anjyanye mbere yo kuza Kwe, muzibuke gusa ko, Naganiriye namwe mw’izina ry’Umwami, kubw’Ijambo ry’Umwami. Yego.

149 Icyitonderwa, “Bizaba byenda gusa ku buryo byayobya n’Intore niba bishoboka,” bakora ibimenyetso bimwe, ibitangaza bimwe, kubw’umwuka umwe. Ni byo? [Itorero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Nk’uko abahanuzi ari bo tumaze kuvugaho gusa, abahanuzi. Noneho, handitswe ngo . . .

Reka tubirambure kuri ibi, niba mubishaka, Timoteyo wa kabiri 3. Reka ntitubitambukeho. Kandi sinshaka . . .

150 Ndebye kuri iyo saha hejuru, none nda—ndashaka gusimbuka byinshi, sinkeka ko tugomba kubirebaho nonaha. Murareba? Icyitonderwa. Gusa . . . Niba mpagaze hano, nabize ibyuya nk’uku meze, murebe, ariko ndishimye. Kandi nzi ko ibyo ari ukuri. Timoteyo wa kabiri 3: 8.

151 Pawulo, wa mugabo wavuze ati: “N’ubwo yaba ari malayika uvuye mw’Ijuru akababwira irindi jambo rirenze iryo navuze,

reka avumwe," none, Malayika aramanutse. Ibyo biri mu Batesalonike ba Kabiri . . . Yoo, mumbabarire.

152 Mwitondere muri Timoteyo wa kabiri 3: 8. Mwitegereze ibyo Pawulo avuga noneho. Reka duhere ku . . . Reka duhere ku murongo wa mbere, hanyuma dutege amatwi neza. Mwebwe mufite Bibiliya zanyu, musome hamwe nanjye. Mwebwe mudafite Bibiliya zanyu, mutege amatwi neza. U . . .

*Mumenye yuko mu minsi y'imperuka . . .*

Mubiceho umurongo, "iminsi y'imperuka." Ni bwo bigiye kuzaba.

*. . . hazaza ibihe biruhije.* (Tubirimo.)

*Kuko abantu bazaba bikunda, bakunda imiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera,*

153 Murebe kariya gatsiko twabonye uyu munsi, karaboze. Ndetse no ku muntu uri ku muhanda, abasore, banyereza umusatsi ugatendera ku mitwe yabo, nk'aho ari umuderi nk'abagore. Ubuhenebere! Bw'Abanyesodomu!

154 Mwigeze musoma ikinyamakuru cy'uyu mwaka, Uku kwezi cyitwa *Readers Degest?* Ati: "Abanyamerika ku myaka iri hagati," Ntekereza ko byari, "hagati y'imyaka makumyabiri na makumyabiri n'itanu, byamaze kugera mu myaka yabo yo hagati." Bararangiye! Baraboze! Siyanse ivuga ko, ko umugabo aba ari mu kigero cyo hagati, n'umugore, iyo bakiri mu kigero cy'imyaka 20. Umubiri wabo urabora kandi ugashyirwa umwanda.

Yemwe Amerika, mbega ukuntu Imana yaba yarakuzengurutse, ariko noneho isaha yawe irageze! Uyobora isi mu mwanda.

*. . . batukana, batumvira ababyeyi babo, intashima, batari abera,*

*badakunda n'ababo, . . .*

Nta n'urukundo nyarwo hagati ya bamwe n'abandi, umugabo ku mugore, umugore ku mugabo. "Ntabwo ari urukundo rusanzwe." Umwanda, imibonano mpuzabitsina!

*. . . batuzura, babeshyerana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza,*

155 Mu yandi magambo, baravuga bati: "Mwebwe muri abera bivuruguta hasi." Hari uwabajije ejobundi ku byerekeye kuza hano ku rusengero. Baramubwira bati: "Ntukajyeyo. Byose ni agatsiko kanini k'abanyarusaku gusa kandi rukomeza."

Murareba, "ni abasuzugura ibyo byose."

*Bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana;*

Muravuga muti: "Mwene Data Branham, ni ubukomunisiti." Ni iki umurongo ukurikiyeho uvuga?

> *Bafite ishusho yo kwera, ariko (ngw'iki?) bagahakana imbaraga zako:* (Ijambo, Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose, ryaragaragajwe, isezerano ry'igihe) . . .

Kimwe neza nka Hananiya, kimwe neza nka Zedekiya, kimwe neza nka Balamu, bo hambere, abandi bahanuzi b'ibinyoma.

> *Bafite ishusho yo kwera,* (abasizwe . . . Murabona?)

> *Bafite ishusho,* (abasizwe, abagizwe abakozi . . . )

> *bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana* (ko uko yari ari ejo n'uyu munsi, kandi . . . Guhakana Ijambo Rye!)

156 Ni gute bahakanye Yesu muri iyo minsi? Ni inde bahakanye igihe bahakanaga Yesu? Ni Jambo. Bari abanyamadini. Bigishirije muri Bibiliya yabo, ariko bahakana Ijambo ry'icyo gihe.

157 Ni iki muri iki gihe? Ikintu kimwe, abasizwe, babwiriza Ubutumwa bwiza bwa pentekote, ariko bagahakana amasezerano y'igihe agaragaza Ijambo, "Yesu Kristo uko yari ari ejo, ni ko ari uyu munsi, kandi ni ko azahora iteka ryose." Murabibona? [Iteraniro riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

> *Kuko muri bo harimo abagabo bomboka mu mazu bakanyaga . . . abagore batagira umutima, baremerewe n'ibyaha, batwarwa n'irari ry'uburyo bwinshi,*

158 "Ibirori byacu byo kudodera hamwe *n'ibindi n'ibindi.*" Umuntu akaza akagerageza gusobanura nabi Ijambo, akavuga ibi, "Ni byiza, mushiki wacu, kugira ngo ugire umusatsi mugufi. Ntukite kuri ibyo bigayitse. Murareba? Cyangwa, niba ari wowe—wambaye *ibi;* ntabwo ari *ibyo,* 'ni ikiva mu mutima w'umuntu kimuhumanya.'" Murabyumva? Kandi murabona ko mwasizwe amavuta n'umwuka mubi, y'irari, n'umwanda? Mwitonde, mushobora kuririmba muri korari, mufite umisatsi migufi, ariko mwarakiriye umwuka mubi. Ibyo binyuranye n'Ijambo. Ni byo. Ibyo ni byo Bibiliya ivuga. Kandi uravuga uti: "Ni byiza, nambara ikabutura. Ntabwo incira urubanza."

"Umuntu uwo ari we wese, niba umugore yambaye umwenda nk'uw'umugabo, ni ikizira imbere y'Imana." Imana idahinduka ibyo yarabivuze.

159 Yewe, ibintu byinshi cyane, ni gute dushobora kubinyuramo? Igihe cyacu cyaducika. Ariko muzi bihagije kumenya icyiza n'ikibi. Kandi ni gute nashobora kubareka ngo babikore? Nabikora nte? Muravuga muti: "Ni byiza, ibyo urimo kuvuga?" Ndi umuhamya ukurwanya. Umunsi umwe, ku Munsi w'Urubanza, ntuzagira inguni yo kwinjiriramo.

160 Ni gute Mikaya yahagarika ibyo? Ni gute Mose, avuza induru, agerageza kubihagarika? Na Yosuwa hamwe na bo biruka mu bantu? Levi akuramo inkota ye, arabica, ndetse? Bikomereje ibyo bakoraga.

161 Byarahanuwe ko bagiye kubikora. Kandi bagiye kubikora, kuko ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE bagiye kubikora. Mutekereza ko amazina yabo y'ibyubahiro azigera asenyuka, amadini yabo akagaruka mw'Ijambo? UKU NI KO UWITEKA AVUZE, ntibazabikora! Bazajya muri antikristo? Ni ukuri. UKU NI KO UWITEKA AVUZE, bazabikora! "Noneho murabivugaho iki?" Ngomba kuba umuhamya, kandi namwe, abizera mwese. Murebe.

> *. . . bakanyaga abagore batagira umutima . . . baremerewe n'ibyaha,*

"Nuko, ibisigaye byose abagore bakora." Abahanuzi b'ibinyoma! Noneho nimwumve. Abahanuzi b'ibinyoma, ndimo kuvugaho. Noneho bazakora iki mu minsi y'imperuka?

> *. . . bakanyaga abagore . . . batagira umutima baremerewe n'ibyaha,*

"Ni byiza, nzi abandi bagore bose basigaye . . ." Ni byo, mukomeze.

162 Navuga iki mbere y'uko ibi bikomeye bibera hano muri California? "Mwa bantu mwe ba hano muri Los Angeles, buri gihe ku mwaka iyo ngarutse nsanga hariho abagore benshi bafite imisatsi migufi n'abagabogore kurusha hambere, ababwiriza benshi bishoye mu madini. Nta rwitwazo mufite! Niba imirimo ikomeye yari yarakorewe muri Sodomu na Gomora ikorerwa muri mwe, yari ikwiye guhagarara uyu munsi. Yewe, Kaperinawumu, wowe wiyita izina ry'abamalayika, Los Angeles!" Murareba ibihabera? Izagenda irigita neza kugeza paka munsi y'inyanja. Ryari? Sinzi igihe bizabera, ariko bizaba. Mwa rubyiruko mwe, niba ntabibona mu minsi yanjye, muyitegereze. Yarigise!

> *bahora biga . . . ariko ntabwo babasha kugira ubwo bamenya ukuri.*

Noneho hano biratangaje, dore igice gitangaje. Mutege amatwi ibi.

> *Nk'uko Yane na Yambure barwanije Mose, ni ko n'abo bagabo barwanya ukuri: abo ni abononekaye ubwenge badashimwa kubyo kwizera* kwigeze gushyikirizwa abera, byanze bikunze.

"Ku byerekeye Kwizera." "Kandi azagarura kwizera kwa ba se, cyangwa ukw'abana, agusubize ku kwa ba se."

163 "Kwamagana ibyerekeye Kwizera." Uh! Muzi icyo *kwamagana* bisobanura? Niba mwarigeze kubona Bibiliya

ya Scofield, hariya harimo *h*. Ahagana hariya, aravuga ati: "ikizira." Ikizira, ni byo.

164 Noneho, umunota umwe gusa. Ndashaka gushaka ikintu hano. Ndatekereza ko nabyanditse neza. Ntabwo mbizi neza, ariko ndashaka kubivugaho, ngatumbira imbere yanjye nda—ndabivuze. Noneho, umunota umwe gusa. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] "Kwamagana Ukuri, ku bijyanye no Kwizera." "Kwizera," hariho Kwizera kumwe gusa. Ni byo. "Ku byerekeye Kwizera, kwamagana!"

Noneho ndashaka gusoma Luka 18. Umunota umwe. Ntabwo. . . Mushobora kubyandika; si ngombwa ko mubisoma.

> *abacira umugani wo kubigisha* muri *iki gihe cya nyuma, ko abantu bakwiriye gusenga* iteka, *nti. . . ntibarambirwe;*
>
> *Arababwira—arababwira ati: hariho umucamanza mu mudugudu umwe, utubaha Imana* kandi ntiyite *ku bantu:*
>
> *Muri uwo mudugudu hariho umupfakazi umwe muri* uwo *mujyi; aramusanga aramubwira ati: ndengera ku mwanzi* wanjye.
>
> *Nuko amara iminsi—amara iminsi atemera ariko aho ageze aribwira ati: n'ubwo ntubaha Imana, kandi sinite ku bantu;*
>
> *ariko kuko uyu mupfakazi* anduhije, *ndamurengera, ngo adahora. . . aza iminsi yose akandushya.*
>
> *Nuko Umwami Yesu arabaza ati, Ntimwumvise ibyo umucamanza ukiranirwa yavuze.*
>
> *Ubwo bibaye bityo Imana se yo ntiyazarenganya. . . intore zayo* ziyitakira *ku manywa na nijoro, mbese yazirangarana?*
>
> *Ndababwira ukuri yuko izazirengera vuba. Ariko Umwana w'umuntu naza, mbese azasanga kwizera kukiri mu isi?*

165 Noneho icyo ni ikibazo. Dore aho nashakaga kugera: Mu Byahishuwe 10 (Turaza kubigeraho mu minota mike, ku kindi Cyanditswe, murareba.), Yaravuze ati: "Mu minsi y'Ubutumwa bwa malayika wa karindwi, ubwiru bw'Imana *bugomba* gusohora." Dore ikibazo, ni, niba ukurikiza uwo murongo muri iki gihe saha, mbese *buzasohora*? "Nzasanga Kwizera kukiriho?" Ese Malaki 4 izasohora muri iki gihe, "Kugarura Kwizera kw'abana, akagusubiza ku Kwizera kwa ba se, umwimerere, Ijambo"? Murareba?

166 "Kwamagana, Yani na Yambure, nk'uko babyanze." Noneho, nimwumve, Timoteyo wa kabiri 3: 8. "Nk'uko Yani-. . . yivumbuye kuri Mose, no mu bihe bya nyuma ni ko abo

babyamagana bazaza," noneho murebe aho Ivuga hano ngo: "kugira uburyo bwo kubaha Imana," abasizwe. Reka noneho . . . Musubire inyuma kandi—hanyuma muhasome mugeze mu rugo, kugira ngo ibi nshobore kubirangiza, muri iki gitondo, niba mbishoboye. "Amagambo yerekeye . . . " Ntabwo ari ukwamagana—mu—mu mibereho; ni abagabo beza, bafite umuco.

167 Noneho, igihe Mose yamanukaga muri Egiputa, afite ubutumwa bwa UKU NI KO UWITEKA AVUZE, yaratotejwe; yahamagaye Isiraheli, yari ubwoko, ntabwo ari itorero. Isiraheli yari ubwoko; ntibigeze baba itorero. Impamvu, ijambo *itorero* risobanura "abahamagawe." Bari ubwoko bw'Imana. Noneho iyo abasizwe munsi y'Ijambo, bahamagawe, bahinduka itorero ry'Imana. Hanyuma basubira inyuma, kuko batizeraga Ijambo ry'Imana, bakumva umuhanuzi w'ikinyoma. Ndizera ko ibyo byabakanguye.

168 Isiraheli, kuba ubwoko bw'Imana, isohoka munsi y'ukuboko kw'Imana, yasizwe n'ijambo . . . n'imbaraga z'Imana, yabonye ibimenyetso n'ibitangaza by'Imana. Noneho igihe Imana yagendanaga nabo, haza umuhanuzi w'ibinyoma, uwasizwe, maze yigisha ikintu kinyuranye n'Ijambo ry'umwimerere ry'Imana bumvise; kandi buri wese muri bo yapfiriye mu butayu, usibye abantu batatu. Noneho mubikomeze.

169 "Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nowa, aho abantu umunani barokotse umwuzure, ni ko bizagenda no mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu." "Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Loti, aho batatu basohotse i Sodomu, ni ko bizagenda mu gihe Umwana w'umuntu azahishurwa." Ndavuga gusa Ibyanditswe, Ijambo ry'Uwiteka, ari ryo, "Ijuru n'isi bizashira . . . " Bazaba ari bake!

170 Mukurikire hano. Mose aramanuka asanga Aroni. Mose yagombaga kuba Imana. Imana yamubwiye kuba Imana, ati: "Ba Imana, ureke Aroni umuvandimwe wawe akubere umuhanuzi. Ushyire amagambo mu kanwa ke niba udashobora kuvuga neza." Ati: "Ariko ni inde watumye umuntu atavuga? Ni inde watumye umuntu avuga?" Uwiteka yarabikoze.

171 Hanyuma aramanuka. Yakoze iki? Yakoze igitangaza cy'ukuri kandi gikwiye Imana yamubwiye gukora. Imana yaramubwiye ngo: "Genda uterere inkoni yawe hasi." Yarayitereye, nuko ihinduka inzoka. Arayitora, isubira kuba inkoni. Ati: "Genda ubikore imbere ya Farawo, uvuge uti: 'UKU NI KO UWITEKA AVUZE.'"

172 Farawo abibonye, aravuga ati: "Kubera iki, mbega amayeri y'ubukonikoni." Ati: "Nta kintu na kimwe kirimo. Ni ibihimbano byo mu mutwe cyangwa ikindi kintu, murabizi. Twabonye abasore mu muryango wacu bashobora gukora ikintu nk'icyo. 'Ngwino hano, Musenyeri *n'ibindi n'ibindi*. Kandi,

wowe, urasohoka hano. ’Twabonye ko bashobora kubyigana.” Ni bwo Satani yavuganaga na Farawo.

Iyo yari Imana yavugiraga muri Mose.

173 Ariko mwitegereze uyu musore asohoka. Yani na Yambure basohotse imbere ya Mose, kandi imbere y’abantu, kandi bakora ibitangaza byose Mose yashoboraga gukora. “Bazabeshya n’Intore niba bishoboka.” Murabyumva? Bakoze ikintu kimwe nk’icyo Mose yakoze. Murareba? Noneho mwibuke, UKU NI KO IBYANDITSWE BIVUGA, ko bizongera kubaho mu minsi ya nyuma.

Ni irihe tandukaniro riri hagati ya Mose na Yambure?

Mose ati: “Reka amaraso aze mu mazi.”

Abo bahanuzi b’ibinyoma baravuga bati: “Ni byo, dushyira amaraso mu mazi, natwe.” Kandi byarabaye.

Mose aravuga ati: “Reka aho haze imbaragasa.” Yashakaga iki? Imbaraga ziturutse ku Mana. Murareba?

None se yakoze iki? Yaravuze ati: “Ni byiza, byanze bikunze, natwe, dushobora kuzana imbaragasa.” Kandi barabikoze. Igitangaza icyo ari cyo cyose Mose yashoboraga gukora, nabo, bashoboraga kugikora!

174 Mwibuke, muzirikane ibyo, turaza kubigeraho, nyuma y’igihe gito. Bashobora gukora ikintu cyose abasigaye muri bo bashobora gukora, ariko ntibashobora kugumana n’Ijambo. Ntibashobora kugumana n’Ijambo.

175 Noneho icyitonderwa, barabikoze, ariko Mose, umuhanuzi w’ukuri woherejwe n’Imana, washyizweho n’Imana, ntabwo yigeze atongana nabo, aravuga ati: “Hano, ntimushobora gukora ibyo! Ntimushobora!” yarabaretse gusa, arabareka barakomeza. Ni abahanuzi b’idini, ariko mukomeze.

176 Mose yaragiye gusa, yumvira Imana. Ibyo Imana yavuze byose iti: “Noneho urakora ibi,” Mose aragenda maze arabikora. Yakoze ikintu gishya. Ubwo babikoraga, buri wese muri bo yagize ibyiyumvo cyangwa ikindi kintu, hano baraza. Barabikoze, nk’uko Mose yabigenje.

177 Noneho icyitonderwa. Abo basore baragaragaye. . . Mwa bantu mwe, ibi ntibibaceho! Aba bariganya, abiyita, bagaragaye nyuma y’ukuri umwe yagezeho mbere. Murareba? Baje kwigana. Murareba, ni cyo bari gukora. Satani ntashobora kurema ikintu na kimwe; keretse gusa kugoreka umwimerere.

Icyaha ni iki? Ni ugukiranuka kugoretse. Ubusambanyi ni iki? Ni igikorwa cyiza cyagoretswe. Ikinyoma ni iki? Ni ukuri guhindurije. Gucuritse!

178 Murebe kuri Hananiya, kugoreka Ijambo rya mbere. Murebe Balamu, kugoreka Ijambo ry’umwimerere. Murebe Zedekiya, kugoreka Ijambo ry’umwimerere.

Kandi Bibiliya yavuze ko aba bantu bazasohoka, nyuma yo kugoreka . . . cyangwa kugoreka Ijambo ry'umwimerere ryemejwe kandi ryerekanwe ko ari Ukuri.

179 "Kora umurimo w'umuvugabutumwa," muri iyo mfuruka nyine, "kora ibimenyetso byuzuye by'umurimo wawe. Kubera ko igihe kizagera ubwo batazihanganira Inyigisho zumvikana, ariko nyuma y'irari ryabo bazishakira ubwabo abigisha, bafite amatwi atumva; noneho bazakomeza bakore icyo bashaka cyose, kandi, 'Byose ni byiza, twabonye ibimenyetso bimwe n'ibitangaza.' Kandi bazareka Ukuri, bajyanwe mu guca migani, no mu migenzo."

180 Yoo, kumenya Umwuka Wera, ubwoba butera ubugingo bw'umuntu iyo ahagaritse gutekereza uburyo nyabwo kandi busobanutse neza imbere yacu! Gucukura iryo buye ry'imfuruka hanze hano maze mugasoma urupapuro rwashyizweho, mu myaka mirongo itatu n'itatu ishize. Murareba ibyo yavuze hejuru nyine ku—ku Muhanda wa Karindwi, muri cya gitondo ubwo ibuye ry'imfuruka ryashyirwagaho. Noneho murebe. Reba hano ku ruzi, igihe Malayika w'Uwiteka yamanukaga mu buryo bw'Inkingi y'Umuriro, amagana y'amatorero, cyangwa abantu b'iryo torero, bahagaze ku nkombe; ibyo Yavuze, murebe niba byarasohoye. Murebe uko byagenze.

181 Biragoye cyane. Nzi ko bisa nk'ibikomeye, bavandimwe, hanze aha. Ariko ni . . . Bibiliya yarabivuze, Yesu yaravuze ati: "Babeshya n'Intore niba bishoboka." Nta kuntu byagenda. Ntibazigera babasha Kubibona. Niba byashobokaga, Intore ubwazo zari gushukwa nabyo.

182 Mumenye ko, abo basore bagaragaye nyuma yo gusigwa kw'ukuri kw'Imana; n'umuhanuzi Wayo w'ukuri, Mose. Kandi igihe Mose yakoraga ikintu icyo ari cyo cyose, bagombaga kukigana.

183 Noneho, mwene Data, mushiki wanjye, njye . . . Iri ni ryo torero ryanjye bwite. Mfite uburenganzira bwo kubwiriza ibyo nshaka, igihe cyose bivuye mu Ijambo ry'Imana. Kandi ntabwo mbaciriyeho iteka, ariko reka ibyo tubishakishirize gusa kw'isaha n'igihe turimo.

184 Ndabaramukije Mwene Data Ruddell, na Junior Jackson, hamwe n'abari hanze ya hano, amatorero y'abavandimwe bacu. Narabagiwe, hashize igihe. Ndibwira ko nabo, batugendereye muri iki gitondo, kubera ko nta—nta mwanya uhari mu rusengero.

185 Mubitekerezeho nonaha, mu munota umwe gusa. Bakoze ibitangaza nk'ibyo Mose yakoze. Mose azana imbaragasa; barabyigana nuko nabo bazana imbaragasa. Murareba?

Imana yaravuze iti: "Umunsi muzaryaho, uwo munsi muzapfa."

186 Satani arazenguruka ati: "Ni ukuri, ntimuzapfa. Muzaba abanyabwenge gusa. Muzagira idini ryiza, ryiza . . . " Murabizi. "Murabizi, ibintu byose bizababera byiza, muzagira Umucyo mwinshi." Murebe, kugoreka gusa. Birakwiye . . .

187 Kandi mwibuke, UKU NI KO UWITEKA AVUZE, ukurikije Timoteyo wa kabiri 3:18, ko, "Mu minsi ya nyuma, ko uyu Yani na Yambure bazaba kw'isi." Noneho, ndashaka ko mubona ko hari babiri muri bo, murebe, abiyita.

188 Noneho tugiye gusubira muri Sodomu, nyuma y'igihe gito, uko ari batatu, tubashakire Abamalayika batatu bamanuke, hanyuma murebe kwigana, n'ibindi n'ibindi, murebe, murebe icyiza n'ikibi. Murareba? Murareba?

189 Mumenye ko, bakoze ibitangaza bimwe. Ariko, icyitonderwa, biyitiriye Ijambo ry'ukuri ryasizwe, n'ukuri Imana yohereje; igikurikira, icya kabiri.

190 Ndibaza niba dushobora gutekereza nk'umunota umwe. Dufata abantu mu kiganza, ntabwo ari kera, hashize imyaka makumyabiri, kandi ikimenyetso cyarerekanwe. Bahungu, hari ibimenyetso byinshi mu bintu byose, n'abantu bose . . . Umuntu yarabibonye mu kiganza cye cy'iburyo; umuntu yarabibonye mu kiganza cye cy'ibumoso; undi arabyihumuriza. Murebe, ubwoko bwose . . . Kandi ndibaza . . . Imana ntizemera ko mbabwira muri iki gihe ukuri kwa nyako, ariko umunsi umwe mugiye kuzabimenya. Ibyo byari ukugira ngo gusa ubupfapfa bwabo bugaragare. Ntabwo byari byiza, mu ntangiriro. Nzababwira, umunsi umwe, niba Uwiteka abyemeye.

191 Mumenye ko, bakoze ibitangaza bimwe, ariko ntiba . . . Mumenye ko, batabikoze kugeza Ijambo ry'umwimerere risohotse, bwa mbere. Ni uko Satani yabigenje mu busitani bwa Edeni. Uko ni ko yakoraga igihe cyose. Ni inde wahanuye mbere? Mose. Ni inde uza kwigaragaza bwa mbere, Mose cyangwa Balamu? Mose. Ni inde uza mbere, Yeremiya cyangwa Hananiya? Murabona icyo nshaka kuvuga?

192 Icyitonderwa, barabyiganye. Abiyita abigana, babikuye ku mutima, bibwira ko ari byo "gukorera Imana umurimo," nk'uko David yabikoze, icyumweru gishize, ariko yigana umubiri. Ntegereje umunota umwe. Ndashaka ko mutekereza hagati y'iyi myanya. Niba ntabivuze, rwose Umwuka Wera azabibahishura, cyane cyane ku Ntore. Murareba?

193 Itorero rya Farawo riravuga ngo: "Dufite umuntu ushobora kubyigana,"Nuko barabikora. Murareba? Kuki Farawo yabikoze? Kuki Imana yabimwemereye? Kuki Imana yohereza umuhanuzi w'ukuri, wasizwe aho ngaho kugira ngo akore ikimenyetso imbere ya Farawo, hanyuma akareka amadini akabyigana maze agakora nka byo imbere ya rubanda? Ni ukubera iki Yareka umuntu wigana agahaguruka ngo abikore,

kandi agakora ikintu kimwe rwose Umwuka w'ukuri w'Imana yakoze? Murebe, Ibyanditswe bigomba gusohora.

194 Mumenye ko, Yabikoze kugira ngo Ikomeretse umutima wa Farawo n'Abanyamisiri, no kwerekana ko Mose atari we wenyine wari ufite Ijambo. Bashoboraga gukora byose nk'uko Mose yashoboraga kubikora.

195 None se ni ukubera iki Imana yaretse iki kintu kikaba mu minsi y'imperuka? Rero, ni kimwe n'umwuka w'ibinyoma wabwiye Zedekiya uti: "Ni gute twavana Ahabu hariya, kugira ngo ibyo bintu bishoboke?" Ni gute azabona abo bantu, yizeye amatorero yabo, gusohoka hano kugira ngo ureke iki kintu kibeho, icyo Yahanuye? Bo, muri iki Gisekuru cy'Itorero rya Laodikiya, "Kubera ko uvuga uti: 'Ndatunze, kandi ndatunganiwe ntacyo nkennye. Mbayeho nk'umwamikazi.' Ntacyo ufite! Ntuzi ko uri umukene, umutindi wo kubabarirwa, impumyi? Kandi ndakugira inama yo kuza aho ndi ngo Ungureho," Yaravuze ati: "amavuta na zahabu." Kuki Yabikoze?

196 Kuki Yaretse uku kwigana kukazamuka muri iyi minsi ya nyuma, mu gihe ibyo bintu bigiye gusohora mu Ijambo ry'ukuri ry'Imana; ikareka abigana bakazamuka bagakora ikintu kimwe, maze bagahakana Ijambo ry'ukuri ry'Imana? Yabikoreye Mose. Farawo nawe yabikoreye Mose; kandi n'abo, Yani na Yambure, babikoreye Mose. Kandi Bibiliya yavuze ko bizongera bikaba mu minsi yanyuma. Ni hano tugeze. Noneho, niba ibyo atari Ibyanditswe byasohoye, bigeze he?

197 Ese Mose yaba yarabasuzuguye akababwira ati: "Hano! Hano! Ntimushobora kubikora. Ni njye njyenyine washyiriweho kubikora. Hano! Muhagarike ibyo, nonaha"? Yarabaretse baragenda.

198 Reka bakomeze. Nimwibuke, Bibiliya iravuga ngo: "Nk'uko ubupfu bwabo bwagaragaye, ni ko rero ibi bizagaragara mu minsi ya nyuma," ubwo Umugeni azaba azamuwe akajyanwa ku bicu. Mubimenye.

Mose, Ijambo ry'ukuri ryagaragajwe, ntabwo yigeze avuga ikintu na kimwe, gusa yarabyihoreye. Ariko Yabikoze kugira ngo Ishobore kunangira umutima wa Farawo, Ishuka Farawo.

199 Yakoze ikintu kimwe neza kugira ngo Ishobore kubeshya Ahabu. Kandi uriya musore umwe muto uhagaze wenyine, Mikaya, arababwira ati: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Hano hahagaze undi, wasizwe ati: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Kandi biranyuranye, kimwe ku kindi.

200 Duhagaze uyu munsi dufite UKU NI NI KO UWITEKA AVUZE, ko umubatizo w'amazi mu minsi ya nyuma ugomba kuba mw'Izina rya Yesu Kristo. Undi mugabo arahagarara agakora ibitangaza, hamwe n'Ubutatu.

201 Nyereka ijambo *ubutatu* muri Bibiliya. Nyereka ahantu hari Imana eshatu. Nyereka aho ibintu nk'ibyo biri. Ntabwo ari mu Ijambo ry'Imana. Nta kintu nk'icyo nk'uko nta muntu n'umwe wigeze abatizwa mw'izina rya "Data, Mwana, Umwuka Wera," akoresheje ayo mazina. Ibyo bintu byose, "Yego, ni byiza, bashiki bacu. Ni byiza, gusa mugire umusatsi muremure. . . umusatsi wanyu ni mugufi. Ni byiza, ntimugomba gukora *ibi, ibyo,* cyangwa *ibindi.* Yewe, ibyo ni ubuswa, bimwe bitakigezweho."

202 Ariko Bibiliya yaravuze! Kandi yasezeranije ko, "Mu minsi y'imperuka, yagombaga kohereza Umwuka wa EliyaY kandi yagombaga guhamagara abantu, abana b'Imana, bakagaruka ku Kwizera kwambere nk'uko byari bimeze mu ntangiriro, y'Ijambo." Iryo Jambo ryaremejwe, Umwana w'umuntu mu minsi ya nyuma, nk'uko byari bimeze kuri Sodomu; ejo, n'uyu munsi, n'iteka ryose. Yasezeranije kubikora. Ni amasezerano y'Imana. UKU NI KO UWITEKA AVUZE.

Icyitonderwa, bakoze ikintu kimwe, nk'uko Mose yabigenje, kugeza igihe Imana biyirambiye.

203 Noneho mwibuke, ni UKU NIKO UWITEKA AVUZE, ni ko bizagenda muri iyi minsi. Noneho, mushakishe ku isi; mufate buri muyoboke, mufate imiryango yose, mufate buri muntu, mufate buri torero! Ndabategetse, mw'izina rya Kristo, gukora ibi, mwa babwirizabutumwa mwe. Ndabasaba gusoma ibinyamakuru cyangwa kuzirikana ahantu hose mushaka kujya, hanyuma murebe niba bitari kw'isi kuri ubu. Murareba?

204 Noneho, Matayo 24:24 ni byo. "Ibinyoma, abasizwe bazavuka mu minsi y'imperuka, kandi bazaba ari abahanuzi b'ibinyoma, kandi bazayobya benshi." Murebe muri ubu buryo, nk'uko bimeze ubu, murareba, "Bazayobya benshi." "Abahanuzi," mu bwinshi; "ba Kristo," abasizwe, mu bwinshi; benshi batandukanye, Abanetodisite, murabizi, n'Ababatisita, n'Abapenekositi, n'abandi n'abandi. Murareba?

Ariko hariho Umwuka umwe wa Kristo w'ukuri, kandi iryo ni Ijambo ryagizwe umubiri nk'uko yabisezeranije kubikora.

Noneho turaza gukomeza imbere gato, ku bindi Byanditswe Byera.

Kugeza, Imana ibirambiwe, noneho byararangiye. Ubusazi bwabo bwaragaragaye.

205 Icyitonderwa, mwibuke, igishishwa gisa neza n'impeke z'ingano. Murareba? Noneho, ntimushobora kongera kuvuga ngo mu gihe cy'Abaluteriyani, "igishishwa cyari ingano," nyamara gifite Ubuzima muri cyo. Uruti ni rumeze neza, Ubuzima mu ruti bwari bwiza, ariko, nimwibuke, Ubuzima bwateye imbere; Bwateye imbere kuva kuri Elisha kugeza kuri Eliya, Ubuzima bukomeza gutera imbere, ariko, nimwibuke, Ni mu bindi byiciro, Ntibushobora kuguma muri urwo rwego. Ntidushobora kurya ibyaboze by'indi myaka, ntidushobora

kurya ibyaboze bya Penekositi, Metodisite, cyangwa Batisita, murareba, byahindutse ibyataye igihe. Dufite ibiryo bishya, Ijambo ry'iki gihe, n'ibindi.

206 Mwibuke, igishishwa gisa neza n'impeke z'ingano. Ntimushobora . . . Ntabwo rwasaga nk'ikibabi, ntabwo rwasaga n'uruyange, ariko byanze bikunze yarabikoze mu gishishwa. Ntabwo bisa nk'aho muri . . . Yesu Kristo uko yari ari ejo, muri Luther; ntabwo yasaga na Wesley; ariko byanze bikunze bikora muri Penekositi, "Gushuka n'Intore cyane niba bishoboka." Murareba? Icyo ni cyo gisekuru cyanyu.

207 Ariko mwibuke, iryo torero rya Pentekote, mu minsi ya nyuma, ryari Lawodikiya; na Kristo yarirukanywe, Intete, Ingano, Ubwayo. Igihe Yageragezaga . . . Mwibuke, igihe yagerageragezaga kwigaragaza mu itorero, Yarirukanwe. Byari bikiri itorero, bivugwa ko; ryasizwe.

208 Ariko *hano* ni Ijambo, Kristo We ubwe, iryo ni Ijambo ryasizwe rizaza kubw'abasigaye b'umubiri We, Umugeni. Abasizwe, mu mazi amwe yuhira ingano, nk'uko twabivuze, ni nayo yuhiraga ibiti, abasizwe. Gusa Intore, cyangwa abatoranijwe mbere, bazabasha kumenya itandukaniro riri hagati yabo. Noneho, Abefeso 5:1 harabibabwira, n'uburyo byari bimeze.

209 Ni abasizwe. Abantu bose baravuga bati: "Imana ihabwe icyubahiro! Twabonye umudendezo hano. Haleluya! Twebwe . . . Yoo, haleluya! Tuvuga mu ndimi, tugasimbuka. Twabonye umudendezo w'abagore; mwebwe abantu mugerageza kubishyira munsi y'ubwoko bwose bw'ibintu." Murareba? Mukomeze. Nta kintu na kimwe mushobora gukora. Muravuga muti: "Ni byo, tuvuga mu ndimi. Turasakuza. Turabyina mu Mwuka. Twamamaza Ijambo." Rwose. Ntabwo ari ikintu cyo kubirwanya. Noneho abo bagabo basubire hano muri Bibiliya.

Yesu yaravuze ati: "Bayobya n'Intore niba bishoboka, abatoranijwe cyane."

210 Noneho murebe, igishishwa . . . Uhereye ku Impeke z'umwimerere, Ingano zagiye mu butaka, Ntabwo zari amadini. Yari Impeke imwe, Muri yo Ubwayo. Ariko ubwo ryazamukaga, ntabwo ryari Ingano; ryari ishyirahamwe, murareba, amababi, y'ibigori.

Hanyuma Yagiye mu kindi cyiciro, rwari uruyange. Ntabwo yari ikimeze nk'intangiriro. Ryari idini.

211 Yagiye mu gishishwa, amababi menshi, Penekosite, neza neza uko imeze ubu. Murareba. Ihinduranya imiterere igihe cyose, neza neza bikamera kimwe, birasa neza n'Impeke y'ingano iyo ubonye ako kantu gato ahongaho.

212 Ariko amaherezo Irigaragaza, kandi nta dini. Nta bandi bikorezi. Idini ni ukwita ku bintu gusa. Nta bandi bikorezi;

uruti rugomba gupfa, igishishwa kigomba gupfa, ibindi byose bigomba gupfa, ariko ingano ikomeza kubaho. Nguwo umubiri w'umuzuko, umanuka neza ukabajyana. "Abanyuma bazaba abambere, naho abambere bazaba aba nyuma." Murebe, ubajyana neza mu muzuko. Murabikurikira? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ni byiza. Icyitonderwa, impeke ni . . .

213 Igishishwa gisa neza n'impeke. Kandi umuntu uhinga umurima w'ingano, cyangwa ikindi kintu, yareba akavuga ati: "Imana ishimwe, nabonye umusaruro w'ingano," mu gihe atabonye agace kamwe k'ingano. Hmm? Irasa neza n'ingano, nyamara ni igishishwa.

214 Noneho, nshuti, reka dusubire inyuma: Ububyutse bwa mbere buturuka he, nyuma ya—iminsi imbuto z'ingano zagombaga kugwa mu butaka, Umubiri, Umugeni wa Kristo? Kristo yateguye Umugeni we, ni byo, Itorero Rye? Ntiyigeze arigira idini; Gusa yashyizeho intumwa, n'abahanuzi, n'ibindi, mu Itorero, kugira ngo ritunganywe. Ariko i Nikeya, Roma, nyuma y'imyaka magana atatu n'itandatu, barihinduyemo idini. Mbese si byo? Nuko rirapfa. Ibintu byose bitemeranya n'iryo torero byarishwe. Kandi riracyasinziriye, mu myaka amagana, mu mwanda.

215 Ariko, nyuma y'igihe gito, hejuru ryaje muri Luther. Utubuto duto twa mbere tw'ibigori turaza. Iya kabiri, yaturutse aho. Barakomeje, haza Zwingli n'abandi, n'andi mashyirahamwe n'ibindi. Noneho, nyuma y'igihe gito, haza Angilikani birakomeza.

216 Noneho byagenze bite? Hano haza Wesley hamwe n'ububyutse bushya, uruyange, rusa neza neza ndetse cyane gato nk'ingano. Noneho byagenze bite? Rwarateguwe, ruruma hanyuma rurapfa.

217 Ubuzima bwagiye mu gishishwa, maze igishishwa kiza gisa neza nk'ingano. Ariko, amaherezo, ubupfu bwarwo bwagaragaye mu myaka umunani cyangwa icumi ishize, cyane cyane mu myaka itatu ishize. Ubu rukora iki? Rusohoka mu Ingano.

218 None se ni ukubera iki hatabayeho idini ryatangiye muri iyi myaka makumyabiri ishize y'ububyutse bukomeye; ni abahanuzi basizwe, abigisha basizwe, n'ibindi, ariko kuki budahari? Nta kintu kirimo kirenze Impeke. Murareba, Yagarutse, nta dini. Yoo, mbega, n'impumyi yashoboraga kubibona. Ntirishobora gutunganya; Birarirwanya rwose. Ni impeke z'Ingano, ubwazo. Umwana w'umuntu azagaragazwa. Impeke z'Ingano zizongera zigarukeho ubwazo, Umwana w'umuntu mu minsi y'imperuka.

219 "Kandi hazabaho kwigana ibinyoma Byaryo, mu minsi ya nyuma, ibyo byayobya n'Intore niba bishoboka." Mwitegereze imitunganyirize y'urukungu yabo ijyana kure nonaha.

220 Gusa irareka Ingano ikamenyekana, ku Batoranijwe, bagize umugabane wayo. Mwitegereze uburyo ibi byazanywe hano ubungubu ari byiza. Gusa . . . Mumenye ko, abasizwe bashobora; Intore nyazo, zatoranijwe mbere, Abefeso 5: 1, cyangwa, 1: 5, ahubwo, bazashyirwaho, batorwe. Ni bo bonyine batazabeshywa.

221 Icyitonderwa, abahanuzi basizwe bazaba ab'ibinyoma, kandi muri bo hazaba abasizwe b'ukuri. Ni gute mwabivuga? kubw'Ijambo. Nk'uko, turabifite ku gishushanyo. Murabibona? Muvuge muti: "Amina." [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Murareba?

222 Icyitonderwa, abasizwe, Ijambo ryonyine ni ryo rizabatandukanya, ntabwo ari ibimenyetso. Yego, oya. Bazakora ibimenyetso bimwe, ariko Ijambo ni ryo rizabatandukanya. Nibyo. Bose barahanuye. Bose bakoze *ibi*, *ibyo,* n'*ibindi,* mu by'ukuri, ni bimwe. Yesu yavuze ko bari gukora ibintu bimwe. Ariko Ijambo ni ryo rizabatandukanya, icyitonderwa, ntabwo ari ibimenyetso.

223 Mwabonye? Yesu yaravuze hano, muri Matayo 24. Ntabwo yavuze ati: "Hazaduka ba Yesu b'ibinyoma mu minsi y'imperuka." Yego, oya, ntibazigera bahagarara kubwabyo. Oya. Murabona Penekosite iyo ni yo Penekosite nyayo, aravuga, we ubwe, ni "Yesu"? Murareba? Murabona Umumetodisite w'ibinyoma, cyangwa Umubatisita, cyangwa umuntu nk'uriya, cyangwa umwe mu madini, avuga ati, "Turi ba Yesu"? Bazi ibirenze ibyo. Ntabwo bagiye gukora ibyo. Ariko Bibiliya yavuze ko bazaba ba "Kristo b'ibinyoma," ntabwo ari ba Yesu, ahubwo, "ba Kristo b'ikinyoma." Ntabwo bari kumenya, kuvuga ngo: "Ndi Yesu." Yoo, oya.

224 Ariko ni "ba Kristo b'ikinyoma," kandi ntimubimenya, kuko binyuranye n'Ijambo. Kandi Imana irenganura kimwe. Noneho, ndimo kuzana ibi neza mu buryo bw'igishushanyo noneho, 'kuko mwabonye ikintu kimwe cyakozwe n'aba bantu cyakozwe mu by'ukuri. Yesu arabivuga.

225 Noneho, nk'uko nabivuze, ubu kuri mwebwe bantu munyumva muri hanze, mu gace k'abumvira kuri terefone hariya, Njye—njye ntabwo mbaciriye urubanza, ariko iri ni ryo torero ryanjye kandi—n'itsinda ryanjye Umwuka Wera yanshinze, kandi ngomba kubabwira Ukuri. Isaha irihuta.

226 Noneho, ntabwo bari guhagarara kubwabyo, ariko, "ba Kristo b'ikinyoma," ibinyoma, abasizwe, hafi na buri kimenyetso na buri nyuguti y'Ijambo. "Bizera umubatizo w'Umwuka Wera?" Rwose. "Mwizera *ibi* byose?" Yego. "Mwizera kuvuga mu zindi ndimi?" Yego. "Mwizera ibimenyetso n'ibitangaza bikurikira, ibimenyetso bizabakurikira?" Yego. Ntabwo ari iby'Abametodiste, ntabwo ari iby'Ababatisita. Oya, oya. Ni iby'Abapenekosite. Murebe, uyu ni wo munsi wa nyuma.

227 Noneho, imyaka ya mbere y'itorero ntabwo yigeze ibibona. Igihe cy'itorero ry'Abametodisite ntibigeze babibona; Igihe cy'itorero ry'Ababatisita, ntibigeze babibona; Igihe cy'torero ry'Abaperesibiteriyeni, ntabwo bigeze babibona. Ariko, icy'Abapenekosite, hafi cyane nk'ikintu nyacyo! Aho ni ho, Ingano. . .igishishwa gisa nk'Ingano. Ntibazigera babibona. Murareba? Ntabwo bari kubikora. Ariko ni ibihe bya nyuma, uyu munsi. Yego mugenzi.

228 Mumenye ko, nk'uko byari bimeze mu ntangiriro, ni ko bizamera mu bihe by'imperuka. Nk'uko Eva yasobanuye nabi Ijambo rimwe, Satani yabikoreye Eva, arabyizera. *Umugore*, ntabwo ari *umugabo*; Itorero, ntabwo ari We. Murareba? Itorero ni ryo ryakiriye ijambo ry'ikinyoma. Murareba? Ntabwo ari Adamu; ni Eva. Ntabwo ari Kristo; itorero, umugeni, uwasizwe, bitwa guryo, yiyita Umugeni, murebe, yabonye ijambo ry'ikinyoma.

229 Ntimushobora kubibona? Kubera iki, rihambiriye hamwe nk'inkweto, nk'ingohe ku maso yanyu. Kubera iki, ibintu byose muzahindukirira, Bibiliya, Ibibumbira hamwe neza. Eva, ntabwo ari Adamu; Eva yarabyizeye, ntabwo ari Adamu. Umugeni uyu munsi, ubyiyitirira, yarabyizeye; ntabwo ari Kristo. Umugeni afite ubwoko bwose, bwitwa umugeni; ibimenyetso bimwe, ibitangaza bimwe, byose; ariko ntabwo ari ukuri. "Bayobya n'Intore niba bishoboka."

230 Noneho twihuse, niba dushobora kubona ibi birangiye mu minota cumi n'itanu, turaba turi ku gihe. Mwitonde rwose, kugira ngo mutazabikora—ntibizumvikane nabi, kuri mwebwe.

231 Noneho, oya, ntabwo bari guhagarara ngo bitwe "ba Yesu b'ikinyoma." Ntabwo bari kwitwa gutyo, guhagarara bagahamagara bati: "Yesu." Rwose si byo. Ibyo birasobanutse neza. Umuntu wese yabimenya. Umuntu wese yamenya ko atari Yesu. Sinzi niba bafite amavuta ku mugongo, n'amaraso ku biganza no hejuru no hasi y'amaso yabo, n'ubu brabizi. . . Umuntu wese ufite ubushishozi, yamenye ko atari Yesu. Murareba? Ntabwo bari guhagarara kubwabyo. Ariko biyita "abasizwe." Kandi bakora ibimenyetso n'ibitangaza, "hafi yo kuyobya n'Intore." "Ariko ba Kristo b'ibinyoma, abasizwe, bazahaguruka, kandi bazayobya n'Intore niba bishoboka."

Noneho mwitegereze neza. Ntimucikwe n'aya magambo, kuko akwiriye kumvwa.

Arimo gushyira kaseti kuri iyi mikoro hano, yifate itagucika. Nabize ibyuya; byashokeye kuri kaseti, murabona.

Kandi rero bizamera nka Byo, Bibiliya, yavuze ko ari ko bizamera. Murareba?

232 Murebe, ntabwo ari ba Yesu b'ikinyoma. "Ba Kristo b'ikinyoma!" Bizera ko basizwe, ariko bazi ko batari Yesu. Murareba, ibyo birasobanutse neza. Niba umuntu ahagurutse

akavuga, uyu munsi ngo: “Murebe inkovu ziri mu ntoki. Murebe ku mutwe wanjye. Ndi Yesu.” Ni byiza, ubungubu, tuzi ko ibyo ari bibi. Kandi, mwibuke, Yesu ntabwo yigeze avuga ko abo bantu bazagaragara. Yavuze ko hazagaragara ba “Kristo b’ibinyoma.” “ Ba Kristo,” mu bwinshi, amadini, n’ibindi, *abasizwe;* basizwe n’umwuka w’amadini, ntabwo ari uw’Ijambo. Murabikurikiye? Ntabwo ari Yesu w’ikinyoma. “ba Kristo b’ibinyoma,” ibinyoma, abasizwe. Murareba? Yoo, mbega byiza! Twebwe. . . Ni ukuri ntibibacike!

233 Noneho, mwibuke, buri gihe nababwiye ko hari ibyiciro bitatu by’abantu. Hariho ubwoko butatu bw’abantu: Hamu, Shemu, na Yafeti, amoko atatu. Ibyiciro bitatu, kandi naravuze ngo, ibyo ni byo bizera, bigize abizera n’abatizera. Byahozeho, bizahoraho. Murareba? Hariho Mose, umwizera; hari Yani na Yambure; abatizera. Murareba? Hariho Balamu; Mose. . . Buri gihe ibyo byiciro bitatu by’abantu, ibyiciro bitatu; umwizera, uwigira-umwizera, n’utizera.

234 Noneho mwibuke, utizera, itorero ry’amadini, ntukizere ibimenyetso na gato; ubukonje, busanzwe, ibinyamisogwe, itorero kw’isi, idini. Ariko abo banyabinyoma ni cyo gishishwa. uwo muntu wihangira ukwizera. Noneho hariho umwizera nyawe ibyo ni ukuri. Noneho, mwitegereze uko bagenda ubu, neza mu munota umwe.

235 Kandi murebe ukuntu abo batizera bashize amanga, cyangwa aba biyita abizera hamwe n’abatizera. Mbega! Bafite ubutwari, murebe, n’ubwo Satani yahagaze neza imbere y’Ijambo ry’ukuri, akavuga ati: “Handitswe ngo!” Ni byo?

236 Kuki Satani yabikoze? Ni ukubera ko atari azi Ijambo kubyo. . . Yari azi ko Ijambo ryari iry’icyo gihe, ariko yashidikanyaga kuri uyu Mwana muto wicishaga bugufi ari we iryo Jambo. “Niba uri Umwana w’Imana. Nzi ko Umwana w’Imana agiye kuza, kubera ko byavuzwe ko Azabikora. Kandi byanditswe ngo: ‘Izaguha Abamalayika Bayo bamwiteho.’ Murareba? Binyereke! Kora igitangaza! Reka nkurebe Ugikora.” Murareba? Murareba?

237 Murebe, utizera, uwiyita-uwizera, uwigana. Murebe Yuda neza ari muri bo, icyarimwe, uwiyita uwizera! Murareba? Mumenye ko, kandi hariho Ijambo ry’ukuri.

238 Mbega ubutwari! “Noneho, ntimukite kuri ibyo bidafite icyo bisobanuye. Ntacyo bimaze. Ntimujye ahongaho. Ni agatsiko k’urusaku gusa. Nta kintu na kimwe gihari. Ibyo ni ibihimbano gusa. Ibyo biri mu bitekerezo byanyu.” Murareba, murebe icyo nshaka kuvuga? Muhagarare neza imbere y’Ijambo hanyuma mubivuge.

239 Satani yarinjiye neza. Nk’uko Bibiliya ibivuga hano muri Yuda, “Ndetse na Malayika ukomeye, igihe yatonganaga na

Satani, yaravuze ati: 'Umwami Imana aguhane.'" Kurwanya Ijambo Ubwaryo!

Kandi dore antikristo, uwasizwe, ahagaze hano arwanya Ijambo ry'ukuri ry'umunsi, Yesu Kristo, ati: "Handitswe ngo."

240 Mwitegereze mu minsi ya nyuma. "Byaba hafi cyane bayobya n'Intore niba bishoboka." Yoo, mbega! Impamvu Intore zitazashukwa, muzi impamvu? Ni ukubera ko zo ari Ijambo. Murareba? Nk'Ubuzima buri mu mizi, vubaha naravuze ngo, ntibushobora kwiyanga Ubwabwo. Murareba, Ni Ijambo kandi mu gihe cy'Ijambo. Ni byo.

241 Kimwe na Yeremiya, yari abizi. Ibyo Hananiya yaba yaravuze byose, yari azi aho yari ari. Ni byo rwose nk'uko Mose yabigenje, kandi—n'abandi basigaye bose. Ni byo, yari abizi, uko ibyo umuhanuzi w'ikinyoma yabivuze byose, hariho Ijambo ry'Imana. Byari byaranditswe.

Ni yo mpamvu Mikaya yashoboraga kuvuga ati: "Ni byiza, tegereza maze urebe."

242 Ahabu aravuga ati: "Nizera abahanuzi banjye. Ishyirahamwe ryanjye ni iry'ukuri. Ningaruka amahoro... Musubize uwo mugabo muri gereza. Njyewe nzamwitaho! Mumuhe umugati w'agashinyaguro. Mumuhindure, ntimugirane ubusabane na busa hamwe na we. Ningaruka amahoro, tuzakurikirana iby'uwo musore."

243 Mikaya aravuga ati: "Nuramuka ugarutse rwose, Uwiteka azaba ataravuganye nanjye." Yari azi ko afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE, kandi iyerekwa rye ryari rihuye neza na UKU NI KO UWITEKA AVUZE; ntabwo ari ikindi gihe runaka, ariko kuri iki gihembwe. Amina! Haleluya! Igihe runaka!

Gutinyuka, ugahaguruka ukajya impaka na Malayika mukuru! Byaravuzwe, ngo: "Abapfu bazakandagiza inkweto z'imisumali aho Abamalayika batinya kugenda." Ni byo.

244 Impamvu Intore, Yesu yaravuze ngo, ntibazashukwa, kuko ari bo iryo Jambo. Ntibashobora kuba ikindi. Ntibashobora kumva ikindi. Nta kindi bazi. Ni byo.

245 Mwibuke, Mose ntabwo yajyanywe no kwigana kwabo. Mbese ni ko yari ari? Mose ati: "Noneho, tegereza gato, Farawo. Uzi ari ibiki? Uwiteka yambwiye gukora ibi, ariko, icyubahiro kibe icy'Imana, ndabona abahungu bawe bashobora gukora ibintu bimwe. Noneho, ndavuga icyo nzakora, nzafatanya na we"? Huh! Ibyo ntabwo byumvikana nk'umuhanuzi w'Imana. Oya, rwose! Yahagaze ashikamye uko yashoboraga kwihagararaho. Yari azi, neza ko, Imana izabyitaho mu buryo runaka, 'kubera ko yabisezeranijwe. "Nzaba ndi kumwe nawe. Sinzagutererana."

246 Yari abizi, ntabwo rero yifatanije nabo. Yoo, oya. Yagumanye na bo. Ntiyashakaga na rimwe mu madini yabo. Yakomeje

gushikama imbere y'Imana. Ntabwo yatwawe n'ibintu byose bashoboraga gukora. Iyo bakoraga ikintu kimwe. . . Yatezaga ibisebe; nabo bagateza ibisebe. Yateza amaraso; bagateza amaraso. Yazanye ibintu byose bishoboka; bakamwigana mu buryo bwose, buri gihe. Yahagaze ashikamye. Yari azi neza, ko, Imana yari mu kazi.

247 Murumva noneho? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ufata kabiri na kabiri, ukabona kane? ["Amina."] Si byiza gutwika cyane. Noneho rero—murabyumva, murareba.

Kubera iki? Ntibazashukwa na byo, abizera nyabo, baratoranijwe ni Imbuto zigomba guhagarara mu gihe.

248 Gusa, na none, Yesu yavuze ibi ati: "Hazaduka abantu benshi muri icyo gihe, mw'Izina Ryanjye, hanyuma bavuge bati: 'Mwami, sinirukanye abadayimoni mu Izina Ryawe?'" Yesu yaravuze ati: "Mu minsi y'imperuka, ubwo igihe kizaba kirangiye kandi umuzuko ukomeye uje, benshi bazaza bicare mu Bwami." Ubwami bw'Imana buri muri mwe.

249 Benshi, urumamfu ruzaza rushyirwe hasi hamwe n'Ingano, ruvuga ruti: "Noneho, tegereza gato, Mwami! Navuze mu ndimi. Ndasakuza. Nabyinnye mu Mwuka. Nirukanye amadayimoni. Navuze mu ndimi. Ibyo byose narabikoze."

Yavuga iki? Icyitonderwa. "Mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya."

250 *Gukiranirwa* ni iki? Baza umuntu. Ni "ikintu uzi ko ugomba gukora, kandi ntushake kugikora." Bazi iryo Jambo. Bararyumva. Murimo kumva iyi kaseti. Murimo kumva ubu butumwa. Murabona Umwami Imana abivuga; murabona ko abyemeza, abigira ukuri. Kandi muzi neza ko Ibi ari umwuzuro nk'uko izuba rirasira hanze, ariko mwebwe mwihambira ku madini yanyu, mukomeze muri ibyo bintu by'ibinyoma; Mwa nkozi z'ibibi mwe!

"Yoo, yego, nagize ubukangurambaga bukomeye. Nakoze *ibi*. Nkora na *biriya*."

Aravuga ati: "Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya."

251 "Ni byo, Umwuka Wera yaramanukiye." Simbishidikanyaho na gato. "Navuze mu ndimi. Naririmbye mu Mwuka. Nakoze. . ." Sinshidikanya na gato. Nta kibazo kuri ibyo. Yoo, mwene Data, mushiki wanjye, mbega uko ibintu bimeze!

Iki ni igihe cyo guhinda umushyitsi. Tugeze he? Iri Jambo riza mu Buzima ubu. Mubyitondere.

252 Yego, Yavuze ko bazabikora. Mwitegereze, "Yemwe mwa nkozi z'ibibi mwe." Nabonye Ibyanditswe byanditse hano. Sinzi aho byari biri. Nafashe igihe kinini. Ngiye kubireba, umunota umwe gusa, ndebe ibyo ari byo. Nabonye—nabonye muri Matayo 7:21. Njye—njye gusa sinzi aho ari ho. Njyewe, rimwe na rimwe

ntabwo nandika ikintu ngo nkivange nabyo, rero, njyewe—njyewe mbwiriza gutya, njye—njye nibagiwe ibyo nashakaga kuvuga ku Byanditswe. Matayo 7:21.

> *Umuntu wese umbwira ati, Mwami, Mwami, si we uzinjira mu Bwami bwo mu Ijuru; keretse ukora ibyo Data wo mu Ijuru ashaka.*

> *Benshi bazambwira uwo munsi bati, Mwami, Mwami,* ntitwajyaga *duhanura*. . .

253 Abahanuzi, abasizwe! Ubwo burenganzira? "Ntabwo twari abahanuzi? Ntabwo twasizwe, twari abasizwe? Mbese sinahanuye mu Izina Ryawe? Kandi mw'Izina ryawe sinirukanye abadayimoni?" Ni gute ushobora kubikora, ukanga kubatizwa mw'Izina rya Yesu? Murareba? Yoo, mbega! Murebe uburyo bwo gushukana? Kugeza kuri iyo ngingo nyine, hanyuma musubire inyuma. Baca hejuru y'Ijambo, hanyuma bagasubira inyuma. Noneho murebe ibi. Ibi tubikuramo, umunota umwe gusa.

> *Benshi bazambwira* ngo. . .*Mwami, Mwami,* ntitwajyaga *duhanura,* twabaye abahanuzi?. . .

Yego, ibyo nabivuze muri Matayo 24:24.

> . . .*kandi mu Izina ryawe*. . .*twirukana amadayimoni? kandi mw'izina ryawe twakoze* byinshi-. . .*imirimo* myinshi?

> *Noneho* nzabasubiza *ngo, sinigeze mbamenya: mumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe.*

254 "Iyo bishyizwe imbere yanyu mukabibona, mubona bigenda, mubona ari Ijambo; kandi kubw'amadini yanyu, mwarabikomeje gusa. Sinigeze mbamenya. Sinitaye ku kuba ari amadayimoni angahe wirukanye, kuba warakoze *ibi* n'*ibi;* Ntacyo nari nkuziho."

Balamu ati: "Nahanuye neza, mw'Izina Ryawe. Byaratambutse."

"Ni byo rwose, ariko, iyo byageraga ku Ijambo, warabyangaga."

255 Yoo, mwene Data, reba igice cy'ubushukanyi? Oya "umuhanuzi," neza; ariko hamwe n'Ijambo, Ijambo ry'ukuri, Ijambo ryemejwe ryagaragaye. "Yemwe mwa nkozi z'ibibi mwe!"

Gerageza, Satani yagerageje mu myaka yose kwigana Ijambo ry'ukuri. Turabizi, si byo?

256 Mwitegereze, muze ku marembo maze muveyo. Murebe hano, yaravuze, mu Baheburayo igice cya 6 (Noneho, twahasomye mu kanya gashize, Nababwiye nti: "Mubishingireho," kandi turaza kubikora mu minota ibiri iri imbere.), yaravuze ati:

> . . . ariko *amahwa n'*urukungu . . . biri *hafi yo* gutabwa; *iherezo ryabyo bigomba gutwikwa.* (Ku iherezo!)

> . . . mwebwe *abasogongeye . . . impano yo mu Ijuru, . . .*

257 "Biraryoshye," mu yandi magambo, mwarabibonye! Ntimushobora [Mwene Data Branham anyeganyeza iminwa hamwe—Ubwanditsi.] Mubisogongere gusa n'umunwa wanyu. Ariko mwarabibonye, kandi mwari muzi ko ari ukuri. Mwari muzi ko ari Ukuri. "Gusogongera ku mpano yo mw'Ijuru."

> . . . yabagize *abaragwa b'Umwuka* Wera, ubwo yabamanukiraga,

> . . . *basogongeye ku buryohe bw'Ijambo ryiza ry'Imana, . . .*

"Biraryoshye," mwabonye Byari byiza. "Umwuka Wera abamanukira," urumamfu mu murima.

> . . . hanyuma *muhindukire, . . .*

"Guhakana Kristo nyawe wabejeje, akabahamagara, akabashyiraho uko gusigwa."

> . . . *ntihazongera kubaho igitambo cy'ibyaha,* kubw'ibyo.

Ntibibabarirwa! "Ntibishoboka ko bazigera bagera ku bumenyi bw'ukuri."

> *Erega ntibishoboka kubari . . . ku bagize umugabane w'Umwuka* Wera,

258 Kugwa ngo barambarare, murareba, "Byatangiriye kuri Yesu, kandi, 'Mwami, ndimo kubinyuramo,'" ariko iyo usitaye ku Ijambo, usubira inyuma. "Yabagize abafite umugabane ku Mwuka Wera, ndetse barasogongeye, cyangwa babonye Ijambo ubwaryo ryigaragaza." Noneho babiteye umugongo, "Ntibishoboka rwose ko babibona cyangwa ngo babigereho."

259 Ni byo UKU NI KO IBYANDITSWE BIVUGA. Noneho . . . "Ijuru n'isi bizashira, ariko Ryo ntirizashira." Murabibona? "Ntibishoboka rwose." Bibiliya yarabivuze, kandi Umwuka urabyandika.

260 Icyitonderwa, reka mbahe urugero ruto. Murebe abo bantu bazava munsi y'ubuhanuzi bwa Mose, musohoke muri iryo shyirahamwe, kandi muve muri byose, munsi y'ubuhanuzi, mwabonye imirimo ikomeye n'ibitangaza, n'ibintu nk'ibyo, hanyuma mugera ku marembo yo kwinjira.

261 Noneho, Lee, haje "izina ryawe ku Gitabo." Murebe? Mwabifashe neza. Kandi nawe ntabwo ari hano, ari hanze ku—ku rubaraza, ni Dogiteri Lee Vayle wicaye hano. Arimo gutunganya neza iki gitabo cy'ibihe birindwi by'Itorero. Kandi ingorane ziravuka, cyangwa ikibazo, ku byerekeye "izina ryawe ryakuwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'umwana w'Intama."

Murareba, byayobeye abakozi b'Imana benshi. Ariko mutegereze kugeza mubonye igitabo, muzabyumva niba mubonye Umucyo muri mwe. Murareba?

262 Mumenye ko, ubungubu, muzazunguza umutwe kandi ntimuzanabireba niba mudashaka kubibona. Nk'uko mama yakundaga kubivuga, "Ntushobora gushakira amaraso mu kijumba cya bazilika, 'kubera ko ntamaraso kigira."

263 Icyitonderwa, Umucyo ugomba kuza; ntabwo ari umwijima. Umucyo uza mu mwijima, kandi umwijima ntiwawumenya. Murebe noneho abasizwe muri iyi minsi.

264 Nk'uko Mose yayoboye abo bana ba Isiraheli; kandi bategaga amatwi maze bose icyo gihugu gikomeye kikabayobera. Noneho, Isiraheli yari umuhuza w'amadini. Nta butaka yagiraga, nta nzu yagiraga. Yari irimo kujya mu rugo.

265 Nta torero dufite. Ntabwo turi . . . Turi—tugiye mu Itorero, Itorero ry'Imfura, Itorero riri mu Bwiza; ntabwo ari itorero riri kw'isi, kubw'umuntu. Itorero riri mu Briza, abahamagawe, ryateganirijwe mbere Ubugingo bw'Iteka, murareba, bagana Iwabo.

266 Kandi igihe bageraga ahantu bagomba kwambuka, bashidikanyije ku Ijambo, maze basubira inyuma. Nyuma y'uko bo na Yoshuwa na Kalebu bagezeyo bakagarukana ishami ry'imizabibu, kugira ngo babereke ko igihugu cyari gihari, Ijambo ry'isezerano ry'Imana: "Ni igihugu cyiza, cy'amata n'ubuki." Nuko bararizana, kuri uru hande, kugira ngo babibemeze. Bariyeho, maze baravuga bati: "Yoo, yewe, ntidushobora kubikora, n'ubwo bimeze biryo."

267 Byagenze bite? Barimbukiye mu butayu. Bagumye ahongaho, baritegura, nuko barapfa, buri wese muri bo, ariko abambutse bakarizana, Yoshuwa na Kalebu; Mose yari yahinduwe. Uburyo bwo gutegereza Itorero; n'izuka ry'Isezerano rya Kera, Isezerano Rishya; n'Umubiri wazamuwe. Murareba batatu bari aho? Bagomba gukomeza ari batatu ku murongo umwe, Murebe, rero, mu bizera n'abatizera. Murareba?

268 Murebe uko byari bimeze "byuzuye." Mwibuke, Imana ntiyigeze ibabarira icyo cyaha. None se bazinjira bate? Niba ari amahwa, ku ntangiriro, ni amahwa no ku iherezo. Gusa abatoranijwe mbere ni bo bazabibona.

269 Mwitegereze neza ubu. Nko mu gihe cya Mutagatifu Maritini, mbere y'umwijima; umuntu muto wubaha Imana. Ni bangahe bigeze basoma ibyanditswe bya Mutagatifu Maritini? Benshi muri mwebwe mwarabisomye. Twinjiyemo tujya gushaka ibyanditswe bya Mutagatifu Maritini; padiri aravuga ati: "Ariko ntiyagizwe umutagatifu." Ni byo, ntabwo yari we; atari kubwabo, ahubwo kubw'Imana. Umwuka Wera watubwiye kumushyira hariya ku gihe cya gatatu cy'itorero. Murareba?

270 Nimwitegereze uburyo yari umuntu muto wubaha Imana; wahamagawe, wateganijwe mbere. Ababyeyi be, abanyamahanga. papa we, umusirikare. Yagombaga gukurikiza umurongo we, kugira ngo abe umusirikare. Kandi, igihe yabikoraga, buri gihe yizeraga ko hari ahantu hari Imana; umuntu wo mw'ishyamba, kandi yashoboraga kubona Imana. Umunsi umwe, yanyuze hafi y'umujyi, ahasanga igiti gishaje kirambaraye, yenda gupfa, abaza umuntu . . . Muri iryo joro yari akonje. "Yoo," ati: "mpa ikintu cyo kwifubika; Ndaza gupfa iri joro."

271 Nta muntu n'umwe wabikora. Kandi Maritini yagumye ku ruhande rumwe nuko aramwitegereza igihe gito. Nta muntu n'umwe wabikora. Yari afite ikote rimwe gusa. Yari akonje, we ubwe, yari ku kazi, niba ya—yamuhaye iryo koti. Yatekereje rero ko, "Twembi dufite amahirwe yo kubaho nindigabana na we." Afata rero ikote rye, arigabanyamo kabiri hamwe n'inkota ye, arifubika uwo musaza. Yamufubitse ikote rye bwite.

Abantu bose baravuze bati: "Murebe umusirikari usa n'uwasetsa. Murebe mbega umusirikare usa n'uwasetsa, kumufubika igice cy'umwenda!"

272 Bukeye bwaho, ubwo yari avuye ku kazi kandi aryamye mu buriri bwe, arabyuka. Arareba, ahagaze aho mu cyumba, abona na Yesu Kristo arahahagaze yifubitse wa mwenda ushaje yamuzengurukijeho. Icyo gihe yari abizi, "Ibyo ukorera abana banjye bato, ni njye uba ubikoreye, abasizwe Banjye," bari aho ngaho.

273 Yari umugaragu w'ukuri w'Imana. Itorero ryaramusebeje, riramutoteza, riramwirukana, n'ibindi byose, ariko yari umuhanuzi w'Imana. Ibyo yavuze byababaye impamo. Hariho benshi bamwizeye muri iyo myaka, na bo.

274 Ndashaka kubereka uburyo ubushukanyi bwa satani bumeze. Umunsi umwe, yari ari mu nyigisho ye. Haza umumalayika ukomeye, yambaye ikamba ku mutwe, inkweto za zahabu, azengurutswe n'imyenda ye ya zahabu, aravuga ati: "Martin, uranzi?" Aravuga ati: "Ndi Umwami n'Umukiza wawe. Ni njye wagucunguye. Ndamya, Maritini." Ariko uwo muhanuzi, azi ko hari ikintu gito kidasanzwe, akomeza kumwitegereza. Aravuga ati: "Maritini, Ndi Umukiza wawe, Yesu Kristo. Ndamya! Ntabwo unzi, Maritini?"

275 Maritini yakomeje kumureba, Ibyanditswe byinjira mu bitekerezo bye. Aravuga ati: "Satani, jya kure yanjye." Yaravuze ati: "Wambaye ikamba ku mutwe wawe. Kandi Ijambo ry'Imana rivuga ko 'abera Be bazamwambika ikamba 'ku iherezo ry'ibihe."

Ntabwo ibyo byari kuba iby'Abapenekosite? Mwitegereze iryo Jambo, mwene Data. Aho ni ho bigaragarira.

276 Umunsi umwe, na none, muri monasiteri, bari bafite umutagatifu ushaje hepfo aho, itsinda rito ry'abihayimana. Hariho umwe muri bo ukunda kurakara. Mwitegereze ibi, hariho u—umugani mwiza muri iki gihe. Yashakaga kuba ikintu kiri hejuru y'abandi. Yashakaga kwiyerekana ubwe, umutware, ikintu kidasanzwe, ikintu cyiza, ibyiciro byose, murabizi, ndetse n'ikintu gikomeye kidasanzwe. Yagombaga kuba uwo hejuru. Buri gihe washakaga ko abandi bavandimwe ntabwo . . . Murabizi, yagombaga kuba atandukanye. Murareba? We, uko byagenda kose, yari umunyabwibone. Ni we kabuye konyine kari ku mucanga. Nta muntu n'umwe washoboraga kumukoraho. Noneho murebe uko byagenze. Yagombaga kugira ikintu kinini. Yari kugereranya na—sosiyete nini. murankurikira? Murareba? Yavuze rero ko yahanuye. Yaravuze ati: "Uwiteka yangize umuhanuzi, kandi. Ndi umuhanuzi."

Noneho, muri icyo gihugu hari umuhanuzi umwe wamenyekanye, kandi uwo yari Mutagatifu Maritini; wavutse ari umuhanuzi.

277 Ariko uyu mwana wavuzwe, umusore mugenzi we ati: umumonaki ukiri muto ufite imyaka makumyabiri n'itanu, ati: "Uwiteka yangize umuhanuzi, kandi ngiye kubikwereka." Ati: "Iri joro Uwiteka agiye kumpa ikanzu nini, nziza, ayinyambike, ikanzu yera, maze anshyire hagati yanyu. Hanyuma mwese muzaza aho ndi, murabona, kandi muzagendera munsi y'amategeko yanjye."

Noneho mugereranye iby'uyu munsi, murareba, "Nzaba umuyobozi w'ishyirahamwe. Nzabitaho, abasigaye mu bihayimana."

278 Kandi byanze bikunze, "Muri iryo joro, umucyo uza mu nyubako," nuko rero inyandiko ya Mutagatifu Maritini ivuga. Muyisome. Kandi ni ukuri. Ni amateka. Amatara araka, abasigaye bose baritegereza, nguwo aje hano . . . Yari yambaye ikanzu yera, ahagaze hagati yabo. Aravuga ati: "Murebe ibyo nababwiye?" Ariko ibyo binyuranye n'Ijambo.

279 Kandi ubwo yagendaga agiye kureba umuyobozi mukuru wa kaminuza, yagendaga amaguru adakora hasi, aravuga ati: "Mwana wanjye, ibyo ntabwo byumvikana neza." Aravuga ati: "Hariho inzira imwe gusa." Iri hano! "Hariho inzira imwe gusa kuri twe yo kumenya. Byasaga n'indengakamere." Muhungu, Penekosite yaba yarafashe ibyo, umuzi, agati karoba, umurongo, indobani, n'ibindi byose! Aravuga ati: "Igitangaza kirasa nk'aho ari ukuri, ariko ntabwo gisa n'igihamanya n'Ijambo. Noneho, dufite umuntu nk'uyu, umuhanuzi wasizwe, witwa Maritini. Ngwino unyure imbere ye."

Umusore aravuga ati: "Oya, oya! Maritini nta kintu na kimwe yabonye cyo gukora kuri ibi."

Aravuga ati: “Uragiye, uko byagenda kose.” Bamufata ukuboko, kugira ngo bamujyane imbere ya Maritini, umwambaro umuvaho.

Murareba, “Bayobya n’Intore niba bishoboka.” Murareba, barabazi. Yesu yaravuze ati: “Intama Zanjye zizi Ijambo Ryanjye.”

“Yoo,” muravuga ngo, “‘zumva *Ijwi* Ryanjye.”’

280 Ni Ijambo Rye. “Umuntu ntashobora kubaho atunzwe n’umugati gusa ahubwo n’Ijambo ryose.” Murabona? Abatoranyijwe mbere barabizi. “Ijambo ridasanzwe, cyangwa ijwi ridasanzwe, ntibazakurikira.”

281 Nuko bimeze hamwe n’abo bantu; ntibashakaga gukurikira. Bamenye ko Maritini yari ahari, umuhanuzi w’icyo gihe, wagaragajwe n’Imana binyuze mu Ijambo, yari azi Ijambo. Kandi uriya mugabo ntabwo yari guhagarara imbere yaryo.

282 Yavuze kandi ati: “Aho Intumbi iri,” cyangwa Ijambo, “aho, mu gihe, ni ho ibizu bizateranira.” Noneho aho ni muri Mat-. . . Murashaka kubyandika, ni Matayo 24:28. Mbereho gato, Matayo 24:24; imirongo ine munsi yaho, Murareba, niba mushaka kuyibona. “Aho Intumbi iri,” Manu iri, Ijambo riri, “aho ni ho inkongoro ziteranira.”

283 Ubu ngomba kwihuta. Narebye hejuru mbona aho isaha igeze. . . Ni—ni iminota irindwi cyangwa iminota umunani nyuma ya saa sita. Ndaje mbyihutishe byihuse, cyangwa dushobora kubirangiza mw’ijoro, wenda se murashaka ko turangiza. Muri iki gitondo cyangwa muri iri joro? Huh? Ni bangahe bagomba gutaha uyu munsi nyuma y’amateraniro, reka turebe ibiganza byanyu, turebe. Yoo, mbega, ni byiza ko dukomeza!

284 Mbabajwe no kugumisha abantu kuri telefone hanze gutya, ariko ndaza kwihuta. Bifite agaciro karenze amafaranga yanyu. Ndizera ko ari ko bimeze, kuri njye, murareba. Amafaranga yanyu azashira. Ariko Ibi ntibizashira; Ni Ijambo. Murareba?

285 “Aho Intumbi iri, ni ho ibizu biteranira.” Aho Intumbi, aho—i—intumbi iri, ahongaho aho ibizu biteranira. Aho Inyama mbisi ziri, Ijambo ry’igihe, ni ho ibizu biteranira.

286 Ariko nyuma yo kubora, ubwo noneho inkongoro zirazirwanira. Yego. Murebe icyo nshaka kuvuga? Iyo habayeho ukwica, haza ibizu; ariko nyuma yo kugarama aho, ikabora, noneho haza inkongoro. Ikizu nticyagira icyo kibikoraho. Murareba?

287 Yesu yaravuze ati, “Aho Intumbi iri,” aho Manu yaguye, ijoro Manu iguyemo ikiri mbisi, “aho ni ho ibizu bizateranira.” Ngiyo Manu y’umunsi. Murareba? Mubimenye.

288 Ariko nyuma yo kubora, inyo zinjiramo, noneho hakaza inkongoro. Ntizishobora guhumuririrwa kugeza iboze.

Ntibitangaje kubona Yesu yarahagurutse aho, maze akavuga ati: "Yerusalemu, wowe wateye amabuye buri muhanuzi!" Murebe iryo zina ryihariye, murebe, "Yerusalemu, Yerusalemu, nabikora kangahe. . ." Yari Inde? "Ni kangahe nakubundikiriye nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo, wowe wateye amabuye buri muhanuzi nakoherereje," iryo torero rikomeye, Yeruzalemu.

289 Yerusalemu itari iya hano ku isi, "ahubwo turi ab'i Yerusalemu yo Hejuru," aho Ijambo rituruka, kuva kera, murareba. Ntabwo ari Yerusalemu ya kera irimbuka; Yerusalemu Nshya idashobora kurimbuka. Ntabwo ari Yerusalemu ya kera, yubatswe n'umuntu; ahubwo ni Yerusalemu Nshya yubatswe n'Imana, murareba, Ijambo ry'iyo hejuru rigaragajwe. "Mu rugo kwa Data harimo amazu menshi. Nzajya kubategurira," Umuremyi akora imihanda ya zahabu, n'ibindi n'ibindi. Ngiyo Imwe idashira.

290 "Yerusalemu, Yerusalemu, nari kubikora kangahe," kuva mu bihe byashize; ntabwo ari Umuntu wa gatatu, undi muntu, ariko, "Nari kukubundikira nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo, ariko ntiwabyemera. Ariko igihe cyawe kirageze." Murareba?

"Aho Intumbi iri, ni ho ibizu biteranira." Ariko intumbi imaze kubora, noneho inyo ziraterana. Murareba?

291 Mwitegereze. Mose, ntiyigeze aha abana b'Imana. . .Mose yari ikizu, kandi ntabwo yigeze aha abana b'Imana ibisigazwa bya Nowa. Murareba? Yari afite Ijambo rishya ry'Imana. "Uwiteka Imana yansanze mu butayu, maze ihamiriza Ijambo Ryayo, nuko intuma hano kubahamagara ngo musohoke." Noneho haza abigana hirya no hino, bakigana. Murareba? Ariko yari afite Ijambo ry'igihe.

292 Impamvu, Imana yavuganye na Aburahamu, ni uko ari we wari ufite amasezerano, "Urubyaro rwawe ruzatura mu gihugu cy'amahanga, imyaka magana ane, ariko nzabagenderera mbakuzeyo ukuboko gukomeye."

Mose ati: "Noneho, Uwiteka Imana izavugana nanjye kandi inyereke, kandi yambwiye icyo gukora, nzakibabwira." Aravuga ati: "'NDIHO yantumye'."

293 "NDIHO!" Ntabwo ari, "Nariho, cyangwa nzabaho." ni "NDIHO," indagihe, Ijambo ubungubu. Ntabwo Ijambo ryari, Ijambo rizaza; ni Ijambo ririho ubu. Murareba? Mwabibonye? "NDIHO!" "NDIHO" ni Ijambo. "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana." Ni byo? "NDIHO." "Imana yanyohereje nk'umuhanuzi Wayo, kugira ngo nemeze ko ibyo ari ukuri. Ndi igisubizo cy'iri Jambo, yarambwiye ngo manuka hano ukore ibi."

Amaze kubikora, Farawo ati: "Ni byiza, dufite abahungu benshi mu matsinda yacu, nabo bashobora kubikora," abigana.

294 Yesu yaravuze ati, "Noneho, ibyo bigiye kongera kwisubiramo mu minsi ya nyuma," murareba, gusaba ikintu kimwe. Nimwitegereze uwaje mbere. Murebe uwagumanye n'Ijambo. Ni byo. Ubwo ni bwo buryo bizwi.

295 Rero, turabibona, Mose ntiyigeze abaha ibyo mu gihe cya Nowa, "Tugiye kubaka inkuge nonaha, 'kubera ko iryo ari Ijambo, murabizi. Umunsi umwe Nowa yubatse inkuge." Oya, inkongoro yari irimo kurya kuri ibyo. Oya. Oya.

Iri ni ryo Jambo ryasezeranijwe. Mumenye ko, ku butumwa bwe yari afite buva ku Mana, yari afite Ijambo ry'Imana ryateganijwe mbere kubw'icyo gihe.

296 Nta n'ubwo Yesu yabigaburiye abasigaranye na Mose. Mose yari afite Ijambo ry'icyo gihe, ariko Mose yari umuhanuzi. Dore Imana Ubwayo, murareba, Ntabwo yigeze ibigaburira aba Mose—abasigaranye na Mose.

Ariko murebe gusa inkongoro ahongaho muri ayo madini, zari zikabije. "Turabizi! Twabonye Mose! Ntabwo tugomba kukugira Wowe."

Yaravuze ati: "Iyo mumenya Mose, na Njye mwari kumenya, kuko Mose ari Njye yavuzeho." Murabona?

297 "Aho Intumbi iri, ni ho ibizu biteranira." Ibizu! Cyica inyama igishyushye y'Ijambo, Ijambo rizamuwe kandi ribyibushye, kandi ryagaragajwe ndetse ritangwa nk'Ibiryo by'abana.

Noneho, intumbi ishaje irambitse aho imyaka amagana, aho ni ho izaguma.

298 Ni kimwe n'ubu! Luther yari afite ubutumwa bwo kwihana; ariko, mwebwe tsinda rya sakabaka z'Abaluteriyani! Umubatisita yari ufite ubutumwa; ariko, mwebwe byiyoni! Murareba? Pentekote yari ifite ubutumwa; gutaha imuhira nonaha, sakabaka za Penekosite!

"Ariko aho Intumbi iri, ni ho ibizu bizateranira."

Mwibuke, ntiwashoboraga kugaburira Abaluteriyani, kera mu minsi yabo (wabishobora ubu), n'Umunyagatolika ibyaboze. Oya, mugenzi. Yari afite inyama nshya. Icyo cyari cyo gihe cy'itorero.

299 Ntushobora kugaburira Umumetodisite, ubutumwa bw'Umuluteriyani. Yoo, oya, ntabwo yakwemera izo mborera. Biraboze. Murareba, Ubuzima bwari bwaravuyemo bujya mu bindi. Ngicyo igiti gishaje cyapfuye, kigaruka aho. Ubuzima burakomeza.

Nta n'ubwo ushobora kugaburira Umugeni wa Yesu Kristo Ibyagipenekosite. Oya! Amadini yatewe n'inyo; ntacyo akora! Oya, oya!

300 Kubera ko isezerano ari: "Kandi mbere y'uko uwo munsi ukomeye kandi uteye ubwoba ugera, nzabohererereza Eliya

umuhanuzi. Azagarura imitima y'abana ayisubize ku Kwizera kwa ba se." "Aya masezerano yose yari yarasezeranijwe muri Bibiliya, Nzabikora, kandi ni ho ibizu bizateranira." "Abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi." Murareba?

301 Yesu ntiyigeze abigerageza. Ariko igihe Yesu yazaga, Yabasanze ari agatsiko k'inkongoro, "Twabonye Mose n'amategeko." Murareba? Ni byiza, ibyo byari byiza kubirya icyo gihe iyo bayicaga bakayibaha. Murareba, ibyo byari byiza icyo gihe.

302 Ariko ibi ni byo byahanuwe kuri Mose, we ubwe, ari we wishe igitambo, aravuga ati: "Uwiteka Imana yanyu izahagurukiriza muri mwe, mu bavandimwe banyu, Umuhanuzi. Bizasohora, ko buri wese atazishingikiriza kuri uriya muhanuzi ngo yite kubyo Avuga, azacibwa mu bantu." Kandi ni ko byagenze.

303 Reba uburyo ubuhanuzi bugera kuri magana atandatu bwasohoye ahongaho, bwo mu Isezerano rya Kera, kuri Yesu Kristo. "Bamfumuye ibiganza byanjye n'ibirenge Byanjye." Nko kugeza, nibagiwe umubare wujujwe mu masaha arindwi cyangwa umunani ya nyuma y'ubuzima Bwe, abahanuzi bose barabivuze, neza.

304 Niba narahanuye uyu munsi ko ikintu runaka kizabaho mu mwaka umwe, birashoboka ko nabonye—nabonye amahirwe makumyabiri ku ijana kugira ngo bibeho, byaba byiza cyangwa bibi. Niba kandi narahanuye ko ibyo bizaba, kandi ntavuze igihe, nabonye bike ku ijana. Niba narahanuye igihe bizabera, ibyo byampa igihe ntarengwa gito. Niba narahanuye ahantu byabereye, biracyatanga intera nto. Niba narahanuye... uwo bizasohoreraho, noneho ndacyabona hafi ibihumbi ijana ntarengwa bigenda bisohora, niba atari ukuri.

305 Kandi Ijambo ryose, haleluya, ryanditswe kuri Mesiya, ryarasohoye kugeza kuri urwo rwandiko. Ndetse kugeza ku munsi umwe, asoma Ibyanditswe, Yahagaze hagati y'interuro, maze aravuga ati: "Umwuka w'Imana ari kuri Njye kugira ngo namamaze Ubutumwa bwiza, no kubohora . . . " Kandi yahagaze ahongaho hagati y'interuro, kuko ibisigaye ari Ukuza Kwe kwa kabiri. Amina! "Ijuru n'isi bizashira; ariko Ijambo Ryanjye ntirizashira." Murareba?

306 Yari Ijambo icyo gihe, ryabagaburiraga icyo gihe. Mose yababwiye Ukuri; ariko, murabona, buri gihe babihinduramo idini, kubw'inkongoro zijya ku...

307 Hariho bimwe muri byo byasigaye nyuma y'uko ibizu bimaze kurya bikajya mu rugo. Noneho bategereje kubona ikindi kintu. "Ijambo," baravuga bati: "hano iteganijwe kuza. Twabonye impala ejo hashize, dufite intama ejo hazaza." Murareba icyo nshaka kuvuga? "Hano hari intumbi y'impala iri aho hepfo, yishimye, ariko twabonye intama iza uyu munsi. iri he?" Murareba icyo nshaka kuvuga? Ibiryo by'abamalayika! Abantu

barya manu umunsi umwe, iyo bagerageje gukomeza kuyirya ku munsi ukurikira, iba yanduye. Ntubona ubwoko bwose, uburyo butunganye gute? Ni kimwe noneho!

308 Mumenye ko, ibisiga byo mu gihe cya Yesu nabyo byirukanaga amadayimoni; abasizwe ku ntumbi ishaje. Ni byo? Byari bifite amadayimoni. Yesu yarabivuze.

309 Kandi mwibuke, bari bafite abahanuzi muri iyo minsi. Kayifa, umutambyi mukuru, yahanuye. Ni bangahe babizi? Kayifa yarahanuye. murebe aho urumamfu ruhagaze; iravomerwa ikanaigwa kimwe. Kuki Bibiliya yavuze ko yahanuye? "Kubera ko muri uwo mwaka yari umutambyi mukuru." Icyatsi kiboze, urumamfu n'amahwa, bishyirwa hagati y'ingano; ariko Umwuka yari kuri ye, Umwuka Wera w'Imana. Umwuka Wera w'Imana wari kuri ye, kubwiriza, guhanura, no kuvuga mbere bizasohora; akanahakana akabamba Ijambo ryemejwe cyane ry'igihe.

310 Yoo, biteye impuhwe, mwene Data! Tugomba kugeza ryari tuvuga ibi bintu, turebe, bingana iki binyuze mu Byanditswe? Ndaza kwihuta. Nabonye impapuro zigera ku icumi hano, z'Ibyanditswe, uburyo bwerekana ibintu byose. "Izuba ku barengana n'abarenganya, ni rimwe."

311 Yesu yaravuze, kugira ngo agaragaze ibi. Ati: "Niba nirukanye amadayimoni kubwo gutunga urutoki rw'Imana, abana banyu bo bayirukana kubwande?" Noneho, birukanye amadayimoni. Barahanura. Ni byo? Ariko ntibigeze bamenya ko yari Ijambo ry'igihe, (kubera iki?) Kubera ko atifatanije na bo.

312 Noneho dufate Matayo 24:24, "Kristo w'ikinyoma," abasizwe, "Bazaduka, kandi hazaduka abahanuzi b'ibinyoma babihanura," Murareba, "kandi bazashuka n'Intore niba bishoboka." Mwabibonye noneho?

313 Murebe abana. "Ni inde utanga abana . . . Niba nirukanye amadayimoni kubw'ijambo ry'Imana," iryo, We yari aberanye Ijambo ry'Imana, "ni kubwande abana banyu b'abanyamadi bayirukana?" Noneho, kandi Imana yonyine ni yo ishobora kwirukana satani, turabizi, Imana yonyine. Kubera ko, umuntu ukomeye agomba gukomera kuruta uba mu nzu ye. Bari bafite ububasha bwo kubikora.

314 Murabizi, mu Byahishuwe hariya, yavuze ko yabikora . . . uriya antikristo wadutse mu minsi ya nyuma, "Bakoze ibimenyetso n'ibitangaza, ndetse byayobya n'abatuye isi, kandi yashutse buri wese muri bo, Abakristo n'abandi bose, abo amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama," igisubizo kuri Matayo 24:24, "amazina yabo ntiyanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama kuva isi itararemwa."

315 Ubwo Buzima bwari mu mizi y'icyo—y'icyo giti cy'icunga nyacyo, ubwo buzamuka bunyuze mu ruti ndetse n'ahandi hose,

bugakwirakwira maze bukazana imbuto hejuru mu giti, hejuru y'ibyiciro byose by'amadini agemetse n'amashami. Mwabonye? Ndaza kwihuta. Umugabo ukomeye . . .

Mwibuke Dawidi ubungubu, yari inyangamugayo, abikuye ku mutima, agerageza gukorera Imana umurimo, kandi ntabwo yari yatumwe kubikora.

316 "Bo," abasizwe; ariko Yesu aravuga ati: "Inyigisho bigisha ni ibisobanuro (by'Ibyanditswe) by'umuntu," murareba, ntabwo ari Ijambo ry'Imana, ntabwo ari Ijambo Ryayo ryemejwe; kwigisha amateka ya Kristo, murareba, ibintu ni uko byari bimeze.

Bibiliya iravuga iti: "We ni." "NDIHO," ntabwo ari "Nariho cyangwa nzabaho." ni "NDIHO, ubu." Ni ryo Jambo ririho hano.

Yariho, mu ntangiriro, Yariho muri—Yariho muri—muri ubwo buryo; Yari mu ruyange; Yari mu gishishwa; ariko ubu Ari mu Rubuto.

317 Noneho, wasubira inyuma ukagerageza kongera kubaho? Byagenda bite niba Ubuzima bwarasubiye inyuma, utekereza ko (ibumoso) Ubuzima igihe kimwe bwari kuvuga, bugasubira inyuma muri icyo gishishwa cyumye rwa kera, bugasubira inyuma kongera kubamo? Ntabwo bubikora. "Kubera ko bidashoboka ku bigeze kumurikirwa," kandi sinagendeye ku Ijambo nk'uko rizatambuka, "barapfuye, baragiye; n'amahwa n'indabo z'amahwa biri hafi yo kwangwa, iherezo ryayo agomba gutwikwa." Ni ukuri?

Noneho nihuse uko nshoboye.

318 Murebe Ibyanditswe ubungubu. Kwigisha Imana y'amateka, Murareba, nk'uko bageragezaga kubaho kera, nka, "Ni byo, Wesley yavuze *ibi n'ibi*." Cyangwa, "*gurya na gurya* avuga *ibi n'ibi*." Murimo kwanga Ijambo ryasezeranijwe ry'umunsi, Manu yamenyekanye neza y'umunsi. Bagerageza gushyira divayi zabo zishaje z'Abaluteriani, Abatisita, Abapenekosite mu macupa yacu mashya. Ntabwo byakora. Kandi Divayi yacu nshya, mu macupa yabo ashaje, ntabwo byakora. Niba bagerageza gushyira iyi Divayi nshya mu madini, ubupfu bwabo buragaragara. Ntibashobora kubikora. Irabaturikana.

"Noneho, mwena Data, nabonye Ijambo ry'Imana, nyuza mw'Ijambo!"

319 "Noneho, mwitegereze hano, dogiteri, niba . . . Twebwe—twebwe ntidushobora kugira Ibyo." Ned, ngira ngo wagize bimwe muri ibyo vuba aha. "Twebwe, ntidushobora kugira Ibyo hano ubungubu. Njye—Njye ndashaka ko mushobora wenda gukomeza." Murabizi. Murareba, ntabwo bizakora. Iraturika.

320 "Ntabwo wadodera umwenda mushya ku mwenda ushaje, 'kubera ko watuma yose icika." Murareba? Mbese Yesu ntiyabivuze? Ntushobora gushyira Divayi nshya mu macupa

y'izishaje. Irayaturitsa. Divayi nshya ifite Ubuzima muri yo. Ni byiza.

321 Mwitegereze ikintu hano, cyihuse nonaha, mu gihe turimo kurangiza . . . ibiganiro byacu. Murebe Ibyahishuwe 16:13 kugeza 14, niba mushaka kubyandika. Wenda sinza kubona umwanya wo kubijyamo. Ndashaka ko mwiyemeza mukabireba. Noneho murebe, ibi ni byo byumvikana hagati y'Imurika rya Gatandatu n'irya Karindwi.

Ubu turi . . . turaza gufunga mu munota umwe gusa, niba mushobora kwihanganira iminota mike. Turasoza nonaha.

322 Nimurebe Ibyahishuwe 16:13 kugeza 14, hagati y'Imurika rya Gatandatu n'irya Karindwi "Imyuka itatu yanduye isa nk'ibikeri" (mwabibonye?) "yasohotse mu kanwa k'umuntu." Noneho mwitegereze, twihuse. Muriteguye? Muvuge muti: "Amina." [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ubutatu bw'imyuka!

323 Noneho mwene Data wo mu idini, shyiraho byibura umunota umwe gusa. Ntuhaguruke ngo usohoke mu cyumba, ngo ujye inyuma hariya kuri iyi radio, aho telephone imanitse. Ntuzimye icyuma gifata amajwi. Komeza ushyireho umunota umwe gusa, hanyuma wumve. Wakomotse ku Mana, urabikora.

324 Ubutatu bw'ibikeri! Igikeri ni igikoko gihora kireba inyuma. Ntikigera kireba aho kigana; kireba aho cyaturutse. Murareba? Ntimureba? Ubutatu bwaturutse he? Nimwibuke, "imyuka itatu ihumanye," imyuka ya buri muntu. Murimo kubona? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

325 Icyitonderwa, basubiza amaso inyuma mu Nama Nikeya aho inyigisho y'Ubutatu yakomotse, atari muri Bibiliya. Nta kintu nk'icyo. Basubije amaso inyuma mu Nama ya Nikeya i Nikeya, Roma, ari naho ubutatu bwakomotse.

326 Murebe neza aho bwaturutse. Murebe. Kandi ubutatu bw'ibikeri bwavuye mu butatu bwa kera, bubyara ubutatu bushya, nyina wabwo. Byari kuvamo iki? Ubutatu, "ikiyoka," murebe, "inyamaswa," hamwe "n'umuhanuzi w'ikinyoma." Ubutatu, bushya. Mbese ibyo bikeri byasohotse ryari? Byabaye ryari? Mwitegereze, bwari buriho igihe cyose, ariko ntibwagaragaye kugeza hagati y'Imurika rya Gatandatu n'irya Karindwi, neza mbere y'uko Ikimenyetso gifungurwa (Hmm?) kugira ngo kibigaragaze.

327 "Erega mu Butumwa bwa malayika wa karindwi, ubwiru bw'Imana bwagombaga kumenyekana," ibyo bintu byose by'ubutatu, n'umubatizo w'ibinyoma, byose byagombaga kwigaragaza. Imana idufashe kubona Ukuri! Kandi ntimutekereze ko ari umuntu ugerageza kugira icyo abwira . . .

328 Ndumva uwo mwuka wanga Ibyo, murabona. Simbivuze kubwanjye, mwene Data. Ndavuga Malayika w'Uwiteka uri mu nkambi. Ni byo rwose.

329 Murebe, ubutatu! "Ikiyoka," ni bangahe bazi icyo kiyoka? Yari Roma. "Ikiyoka gihagarara imbere y'umugore gishaka kurya umwana we akimara kuvuka." Ibyo ni ukuri? Ni iki "inyamaswa" isobanura muri Bibiliya? Imbaraga. Ni byo. "Umuhanuzi w'ikinyoma, umuhanuzi w'ikinyoma," ikinyoma, abasizwe. Murareba?

330 Yatangiriye he? Uyu ni "umuhanuzi w'ikinyoma," mu buke. "Umuhanuzi w'ikinyoma," papa wa mbere; Uhereye aho haza "i—indaya, ni nyina wa ba maraya," n'ibindi byose.

331 Ubutatu bw'ikinyoma bwaradutse; atari mu minsi ya mbere, ntibwari kugaragara mu minsi ya mbere, kinjiranye na bwo. Ariko ubwo Ibimenyetso Birindwi bizaba bije, maze bigafungura ubwo bwiru bikabuhishura, icyo gihe ni bwo "ibikeri, imyuka itatu yanduye nk'ibikeri, izasohoka ikaza kwigaragaza ubwayo," inyigisho y'Ubutatu irwanya Ukuri. Murareba? Huh!

Murebe aho biva? Murebe aho bituruka? Inama Mpuzamadini. Bose ni abavandimwe, uko byagenda kose; imyuka imwe, ikintu kimwe.

332 Kandi murebe. Uko ni ko bashukana, bakora ibitangaza! Kandi aba ni amadayimoni asohoka ku mana zose zo ku isi, akora ibitangaza, kugira ngo abayobye mu minsi ya nyuma, kandi azabigeraho. Imana yavuze iki kuri uwo mwuka mubi?

Ati, "Nzamanuka ninjire mu kanwa k'abo bahanuzi mbatere guhanura ikinyoma, gutuma Ahabu asohoka ngo arimbuke."

333 Imana yaravuze iti: "Genda. Uzabigeraho. Uzabahatira kubyizera. Ntabwo bari kuri iryo Jambo, ngo baritangirane." Murareba? "Mugende, kuko muzamwemeza. Ni wowe uzabikora, nubageraho abo bahanuzi b'ibinyoma, 'kubera ko abishingikirijeho neza. Kandi ntacyo azi ku Ijambo, nta n'ubwo azagerageza kubyigaho. Ntashobora kubikora, kuko ari igiti cy'amahwa uzatangiriraho." Murareba? Murareba? "Uzabigeraho."

Nimurebe hano kuri ibi bikeri by'ibinyoma, bireba inyuma, "Kubera iki, muzi ibyo bavuze hariya i Nikeya?"

334 Sinnitaye ku byo bavuze, hariya i Nikeya. Ndavuga ibyo bavuze hano ku Ntebe y'Ubwami y'Imana; ibyo bizaba, ntabwo ari ibyabaye; bizaba, kuko Ari "NDIHO." Murareba?

"Ikinyoma." Mubirebeho. Huh! Mwitegereze aho baturuka.

335 Noneho (Mutege amatwi neza.) Turabona neza ko, ari nyuma y'uko Ikimenyetso cya Karindwi gifungurwa. Ibyo ni uguhishura ubwo bwiru: Ubwo butatu ni iki? Murareba? Ni hehe bwigeze bwitwa ubutatu? Murareba? Ni hehe muri Bibiliya yigeze ivuga

ijambo ubutatu? Ni hehe hashobora kubaho Imana eshatu, aho dusenga Imana eshatu kandi ntitube turi abapagani?

336 Ni gute bashobora gutandukana, mu gihe Yavuze ati: "Jye na Data turi Umwe"? "Nimutemera ndi We, muzarimbukira mu cyaha cyanyu, murareba, kutizera kwanyu." Icyaha ni ukutizera. "Muzarimbukira mu kutizera kwanyu."

Yoo, muvuga ko Ndi inde, muvuga ko naturutse he,
Oh, muzi Data, cyangwa mushobora kuvuga Izina Rye?
NDI Roza ya Sharona, Inyenyeri Yaka yo mu Ruturuturu.

Mushobora kumbwira Uwo ari We?

NIJYE wavuganye na Mose mu gihuru cyaka Umuriro,
NIJYE Mana ya Aburahamu, Inyenyeri Yaka yo Muruturuturu.
NDI Roza wa Sharona, Yoo, mwavuze ko naturutse he;
Yoo, muzi Data, cyangwa mushobora kuvuga Izina Rye? (Amina!)

NDI Alpha, Omega, Intangiriro n'Iherezo;
NINJYE ibyaremwe byose, kandi Yesu ni ryo Zina Rye.

Ni byo. Nta butatu! Oya, mugenzi. Icyo ni ikintu cy'ikinyoma.

337 Ikimenyetso cya karindwi, nigifungurwa ubwo bwiru "bugomba kurangira," bukagaragara. Ikimenyetso cyafunguwe; gikuraho, kikerekana, cyerekana neza Ukuri guhishe icyo kimenyetso cyari gihishe muri iyi myaka yose, binyuze muri ayo matorero yose n'amadini.

"Malaya ukomeye," w'Ibyahishuwe cumi na karindwi-. . . Yari nde? Ariko we ni "NYINA WA BA MALAYA," na we. Murareba?

"Noneho, mubita 'inkongoro, '" muravuga muti: "Mwene Data Branham." Ibyo ni byo.

338 Ariko, mwibuke, inkongoro ni igisiga. Yasigiwe kuguruka, kandi. "Imyuka yombi, iregeranye cyane ku buryo yayobya n'Intore. . . " Inkongoro ni nini nka—nk'ikizu. Yashoboraga kuguruka nk'ikizu; kandi yasizwe kuguruka, cyangwa kubwiriza, cyangwa guhanura, kumenyesha, kimwe n'ikizu. Ariko ntishobora gukurikira ikizu mu burebure. Oya, oya. Niba igerageje gukurikira ikizu, ibyo izakora bizagaragara. Yego mugenzi. Ntishobora gukurikira ikizu.

339 Yoo, ishobora kuvuga iti: "Nizera ko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana. Ndizera ko Imana ishobora byose, Data Umuremyi

w'ijuru n'isi; Yesu Kristo Umwana Wayo," n'ibindi. Yego, rwose, bashobora kubikora. Ariko tuvuge iki kuri We kuba uko yari ari ejo, n'yu munsi ari ko ari, kandi ko ari ko azahora n'iteka ryose? Murareba?

340 Ikizu ni igisiga cyubatswe mu buryo budasanzwe. Nta kintu kimeze nka cyo, kw'isi. Murareba? Ki—ki . . . Iyo sakabaka igerageje kugikurikira, cyangwa ibindi bisiga byose, irabihunga. Ibikurikira byabo bizagaragara, byanze bikunze. Yaturika mu gihe agerageje gushyira Divayi nshya mu macupa ashaje. Murebe, yari guturika. Yahunga. Ntabwo yakozwe, ntabwo yako . . . Umubiri wayo ntabwo wubatse ku buryo ushobora kuguma mu kirere hariya. Iyo yinjiye muri icyo kirere cyo hejuru aho, niba atarakozwe, atarashyizweho, ataratoranijwe mbere, ataravutse ari ikizu, azashwanyagurika aicikemo ibice. Murareba? Amababa yaguruka agapfukagurika, kikaba cyakwitura hasi. Ni byo. Ntashobora gukurikira ikizu, mu burebure. Niba abigerageje, ubupfu bwe buzagaragara. Ni byo. Ntashobora.

341 Kubera iki? Ntashobora kureba nk'ikizu. Byaba bimaze iki kugerageza gusimbuka hejuru cyane, kandi udashobora kubona aho ugeze iyo uri hejuru hariya? Niba kandi agomba kugerageza, ndetse akagerageza kwigana iki kizu, mu rwego rwo hejuru, ahinduka impumyi ku buryo atamenya icyo yakoraga. Ni byo. Arataka kandi akavuza induru, maze agakomeza; ariko mubwire Ijambo rimwe gusa, mwana wanjye, aho ubupfu bwe buramenyekana.

342 Vugana na we ku byerekeye umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo, cyangwa, We uko yari ameze ejo, n'uyu munsi ni ko ari, ni nako azahora, n'ibihe byose—byose nk'ibyo, maze ubimubwire. "Kubera iki, yoo, noneho tegereza gato!" Murareba? Yego, yego, aho amababa ye arapfuka. Murareba, byose yarabirenze, arahanura, kandi yirukana abadayimoni, no kuvuga mu ndimi, no gusakuza, no gutaka, kwiruka hejuru no hasi. Ariko ntugerageze gukurikirana Hariya; kubera iki, byanze bikunze azamenyekana.

343 Byararangiye, yashyizweho. Yarasizwe. Ashobora kuguruka. Ashobora kiringaniza, ahongaho, ariko si byo . . . kugeza ubu. Murareba, ashobora kurya inyama zaboze, ariko ntashobora kurya Inyama nshya ziva ku ntebe y'Ubwami.

344 Ni impumyi. Byose yarabikoze, ariko ntazi icyo yakoraga. Murareba, uwo Mwuka umwe wamuguyeho, nk'imvura, kugira ngo umugire ingano; ntabwo ari ingano yo gutangiriraho. Araturika. "Yoo, sinshobora kujya kuri bimwe . . . Yoo, oya, mugenzi! Nzi ko Muganga Jones yavuze . . . " Ni byiza, komeza. Murareba? Komeza, niba ubishaka.

345 Oya, murebe, ntabwo yavutse, cyangwa yubatswe, cyangwa yateganijwe mbere yo kuba ubwoko bw'igisiga. Ashobora . . .

Ni a . . . ashobora kuba ari indimu ikurira ku giti cy'icunga, ariko ntabwo yigeze ikomoka mu mizi. Ni ikintu cyagemetsweho. Kandi iyo bageze hejuru mu madini yabo ku buryo badashobora kubona Ijambo ry'Imana ryateganijwe mbere ryemejwe, noneho ubupfu bwabo buramenyekana. "Yoo, ibyo bintu, bidasobanutse hejuru mu buyobozi, kandi byose, yewe, ntacyo bivuze." Murareba? Byaramenyekanye.

346 Ntabwo yubatswe ngo arebe kure. Ashobora kubona gusa nk'uko amadarubindi y'idini ye azamuyobora kureba. Ariko, nyuma y'ibyo, ni impumyi nk'agacurama. Ni bwo ubupfu bwe bumenyekana. Murareba? Aho ni ho ikizu nyacyo kirira. Yego mugenzi. Aho ni ho ikizu cy'ukuri, cyatoranijwe kibonera icyo kiri cyo. Iyo adashobora gufata iryo Jambo, ako kanya ni bwo bamenya ko ari inkongoro y'amadini.

347 Kubera iki, kubera iki adashobora kuguruka? Impamvu, nmwitegereze ibyo arimo kurya. Yagiye kurya imborera zo mu madini. Ibyo ntibizashoboka—ibyo ntibizashyira umubiri we mu mwuka, ntibizamushyira mu kirere cy'umwuka, mu yandi magambo, kumujyana hejuru y'itandukaniro ry'amadini. Murareba? Murareba, agaburirwa gusa ibintu biboze; umubiri we wakozwe muri ibyo. Ntashobora kuzamuka hariya aho izo Nyama nshya zitunga icyo kizu. Ntashobora kubikora. Murareba?

348 Ibyo byuzuza Matayo 24:24. Arimo kuguruka, asimbagurika mu kirere, akubita amababa, ariko ntashobora kuzamuka bihagije. Murareba? Ni byo. Murebe, ntashobora kugenda, ntashobora kugera hejuru bihagije kugira ngo abone iyo Manu nshya. Ashobora kurya manu ishaje yamanutse hano hasi, inkwavu zishaje zapfuye kuva mu cyumweru gishize, n'ukwezi gushize, cyangwa imyaka mirongo ine ishize, kwanduza. Ashobora kurya ibyo, akanezererwa hejuru yabyo, akikubita hasi, agakomeza, agasimbuka akaguruka nk'ikindi kizu cyose. Yarasizwe, nk'ikindi gisiga cyose.

349 Kandi ni ubwoko bw'ikizu, sakabaka. Ibyo turabizi. Yizeye neza ko ari yo, ariko ntashobora gukurikiza iyo sakabaka nyayo. Murareba? Ntashobora kubikora. Oya, mugenzi. Umubiri we ntabwo wubatswe; yagiye kurya ibyaboze bitandukanye, Murareba, kandi ntibizaba . . . ntibizashoboka—ntibizaba Inyama nshya, Manu nshya. Byaba ari ibintu Luther yavuze, Wesley yavuze, cyangwa Dogiteri yavuze *n'ibindi*. Ntabwo bizaba ku byo Yesu yavuze muri iki gihe.

350 Reka tugende nonaha, hafi. Abasizwe, "Ba Kristo," mu minsi y'imperuka, ariko "abigisha b'ibinyoma n'umuhanuzi w'ikinyoma." Murebe ukuntu bitangaje! Noneho, ndashaka ko mugereranya ibi; ntitwabonye umwanya wo kubisoma, Matayo 24:24 hamwe na Timoteyo wa Kabiri 3:8.

351 Matayo 24:24 yaravuze ngo, mu minsi ya nyuma, murareba, "Hazabaho ba Kristo b'ibinyoma," ibinyoma, abasizwe, "abahanuzi b'ibinyoma, kandi bazerekana ibimenyetso n'ibitangaza," neza neza bisa, nk'ukuri, nkaho ari ukuri, "kandi—kandi bazashuka hafi n'Intore niba bishoboka." Noneho nimwitegereze, uwo ni Yesu wavugaga.

352 Hano haza Pawulo, inyuma Ye, maze aravuga ati: "Noneho, mu minsi ya nyuma, hazabaho abanyamadini, murareba, bafite uburyo bwo kubaha Imana. Kandi bayobowe n'abagore batagira ubwenge, bayobowe n'ubwoko bwose bw'irari ry'isi."

Noneho baribaza, bavuga bati: "Kuki mutoranya abagore?" Yoo, kubw'ibyiza . . . Gusa ntibanabibona.

"Abayobozi b'abagore batagira ubwenge, baremerewe n'irari ryinshi," kure y'ibintu nka . . . Bya i . . . Murareba, "Kandi nka Yani na Yambure . . . "

Matayo 24:24, "Kristo w'ikinyoma," ibinyoma, abasizwe, gukora ibimenyetso n'ibitangaza byo kubeshya Intore.

353 Noneho, nk'uko Yani na Yambure bahanganye na Mose, ni ko aba bazabirwanya, bamagana ibitekerezo bijyanye no kwizera. Ntabwo *kwi* kwizera, *u* kwizera! "Ukwizera kumwe, Umwami umwe, umubat- . . . " Ntushobora kugira kwizera *kumwe* utizeye Umwami *umwe*. Ntushobora kugira imibatizo ibiri, ntabwo ari umwe wa Data, n'Umwana, Umwuka Wera. Umubatizo umwe: Yesu Kristo. Murareba? Ni ukuri. Murebe, umubatizo w'ikinyoma!

354 Icyitonderwa, mubigerereranyirize hamwe noneho nimugera mu rugo. Murareba Matayo 24:24, Yesu avuga; Pawulo, Timoteyo wa kabiri 3: 8; n'abandi benshi. Noneho mugereranye ibyo.

Noneho mwongereho ibindi Byanditswe, Luka 17:30, Malaki 4.

"Nk'uko Yani na Yambure bahanganye na Mose," Ijambo ryasizwe ry'igihe, "n'abo bagabo bazabikora," ntabwo ari umuntu, "abagabo," abasizwe, "barwanya Ukuri."

355 "Mu minsi nyine Umwana w'umuntu azahishurwa." Ibyahishuwe 10:1 kugeza 7, muhasome mugeze mu rugo, "Ubutumwa bwa malayika wa karindwi, kumenwa kw'Ikimenyetso." Ni ibiki? Ntabwo umumalayika ari Umwana w'umuntu; ariko intumwa ihishura Umwana w'umuntu. Mushobora kubitandukanya nonaha? Aho ni ho bisa nk'aho bibagoye, murabona. Ntabwo ari Umwana w'umuntu, ubwe; ariko malayika wa karindwi, intumwa ya karindwi, ihishurira rubanda Umwana w'umuntu, kubera ko byasize igishishwa. Ntashobora kubitegura. Byongeye nanone, ni Imbuto, Byo ubwabyo.

356 "Kuri uwo munsi, Yani na Yambure bazahangana," abasizwe (abigira-abizera n'abatizera, itorero ryemewe n'Abapenekosite)

bahagurukira kurwanya Imbuto nyayo, "ariko nimubareke; ubupfu bwabo buzagaragara, nk'uko ubwabo bumeze." Murareba? Murumva noneho? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

357 Ibyahishuwe 10, haravuga ngo: "Mu minsi y'ijwi rya malayika wa karindwi." Noneho mwibuke, wa karindwi, Itorero rya Lawodikiya. " Ku Ijwi ry'uwo mumalayika," ubwo icyo gihe cy'itorero kizahinduka icy'idini kandi kigahinduka n'igihe cy'itorero, iyo bikozwe mu muryango wacyo wa Penenekosite; iyo intumwa kuri icyo . . .

358 Buri ntumwa yari iki? Martin Luther yari iki? Gucyaha Gatolika. Wesley yari iki? gucyaha Abaluteriyani. Penekosite yari iki? Gucyaha abandi. Ubuzima bwagiye he? Hanze y'ishyirahamwe. Ntabwo bikiri igishishwa; ni Imbuto. Ni iki? Kwamagana Penekosite, murareba, gusohoza Ibyanditswe by'iki gihe. Murareba?

359 Mumenye ko, umunsi nyine iyi ntumwa . . . Ntabwo ari igihe atangiriye, ahubwo ubwo azatangira gutangaza Ubutumwa bwe. Murareba? Ugukurura kwa mbere, gukiza indwara; Gukurura kwa kabiri, guhanura; Kurura kwa gatatu, gufungura Ijambo, guhishurwa k'ubwiru. Ntibikiriho, nta tegeko risumba ayandi ryo guhishura Ijambo, riruta iry'abahanuzi. Ariko inzira yonyine umuhanuzi ashobora gutsindishirizwamo ni iy'Ijambo. Kandi, mwibuke, Gukurura kwa gatatu kwari ugufungurwa kw'ikimenyetso cya karindwi, mu guhishura Ukuri guhishe gufunzwe mu Ijambo. Murareba? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

360 Ni bwo noneho, muri iyo minsi ubwo ibi bintu bizasohora, ko Yani na Yambure, abigana, bazongera kugaragara. Nk'uko babigenje igihe Mose yagaragaye hamwe n'Ijambo ry'umwimerere, mu kubivuga, bagaragaye nk'abigana. Ni byo rwose. Noneho murabona Matayo 24:24 icyo ari cyo? Murareba, abasizwe!

361 Noneho hari ibintu bitatu tugiye kuvugaho mbere yo gusoza. Ni ibi. Ndashaka ko mutega amatwi neza rwose mu gihe twegereje gusoza. Ibintu bitatu, mwibuke, ibintu bitatu byasohoye. Ibintu bitatu biri imbere yanyu nonaha.

362 Icya mbere. Isi iri mu bihe by'i Sodomu. Yesu yarabivuze ko ari ko bizagenda. Mwitegereze kugoreka; abagore bacu bagerageza gukora nk'abagabo; abagabo bacu bagerageza gukora nk'abagore, abagabogore; kubora, umwanda, kurambarara hasi, abadayimoni, nyamara ntibabizi. Bibiliya yavuze ko ibyo bizaba, kandi ni ho bigeze.

Icya kabiri. Ni muri icyo gihe, dukurikije Ibyanditswe hano, Yani na Yambure baragaragara. Icya kabiri.

Icya gatatu. Muri icyo gihe ni ho Umwana w'umuntu agomba guhishurwa.

363 Hariho umwizera wanyu, uwigira-uwizera, n'utizera wanyu. Hariho Ijambo ry'ukuri rihagaze, ryemezwa; hariho abigira-abizera baryigana; kandi hariho abatizera banze ibintu byose.

Ariko hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba,
Inzira ijya muBwiza muzayibona rwose; (Ni byo?)

Amahanga arimo gusenyuka, Isiraheli irimo gukanguka,
Ibimenyetso Bibiliya yacu yahanuye;
Iminsi y'abanyamahanga irabaze (Sodomu), hamwe n'ingorane nyinshi;
"Mugaruke iwanyu, yemwe abatatanye."

Umunsi wo gucungurwa uregereje,
Imitima y'abantu iranihira, muri ubu bwoba;
Wuzuzwe n'Umwuka w'Imana, saba amatabaza yawe gutunganywa yake, (Ushobora rero kubona Ijambo ry'igihe.)
Mwitegereze hejuru! Gucungurwa kwanyu kuregereje.

Abahanuzi b'ibinyoma barabeshya, (Bavuze ko bari hano; abasizwe.), Ukuri kw'Imana baraguhakana,
Ko Yesu Kristo ari Imana yacu;

Ibyo, ntibabyemera. Bibiliya yavuze ko icyo kintu kiri hano. Ngiki hano!

Ariko tuzanyura aho intumwa zanyuze.

Umucyo umwe! "Kandi usubize kwizera kwa ba se ku bana."

Umunsi wo gucungurwa uregereje, (Rero uri hafi.)
Imitima y'abantu irananiwe kubera ubwoba; (Isi iradagadwa.)
Yoo, nimwuzuye Umwuka w'Imana, mutegure amatara yanyu muyatunganye yake.
Mwitegereze hejuru! Gucungurwa kwanyu kuri bugufi.

Murabyizera? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Mureke twunamishe imitwe yacu.

364 Hanze mu gihugu aho ubu Butumwa bugana, kuva ku nkombe y'Iburasirazuba kugera mu Burengerazuba, kuva Californiya kugera New York, hepfo mu majyepfo, hejuru y'Amajyaruguru, hanze mu butumwa, n'aho bugana hose, no muri uru rusengero. Turi abakene. Ntabwo dufite bya bintu bikomeye, binini, bishashagirana, hamwe na tereviziyo. Turimo kugerageza gukora ibyiza uko dushoboye. "Ariko abo Data yampaye bose bazaza."

365 Noneho, ndashaka ko mumenya ibi byanze bikunze, cyane kuri mwebwe mwumva iyi kaseti. Mushobora kuba mwaratekereje ko uyu munsi nagerageje kuvuga ibyo kubwanjye, kuba nari ndimo gutanga ubu Butumwa. Nta kindi mfite cyo kubikoraho, nta kindi cyeretse ijwi gusa. Kandi, ijwi ryanjye, ndetse no kurwanya neza urubanza rwanjye; nashakaga kuba utega umutego. Ariko ni ubushake bwa Data ntangaza gukora, kandi niyemeje kubikora.

366 Ntabwo Ari njyewe wagaragaye ku mugezi; Nari mpagaze aho gusa igihe We yagaragaraga. Ntabwo ari njye ukora ibi bintu kandi uhanura ibi bintu nk'uko bibaho neza neza; Ndi wawundi gusa uba uri hafi iyo Abikoze. Nari ijwi gusa yakoresheje, Abivuga. Ntabwo ari ibyo nari nzi; ni ibyo nanyuzemo njyewe ubwanjye, ni byo anyuriramo We avuga. Ntabwo ari njye, ntabwo yari malayika wa karindwi, yewe, oya; kwari ukugaragara k'Umwana w'umuntu. Ntabwo yari malayika, ubutumwa bwe; bwari ubwiru bw'Imana buhishuye. Ntabwo ari umuntu; ni Imana. Umumalayika ntabwo yari Umwana w'umuntu; yari intumwa ituruka ku Mwana w'umuntu. Umwana w'umuntu ni Kristo; ni We urimo kugabura. Ntabwo mugaburirwa n'umuntu; umuntu, amagambo ye azashira. Ariko murimo kugaburira Umubiri-Jambo ritaneshwa ry'Umwana w'umuntu.

367 Niba mutaragaburiwe byuzuye kuri buri Jambo, ritanga imbaraga zo kuguruka hejuru y'aya madini yose n'ibintu by'isi, muri iki gihe muzabikora, mu gihe dusenga?

368 Data mwiza, iki ni ikintu gikomeye. Ntibyoroshye ku bantu bapfa kubikora. Ni Wowe uzi byose. Kandi ndagusabye, Mana nkunda, kugira ngo bitazumvikana nabi. Ariko, mu mucyo w'Ijambo Ryawe, abantu bawugenderemo.

369 Kandi, Data Mana, sinzi Intore izo ari zo; Urabizi. Sinzi igihe cyo Kuza Kwawe. Ariko nzi gusa ko Wavuze ko igihe ibyo bisohoraga, abigisha b'ibinyoma, abasizwe; atari cyo gihe batangiriye.

370 Mose yarabaretse, kuko atari agishoboye kubikora. Yashoboraga kuvuga gusa ibyo Wowe wavugaga. Wamubwiye guhamagara imbaragasa; hanyuma nabo barazihamagara. Wamubwiye guhindura amazi amaraso; hanyuma nabo barabikora. Mose yitaye ku, Ijambo ku Ijambo, nk'uko wabivuze, ariko rero ni Wowe wagaragaje ubupfu bwabo.

371 Noneho Data, uri Imana, nyamara. Ijambo rimwe ryavuze ko ibi bizaba mu minsi y'imperuka. Abantu benshi b'inyangamugayo, nk'uko twabivuze ku Cyumweru gishize, bashyira ikiganza kuri iyo Sanduku, ku kagare gashya bahahiramo,' kandi atari ibitugu by'Abalewi, bikubita hasi barapfa, "bapfiriye mu byaha n'ubwinjiracyaha," batongana n'umutimanama wabo.

372 Abakozi benshi bicara mu biro byabo, bagasoma iryo Jambo, maze bagahita bahindura iyo paji vuba; kugira ngo birinde gusandara, bakamenya ko bazatakaza imibereho yabo hamwe no guhagarara imbere y'abantu, n'itorero rye hamwe n'idini rye. Imana idufashe kutazigera tubikora!

373 Sukura imitima yacu, Mwami, umwanda wose w'isi. Mwami, niteguye kwezwa. Nditeguye, hamwe n'iri torero hamwe n'abumva bose, kandi n'uzumva iyi kaseti wese. Ndahagaze, Mwami, kandi ndasaba kwezwa. Mwami, unjyane mu nzu y'Umububumbyi uncure, umbumbe ungire umugaragu Wifuza.

374 Kubera ko, Mwami Yesu, "Ndi umugabo w'iminwa yanduye," nk'uko Yesaya yagutakambiye, "mbana n'abantu bafite iminwa yanduye; kandi ndagowe, kuko mbona uguhishurwa kw'Imana kugaragara," nk'uko Yesaya yabonye Abamalayika mu Ngoro. Ndabona igihe cy'imperuka, Mwami, kandi ishyano riri kuri njye n'umuryango wanjye; ishyano riri kuri njye n'ubwoko bwanjye. Mana ihoraho, tugirire impuhwe. Ndinginga ku bwanjye no kubw'abantu. Ntuturimburane n'abatizera, ahubwo tubane n'abizera.

375 Amadini yose, Mwami, umugabo wese cyangwa umugore . . . Sinshobora kugusaba guha umugisha idini, mu gihe nzi ko urirwanya. Ariko nshobora kuvuga gusa, Mwami, niba ufite intama Zawe muri bo, nibumve iyi kaseti. Nibabyumve, Mwami, kandi babyumve hamwe no gusobanukirwa Uzabaha, nibasohoka bakwakire. Ntibashukwe n'ubuhumyi n'imigenzo y'iyi minsi. Ntibagerageze kurya ku kintu cyapfuye mu wundi munsi. Nibafate Ijambo.

376 Ni muri ubwo buryo Abafarisayo bakubambye, Mwami. Bafashe intumbi yo mu gihe cya Mose, bagerageza kuyishima hejuru; Umaze gutanga urugero, mu butayu, rwa manu nshya ya buri joro, bisobanura buri gisekuru. Aho ni ho bananiriwe. Yarabaroze. Irabica, kurya ibyo biryo byanduye.

Kandi, mu mwuka, ikora ikintu kimwe muri iki gihe; mu bice, mu mwuka, hamwe n'itorero.

Dufashe, Mana nkunda. Byose biri mu biganza Byawe ubungubu. Mu Izina rya Yesu Kristo.

N'imitwe wacu yubamye, tugiye kuririmba mu gihe dufata icyemezo. Uzakomeza inzira yose?

> Nshobora kumva Umukiza wanjye . . . (Kandi
> ni Jambo.) Ahamagara,
> Nshobora kumva . . .

"Yoo, Nayobye igihe kirekire, ariko, mu by'ukuri, ubungubu ndamwumva, 'Nimuze munsange, mwebwe mwese abarushye.'"

> . . . mwumve . . .

377 "'Fata umusaraba wawe, unkurikire buri munsi.' 'Yego, n'ubwo nanyura mu kibaya cy'igicucu cy'urupfu, sinzatinya

ikibi; munsi y'ijuru unyuze mu rwuri rw'ubwatsi butoshye, no ku mazi atuje.'"

Kandi aho anyobora hose njye. . .

378 "Mwami, ndabona ubwo buswa bw'ubutatu. Ndabona isi yose yarabibwemo; urumamfu rukura ahantu hose. Ariko aho Unyobora hose nonaha, Mwami, nzaba nk'abo mu Byakozwe n'intumwa 19. 'Igihe mvia Ibi, babatijwe mu Izina rya Yesu Kristo.'"

. . . Mukurikire,

"Nagiye igice cy'inzira, Mwami, birahagije kukwakira."

Noneho nzajyana na We inzira yose.

379 Mana nziza, nizeye ko ibyo bivuye ku mutima wanjye. Nizera ko bivuye ku mutima wa buri wese uririmba muri iki gihe, birashoboka ko benshi bazumva iyi kaseti, abatari hano cyangwa abatabyumva nonaha. Turifuza, Mwami, tutitaye ku giciro. Kuvuga tuti: "Nk'umuntu ugiye guhura n'izindi ngabo, umusirikare, umwami; abanza gushyiraho akabara, ashoboye kubikora, ashobora kureka ibintu by'isi? Mushobora kwihana, mukifatanya n'ingabo z'Ijambo ry'Imana ryanditse, mukagendana n'abasirikare Bayo, mukagurukana n'ibizu Byayo?" Bitwemerere, Mwami, mw'izina rya Yesu.

380 Murizeye? Muramwemera? Ni byiza. Turaza kongera kubabona hano, iri joro, Uwiteka nabishaka. Mwizera ko ari Ukuri? [Itorero rivuga riti "Amina."—Ubwanditsi.] Birasobanutse bihagije? ["Amina."]

Noneho fata Izina rya Yesu urikomeze,
Mwana w'agahinda n'amagorwa;
Bizagutera umunezero no guhumurizwa,
Rijyane ahantu hose. . .

Noneho, hana ibiganza n'umuntu ukwegereye nonaha.

Izina ry'Agaciro, Yoo mbega!
Byiringiro by'isi, (Ibyiringiro by'isi!) byishimo by'ijuru;
Izina ry'agaciro, Yoo mbega!
Byiringiro by'isi n'ibyishimo by'Ijuru.

Mu Izina rya Yesu mwuname,
Yikubise imbere yubamye,
Umwami w'abami mw'Ijuru tuzambika ikamba. . .(Ni Imana rero.)
Ubwo urugendo rwacu ruzaba rurangiye.

Izina ry'agaciro, (Izina ry'agaciro!) Yoo mbega uburyohe! (Yoo mbega ukuntu riryoshye!)
Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo by'Ijuru;
Izina ry'Agaciro, Yoo mbega uburyohe!
Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo by'Ijuru.

Ndakeka ko abakozi b'Imana bose bamenyekanishijwe muri iki gitondo, bagashimirwa.

381 Iyo umuntu asenze icyumweru cyose, yibaza icyo, abonye ibi Byanditswe, bihagaze imbere yanyu. "Ni ishyano kuri njye," Pawulo ati: "niba ntamamaza Ubutumwa bwiza." Ku iherezo ry'urugendo rwe, yaravuze ati: "Sinashidikanije kubamenyesha Inama zose z'Imana nk'uko nabihawe."

Rimwe na rimwe nibagirwa kuzirikana ibintu, kwerekana, gushyira abana mu maboko y'Imana.

Billy aravuze ati: ejobundi, umugabo yaraje aravuga ati: "Maze imyaka ibiri nza hano gushyira umwana wanjye mu maboko y'Imana."

382 Billy ati: "Ntutekereze nabi kuri ibyo. Mfite umwana, w'umwaka; ntabwo ndamushyira mu maboko y'Imana, nyamara. Gusa ngiye gutegereza kugeza akuze bihagije kugira ngo yizamure hariya wenyine, ndakeka."

Turasanga rero, muvandimwe, mushiki wacu, ntabwo ari byo—ntabwo ari byo, reba, Njye. . . Ikintu kimwe, dukwiye kwitangira abana bacu.

383 Tugomba kubatiza buri wese. Hano hari pisine; dore amazi. Niba utarabatizwa, ni iki kikubuza? Hano hari amazi. Ngwino nonaha. Ntutegereze iri joro; ngwino nonaha. Hano hari umuntu uhagaze hano uza kubatiza umuntu wese wihannye kandi wemeye. Niba warabatijwe inshuro icumi, barakubatiza mw'Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu. Murareba? Turi abongabo.

384 Ariko, murareba, Ubutumwa buri ku mutima wanjye. Ngomba kubusohora. Ngiyo intego yanjye yonyine, sinitaye ku byo umugore wanjye avuga, abana banjye bavuga, pasiteri wanjye avuga, ibyavugwa byose. Ni Umwami wanjye. Ngomba kubisohora. Iyo ni yo ntego yanjye yonyine.

385 Noneho, inshuro nyinshi, nibagiwe gushimira abakozi b'Imana. Ndakeka ko ahari. . . mwene Data, Mwene Data Neville, umuntu w'igiciro. Aba bene Data bandi hano, twishimiye kubabona.

386 Ntabwo twemeranya nawe, mwene Data, ko dutandukanye. Benshi muri mwe hano mushobora kuba ababwiriza b'ubutatu. Ntabwo dushaka kubarakarira. Turabakunda. Niba tutabikoze, niba ntabyizeraga, ntabwo nakwigera mva muri iri torero kugeza igihe manukiye hariya ngapfukama nkavuga nti: "Mana, nkosora."

387 Sinshaka ko uwo mwuka w'ubwibone, wo kwikunda wivanga n'uwanjye. Ndashaka ko umwuka wanjye uba mwiza kandi usukuye, urukundo rwa kivandimwe, rwera hamwe n'Umwuka Wera. Noneho, niba hari umuntu ungiriye nabi, ni byiza. Kandi n'ubwo nshobora kuba mfite uburenganzira bwo

kubagarukaho, sinshaka ibyo mu buzima bwanjye. Oya, njye—ndashaka kugira urukundo. Ndashaka kwitegura gukosorwa n'urukundo, hamwe n'urukundo rusubiza rwose kubw'ibyo.

388 Ntabwo nshaka kuvuga kwitandukanya. Umumetodiste, Umubatisita, Umunyagatolika, Umuperesibiteriyeni, uwo uri we wese, Simvuze ibyo bintu kubwo kwitandukanya, kubirataho. Niba mbikoze, naba ndi indyarya kandi nkwiriye kuba hano munsi y'iki gicaniro, nsenga Imana.

389 Ariko mbivuze, ari ukubera urukundo, kandi ndabona aho mugiye. Noneho, ibi simbivuze muri njye ubwanjye, mvuga ngo ndakeka. Mbahaye UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Uko ni Ukuri. Kandi ndabakunda kubw'ibyo bintu. Imana ibahe umugisha.

390 Noneho mu gihe turirimba undi murongo w'iyi ndirimbo, reka bibe, mbere y'uko tugenda. Turashaka ko muza kuba hano iri joro, niba mubishoboye. Niba mutabishoboye, Imana ibane namwe kugeza twongeye guhura. Turasenga gusa kugira ngo Imana nibishaka i—ize kubaha imigisha kandi ibahe ibyiza by'igihugu Cyayo, Murareba.

Mufate Izina rya . . .

65-0725M Abasizwe Bo Mu Gihe Cya Nyuma
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

Voice Of God Recordings

P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.

www.branham.org